

**INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA  
RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU  
YEZU KRISTU**

**MU IJWI RY'ABARI KUMWE**

**NA YEZU MURI ICYO GIHE**



**UBUTUMWA BWAKIRIWE NA  
Sr SOLANGE NA Sr VALENTINE**

31 WERURWE 2023  
06 MATA 2023



**COPYRIGHT 2023 MONAKI**  
**Tous droits réservés.**



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ingingo z'igitabo cy'inzira y'umusaraba n'izuka  
ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu

<b>I. INZIRA Y'UMUSARABA .....</b>	<b>3</b>
<b>0.1. BIKIRA MARIYA : KUZIRIKANA INZIRA Y'UMUSARABA MU CYUMWERU GITAGATIFU, MU IJWI RY'ABARI KUMWE NA YEZU KRISTU MURI ICYO GIHE ...</b>	<b>3</b>
<b>0.2. BIKIRA MARIYA : YOHANI W'I SIRENI NI NDE ? YAKOZE IKI MU RUPFU RWA YEZU KRISTU ? .....</b>	<b>15</b>
<b>1. MUTAGATIFU PETERO : PILATO ACIRA YEZU URUBANZA NGO APFE .....</b>	<b>26</b>
<b>2. MUTAGATIFU PETERO : YEZU AHEKA UMUSARABA 35</b>	
<b>3. MUTAGATIFU MARIYA MADALENA : YEZU KRISTU AGWA UBWA MBERE .....</b>	<b>43</b>
<b>4. BIKIRA MARIYA : YEZU AHURA NA NYINA .....</b>	<b>50</b>
<b>5. MUTAGATIFU SIMONI : SIMONI UMUNYESIRENI AFATANYA NA YEZU GUTWARA UMUSARABA.....</b>	<b>60</b>
<b>6. MUTAGATIFU VERONIKA : UMUGORE AHANAGURA YEZU MU MASO .....</b>	<b>68</b>
<b>7. BIKIRA MARIYA : YEZU KRISTU AGWA UBWA KABIRI.....</b>	<b>77</b>
<b>8. MUTAGATIFU MARITA : YEZU AHOZA ABAGORE BAMURIRAGA .....</b>	<b>85</b>



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

9. MUTAGATIFU SALOME : KRISTU AGWA UBWA GATATU .....	92
10. MUTAGATIFU NIKODEMU : YEZU BAMWAMBURA .....	100
11. MUTAGATIFU MARIYA MADALENA : YEZU KRISTU ABAMBWA KU MUSARABA .....	108
12. MUTAGATIFU YOHANI: YEZU APFIRA KU MUSARABA .....	119
13. MUTAGATIFU YOZEFU W'I ARIMATIYA : UMURAMBO WA YEZU KRISTU BAWURURUTSA .....	125
14. BIKIRA MARIYA: IHAMBWA RYA YEZU .....	135
II. UKO TWAKIRIYE INKURU NZIZA Y'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU .....	144
1. MUTAGATIFU MARIYA MADALENA .....	144
2. MUTAGATIFU PETERO INTUMWA .....	156
3. MUTAGATIFU YAKOBO .....	167
4. BIKIRA MARIYA .....	178
5. MUTAGATIFU YOHANI .....	187
6. MUTAGATIFU SALOME .....	198
7. MUTAGATIFU TOMASI .....	205
8. MUTAGATIFU VERONIKA .....	213



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

### I. INZIRA Y'UMUSARABA

#### 0.1. BIKIRA MARIYA : KUZIRIKANA INZIRA Y'UMUSARABA MU CYUMWERU GITAGATIFU, MU IJWI RY'ABARI KUMWE NA YEZU KRISTU MURI ICYO GIHE

#### ***UBUTUMWA BWA BIKIRA MARIYA, TARIKI 31 WERURWE 2023***

Yezu Kristu yafashe inzira y'umusaraba, kandi azamuka Kaluvariyo, atwaye imibabaro kandi atwaye icyaha cya Mwene Muntu mu Isi, kuko ari cyo cyari cyamuzanye mu Isi, kugira ngo amurokore kandi amukize urupfu rwa burundu; amutandukanye n'ingoyi zose z'umwanzi, kandi amwereke urukundo Imana Umuremyi akunda Mwene Muntu, kandi urukundo Imana Umuremyi ifitiye ikiremwa muntu; ariko urukundo yazaniye Isi ntiyabasha kurwakira kandi ntiyabasha kurubamo uko yagombaga kurubamo; bityo inyiturano iba agashinyaguro, kandi inyiturano iba kumushinja ndetse no kumushimuta mu buryo bukomeye bwo kemera kumuhekesha umusaraba, kandi kumufata nk'igisambo; kandi yari Imana nzima, yaragiriye bose neza, kandi akita ku muryango w'Imana, awugirira neza, awereka urukundo, awugaragariza inzira y'agakiza.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ntabwo rero Yezu Kristu yigeze yinubira ubwo bubabare, kandi ntabwo yigeze yinubira uwo mubabaro; kuko yemeye kwishyira mu maboko y'abishi be, kandi yemera gushyikira byose kugeza ku gitonyanga cya nyuma; ko atigeze yanga umusaraba Mwene Muntu yamuhekesheje, kuko yari yaje gukiza Isi abigiriye urukundo, kandi yaje gufata byose mu isi; kugira ngo Mwene Muntu abohorwe, kandi Mwene Muntu akurwe ku ngoyi y'icyaha, yemeye gutwara icyaha cya Mwene Muntu, kandi agitwara abigiriye urukundo; ntawe asiganyije, kandi atajuriye cyangwa ngo yijujute; kuko urukundo rwamushoboje byose, kandi urukundo rukamuha gutwara umusaraba yagombaga gutwara no kuzamuka Kaluvariyo, kuko yagombaga kuyizamuka agira ngo akize Mwene Muntu, kandi inyiturano y'icyiza yazaniye Mwene Muntu yabaye iy'umusaraba ndetse n'urwango rukomeye; agaragariza Mwene Muntu urukundo ko atigeze agabanya urwo yari yazaniye Mwene Muntu; bityo kurinda agera ku musozi wa Kaluvariyo akigaragaza urwo rukundo, kandi arugaragariza Isi yose; yemeye rero gutwara umusaraba kandi awutwara arangamiye Se, umutegetsu kandi umubyeyi; bityo Data amushoboza byose, kandi amwereka ko bari kumwe kugeza ku rupfu rwe rwa nyuma; kuko atigeze amutererana, kandi atigeze amuta mu nzira.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yabaye hafi rero kandi abana n'abemeye kugendana na we kandi baramusobanukiwe bakamukunda, bakamukorera; bityo bagendana mu rugendo rukomeye kandi bagendana inzira y'ububabare; kuko tutahwemye kugendana na we kandi tutahwemye kumuba hafi mu buryo twagombaga kumuba hafi ndetse n'uburyo twagombaga kumushyigikira; kuko ndi umuhamya w'ububare bwe, kandi nkaba umuhamiriza w'ibikorwa bikomeye yahuriye nabyo mu nzira y'umusaraba, kuko ntigeze mwitaza cyangwa ngo mujye kure; kuva ku ntangiriro y'ububabare kandi kuva ku ntangiriro y'urupfu rwe; nkaba nari mpibereye kandi byose mbirebesha amaso yanjye, mbishyingura ku mutima, kandi mbitura Data wamumpaye; kuko nari nzi urugendo agomba kugenda, kandi byose byagendaga binyigaragariza, mu ngiro y'ububabare yahuye nabwo bukomeye, ajya gupfira Mwene Muntu, ku musozi wa Kaluvariyo.

Yagenze rero urugendo rutoroshye kandi ahura n'umubabaro ukomeye Isi idashobora kumva, kandi Mwene Muntu adashobora gushyikira; kuko byose yabyuhagije amaraso ye y'urukundo, kandi byose akabitwara ku mutima mu rukundo; kugira ngo Mwene Muntu arebe iyo nzira, kandi Mwene Muntu agire icyo yiga n'ishusho nyakuri asigarana mu mibereho ye, yo guhagarika ubugizi bwa nabi, kandi yo kutagomera intungane, ndetse n'abana b'Imana.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Isi rero ntiyashatse kwiga uko yagombaga kwiga, kandi ntiyashatse kwakira iyo nzira ikomeye Yezu Kristu yanyuzemo, bityo bamwe baterera iyo, kandi abana bamukunda, kandi inkoramutima ze, zose zihitamo kuzirikana kandi no kwakira iyo nzira y'umusaraba nk'inzira ya buri wese mu Isi ukunda Imana kandi uyoboka Imana.

Mu bubabare rero bwari bukomeye utari bworoheye uwaburebaga kandi bitari byoroheye nkanjye umubyeyi mu buryo twagombaga kumuba hafi ndetse n'uburyo twagombaga kumushyigikira, kuko ndi umuhamya w'ububabare bwe, kandi nkaba umuhamiriza w'ibikorwa bikomeye yahuriye nabyo mu nzira y'umusaraba, kuko ntigeze mwitaza cyangwa ngo mujye kure; kuva ku ntangiriro y'ububabare kandi kuva ntangiriro y'urupfu rwe, nkaba nari mpibereye, kandi byose mbirebesha amaso yanjye, mbishyingura ku mutima, kandi mbitura Data wamumpaye, kuko nari nzi urugendo agomba kugenda, kandi byose byagendaga binyigaragariza, mu ngiro y'ububabare yahuye nabwo bukomeye, ajya gupfira Mwene Muntu, ku musozi wa Kaluvariyo.

Yagenze rero urugendo rutoroshye kandi ahura n'umubabaro ukomeye Isi idashobora kumva, kandi Mwene Muntu adashobora gushyikira, kuko byose yabyuhagije amaraso y'urukundo, kandi byose



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

akabitwara ku mutima mu rukundo; kugira ngo Mwene Muntu arebe iyo nzira kandi Mwene Muntu agire icyo yiga n'ishusho nyakuri asigarana mu mibereho ye, yo guhagarika ubugizi bwa nabi, kandi yo kutagomera intungane, ndetse n'abana b'Imana.

Isi rero ntiyashatse kwiga uko yagombaga kwiga, kandi ntiyashatse kwakira iyo nzira ikomeye Yezu Kristu yanyuzemo, bityo bamwe baterera iyo, kandi abana bamukunda, kandi inkoramutima ze, zose zihitamo kuzirikana kandi no kwakira iyo nzira y'umusaraba nk'inzira ya buri wese mu Isi ukunda Imana kandi uyoboka Imana.

Mu bubabare rero bwari bukomeye kandi butari bworoheye uwaburebaga kandi bitari byoroheye nkanjye umubyeyi we kuko byari ibihe bikomeye kandi byari ibihe Isi yamutereranye, yose yamukuyeho amaboko, bityo nkemera gusigasira icyiza cyanjye, kandi nkemera gusigasira urukundo rwanjye n'ubura bwanjye, muba hafi nk'umubyeyi nk'uko umubyeyi wese ufite urukundo, arugiririra umwana we, kandi akarumugaragariza.

Yezu Kristu rero yarababaye bikomeye, kandi ababazwa n'icyaha cya Mwene Muntu, kuko ariyo mpamvu umubiri we washengutse, kandi umubiri we ugashinyagurirwa mu buryo bwose; bityo abemera Imana, kandi abafite icyiza





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

n'icy'ukuri, iteka mu Isi bakaba bazira icyo cyiza cyabo, kandi iteka bakaba bazira urwo rukundo ruba ruri muri bo.

Hari benshi rero bemera kwihanganira byose kubera umubabaro wa Yezu Krsistu, kandi bakemera kunyura muri byose bamurebeyeho, kuko yabaye inzira y'abemera kubabara kandi akaba inzira y'abemera Imana, bakemera kuyitoterezwa; kuko yaberetse byose kandi akabagaragariza byose kugira ngo hatazagira unanirwa, kandi hatazagira usubira inyuma.

Yari yaje rero gukingurira amarembo buri wese y'ubugingo, kandi kwereka buri wese inzira y'ukuri igana kuri Data; ko ari uguca mu mibabaro, kandi ko ari uguca mu mifatangwe ndetse n'inzitane, kugira ngo umuntu agere ku ntsinzi, kandi umuntu agaragaze intsinzi y'urukundo nyakuri muri we.

Yababaye byose rero, kandi ababarira byose, yihanganira byose, kandi yakira byose muri we kugira ngo Mwene Muntu nawe agire icyo yiga, kandi agire icyo atora. Yakoze rero urugendo rutoroshye, arukorera Mwene Muntu, mu ntimba n'agahinda yari afite y'ikiremwa muntu, kandi mu ndoro y'urukundo n'impuhwe yari afitiye Mwene Muntu kugira ngo agire icyo yiga kandi agire icyo asigarana muri we, bityo ubuhemu bwe, kandi



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ikibi cye abashe cyose kugisiga hasi ndetse no kukirekura; ariko kurenda agera ku musaraba Isi ntiyananiwe kumujora ndetse no gukomeza kumukoreraho ubufindo bukomeye; ariko byose byari ngombwa kugira ngo bibeho kandi amaraso ye abe koko ishusho nyakuri y'urukundo rw'Imana, kandi abe amaraso benshi bemeye ko abahama kugira ngo icyaha cyabo kidakurwaho kandi icyaha cyabo kidakurwa mu buzima bwabo kuko benshi bihamije icyaha, bityo icyaha gikomeza kuba koko uruhererekane mu bantu; ariko iyo neza y'urukundo ntibura kubabarira kandi ntibura kwegera abaje bayigana, bityo Yezu Kristu akabuhagiza amaraso matagatifu, kandi agasukura uje amugana abigiriye urukundo; akarokorwa kandi akabona koko agakiza gakwiriye.

Ni igihe rero cyo kuzirikana iyo neza ikomeye kandi urwo rukundo rwa Yezu Kristu muri bino bihe , mu cyumweru gitagatifu , bityo abamwemera kandi abamuyoboka bakemera inzira yanyuze, akaba ari igihe cyo kwifatikanya nawe, kandi akaba ari igihe cyo kugendana natwe muri iyo nzira itari yoroshye, kandi iyo nzira yari ikomeye, igoranye, irimo imikokwe kandi irimo inzitane zikomeye, bose batuvuyeho kandi bese badukwena, baduha urw'amenyo; ariko nemera kuba hafi y'ikinege cyanjye kandi hafi y'umwana w'Imana, kugira ngo nuzuze umurimo nagombaga kuzuza.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ari yo mpamvu nsaba abana banjye bose gukomera ku murimo bahamagariwe, kandi kurangiza neza inshingano zabo, yaba mu bikomeye ndetse n'ibyorohereje, ntihakabeho kunanirwa kuko Yezu Kristu yaba bereye byose, kandi akababera inzira; kandi akababera intambwe ikomeye kugira ngo buri wese ayigenderemo, bityo nanjye ukwihangana kwanjye nkaba naraguhaye abana banjye kugira ngo bakomere; bityo ntibakagamburuzwe, ku cyiza bamenye kandi ku cyiza babonye, kugira ngo iteka bahore bakomereye mu rukundo rwanjye, kandi mu rukundo rwa Yezu Kristu; bityo mubashishwe byose kandi mugezwe ku ntsinzi ya buri kimwe cyose.

Niyo mpamvu rero muri iki cyumweru gitagatifu buri wese kandi wemera, agomba kuzirikana kandi akemera kugenda aciye bugufi muri iyo nzira, kugira ngo abashe kwibohora no kubohora abandi ku ngoyi y'icyaha, kandi ku ngoyi yo kugomera Imana muri ibihe mu buryo bukomeye; ndetse no kudohoka ku kwemera, buri wese akanyura inzira ye, akaba ari igihe cyo kugira ngo muzirikane iyo nzira imwe rukumbi Yezu Kristu yemeye kunyura mu mubabaro ukomeye, kandi akemera kuvanwaho umubiri we, akemera guhara byose, bityo abari inshuti ze, kandi abo yagiriye neza, bose bakamwegukaho, bakamushiraho, ariko urukundo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

rwanjye rwa kibyezi ntirwigeze runanirwa kumuba hafi kugeza ku ndunduro y'umusaraba.

Namwe rero bana banjye, nimuze kuko nababereye ahakomeye, kandi mwemere kuba ba Yohani kugira ngo tubane muri byose, kandi tuzagerane no mu izuka rigenewe buri wese, mu rukundo rw'Imana kugira ngo amahoro yanyu akomeze kubaho kandi akomeze kugwira mu rukundo rw'Imana.

Nimuze rero tugende muri icyo nzira y'ubucunguzi kandi muri icyo yo gucungura Mwene Muntu, binyuze mu bubabare bwa Yezu Kristu, kandi binyuze mu musaraba yikoreye agana Kaluvariyo, kugira ngo ntihagire n'umwe urambirwa, kandi ntihagire n'umwe usubiza amaso inyuma, ngo ananirwe kuzamuka Kaluvariyo, kuko ari igihe turi kubategura, kandi ari igihe cyo kugira ngo murangize kandi mugere ku ndunduro ya byose, ku ndunduro y'ububabare, bityo muzabone ibyishimo by'izuka, kandi muzabone ibyishimo nyakuri by'ubusendere bw'Uhoraho Imana, muririmba indirimbo z'abatsinze.

Nimukomere rero kuko turi kumwe, inzira y'umubabaro kandi intango y'umubabaro, habaho n'iherezo ryayo, ry'ibyishimo bisendereye, kandi ibyishimo bihoraho, bya Ntama w'Imana watsinze.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nimuze rero dufatikanye muri byose, kandi nanjye ndahari ngo mbashyigikire kuko imibabaro yanyu ntabatererana, kuko nzi kubabara icyo ari cyo, kandi nkaba nzi n'umubabaro wa Mwene Muntu uburemere bwawo, kuko nabanye na Yezu Kristu, kandi tukagendana yambaye umubiri wagombaga kubabara, ushushanya ubuzima kandi ushushanya umubiri wa buri wese uri mu isi; ko nta mubabaro n'umwe Mwene Muntu adakwiriye kwihanganira kandi adakwiriye kunyuramo, kugira ngo agere ku ntsinzi nyakuri kandi akomeze kuba muri Roho idapfa, ko Mwene Muntu adashobora kuyisingira kandi adashobora kuyimaramo ubuziranenge, ndetse n'ibitangaza bikorerwa muri yo.

Namwe rero muze tugende kandi mbafashe ikiganza kugira ngo mbakomeze, dutererane Kaluvariyo kandi dutererane umusozi w'ibisubizo, kugira ngo mugere ku bisubizo nyakuri by'ijuru, ku ndunduro y'ubuzima bwa buri wese mu bubabare bwe, kandi mu mibabaro ahura nayo mu Isi, ko duhari kugira ngo tubasendereze ibyishimo kandi tubageze ku gasongero k'urukundo, ibyishimo n'amahoro.

Mbifurije rero kugubwa neza, kuko ndi kumwe namwe, kandi nkaba mbashyigikiye kugira ngo tugendane muri urwo rugendo, kandi muri iyi mibabaro ikomeye Yezu Kristu yanyuzemo, kuri buri kimwe cyose kuko nta



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

n'umubabaro n'umwe yigeze acaho atawufasheho, kandi atawusingiriye, kugira ngo yisanishe na buri wese uri mu Isi,

Nawe rero mwana wanjye, nta mubabaro wawe n'umwe Yezu Kristu atakiriye mu mubiri we, kandi nta gikomere na kimwe atakiriye mu buzima bwe, agira ngo akwakire kandi agira ngo akuruhure, utazananiirirwa mu nzira, kandi utazahura n'imvune zikomeye, bityo yemera kwakira byose kugira ngo nawe wisange muri we, kandi akuruhure byose.

Ni we Karuhura rero, kuko akwiteguye kandi akaba agutegereje muri urwo rukundo, kugira ngo muzamukane, bityo umubere Veronika, abandi mube ba Yohani w'i Sireni, kandi koko mube koko ba Simoni b'i Sireni, kugira ngo mugendane na Yezu Kristu, kandi mukorane imirimo n'ibitangaza mu gukiza abantu.

Mbifuriye kugubwa neza, kuko ndi kumwe namwe kandi nkaba mbashyigikiye, kugira ngo dukomeze kugendana muri urwo rukundo, kandi dukomeze kugendana muri ibyo byishimo bikomeye, byo kwakira kandi byo kuzabyina koko intsinzi y'izuka, dutangariza Isi yose amahoro, ko tubashyigikiye muri urwo rugendo kandi tukaba tubashyigikiye muri iyo nzira.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Turi kumwe namwe kugira ngo imibabaro yanyu yose irangirizwe ku gasongero k'umusozi wa Kaluvariyo.

AMAHORO, AMAHORO ! IBIHE BYIZA, KUGUBWA NEZA!  
NI MARIYA, NYINA W'IMANA, UMWAMIKAZI  
W'UBUBABARE BURINDWI. AMAHORO, AMAHORO,  
BANA BANJYE, NDI KUMWE NAMWE, MURI IYI MINSI  
IKOMEYE KANDI MURI IYI MINSI Y'ICYUMWERU  
GITAGATIFU. AMAHORO, AMAHORO!



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

0.2. BIKIRA MARIYA : YOHANI W'I SIRENI NI NDE ?  
YAKOZE IKI MU RUPFU RWA YEZU KRISTU ?

***UBUTUMWA BWA BIKIRA MARIYA, TARIKI 01 MATA  
2023***

Yezu Kristu yagendanye na benshi, kandi Yezu Kristu yakoranye na benshi imirimo n'ibitangaza; bityo abagombaga kumumenya baramumenye, kandi bagendana nawe mu buryo bukomeye, bw'imirimo yagombaga gukorera mu Isi, kandi mu bubasha bukomeye, yagiye agaragariza Isi yose kuko nta n'umwe yirengagije, kandi nta n'umwe yasize inyuma, kuko urumuri rwe rwakururaga bose, kandi urumuri rwe ruakururaga bose mu rukundo rwe yari yazaniye isi yose; kandi mu rukundo rwe yari yagiye aha Mwene Muntu, mu buryo butandukanye, yaba abo yahuye nabo, kandi n'abatarigeze bahura nawe, kuko hari abamumenye ku bw'abandi, kandi bakamenyeshwa imirimo n'ibitangaza, ndetse n'imirimo yamuzanye mu Isi.

Yagendanye rero na benshi mu rupfu rwe, kandi agendererwa na benshi mu buryo bw'imirimo yagombaga gukorera mu rupfu rwe, kuko hari benshi Uhoraho yagiye yitumirira, kandi hakaba hari benshi bagiye bazanwa n'imirasire y'urukundo rwe, kugira ngo bamenyekane,





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kandi urukundo bari baramwumvanye, bityo rurabahibikanya, bityo rurabareshya, kugira ngo babashe kwifatikanya nawe mu nzira yo gucungura Mwene Muntu, kandi mu rugendo rukomeye yari arimo, kugira ngo agaragarize Isi yose umutsindo, kandi agaragarize mwene muntu agakiza.

Yohani rero w'i Sireni yafatikanye na Yezu Kristu mu rugendo, kandi aza nk'umugenzi mu buryo yagombaga kugaragara muri urwo rukundo rwa Yezu Kristu, kuko muri we hari harimo igishyika cy'urukundo, kandi yari atewe umubabaro n'ishavu ry'ubushinyaguzi Yezu Kristu yari ari gukorerwa, kandi bw'umubabaro yari ari gushyirwamo, atamuzi, kandi atarigeze kugendana nawe, ariko kumubona muri iyo nzira, kandi kumubona muri urwo rugendo, byamuteye igishyika, kandi bimutera kwifatikanya na we, kuko yakomezanyije na we urugendo, kandi akarinda amugeza ku musozi wa Kaluvariyo, kuko yaje mu bubasha bw'Imana kandi agahagurutswa n'Imana, kuko muri we higaragajemo imirasire, kandi muri Yohani w'i Sireni hakigaragazamo urukundo rw'ubutabazi bwagombaga kuba hafi ya Yezu Kristu, mu buryo bwo kumushyigira, kandi no kugendana nawe, kuko Uhoraho yagaragarije muri Yohani w'i Sireni urumuri rwe, kandi akarumumanuriramo mu kuba umuhamba, kandi wagombaga kugendana na Yezu Kristu, kandi gukurikirana iby'urwo rugendo rwe, kugira ngo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

igihe nk'iki ngiki hagaragare kandi hagaragazwe imbaraga zose zakoreshejwe, kandi n'ububasha bw'Imana bwagaragaye mu nzira y'urupfu rwa Yezu Kristu.

Yohani rero w'i Sireni yaje nk'intumwa y'Imana, kandi aza kurwana urugamba, kuko hari byinshi yaje gukumira Yezu Kristu, byagombaga kumugirirwaho mu bushinyaguzi bukomeye; bityo yifatikanya n'imbaga y'abamalayika, kandi mu mirasire yakiraga y'ububasha bw'Imana muri icyo gihe cy'urupfu rwa Yezu Kristu, kugira ngo hagire ibyagombaga gukumirwa, kandi byagombaga gukurwa mu nzira, bityo ububasha bw'Imana burigaragaza, kandi imbaraga z'Imana zikomeza kugendana na Yezu Kristu, kuko yari aje mu buryo bwo kuba hafi y'Umubyeyi Bikira Mariya, kugira ngo imbaga yari iri aho ngaho, ikomeze gusukurwa, kandi ikomeze kunyuzwa mu kibatsi cy'ubuzima, cyagombaga gusukura imbaga yari ishungamirije kandi yari ikikije Yezu Kristu, kugira ngo abashe gukorerwa isuku muri bo, kandi ibyaha byabo bigende bigabanyurwa n'iyi nzira ya Yezu Kristu yari arimo.

Yohani rero w'i Sireni, yaje nk'intumwa y'urukundo, kandi aza nk'intumwa y'amahoro, mu kugaragaza ububasha bukomeye, kandi mu guherekeza Yezu Kristu muri iyi nzira, kuko hari byinshi yagiye yigizayo, kandi hari imbaraga yagiye yigirizayo Mwene Muntu, kugira ngo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

urukundo rwa Yezu Kristu rukomeze kwisanzura, kandi rukomeze kugenda rugaragara muri icyo nzira y'urupfu rwe rugana Kaluvariyo. Yakoze rero imirimo ikomeye muri icyo gihe, kandi agaragara nk'intwari ikomeye, kuko yifatikanyije n'abari bari munsu y'umusaraba, kandi agakomeza kuba hafi yabo, mu buryo bw'urukundo, kandi mu buryo bwo gukomeza kuza no kwakira imbaraga zose zakomokaga mu ijuru zabaga ari ngombwa kandi ari ingenzi muri uwo mwanya, mu gushyigikira Umubyeyi Bikira Mariya, kandi mu kumukomeza kuko yifatikanyije nabo kandi akabana nabo muri uwo musabano, no gukomeza kwakira ububasha bw'Imana, mu mbaraga zari zikomeye zari zikenewe kuri Bikira Mariya, kandi n'abakunzi ba Yezu Kristu bagombaga kwakira.

Yaje rero nk'ikimenyetso cy'umumalayika w'Imana, kandi aza nk'intumwa ikomeye y'ijuru, mu buryo bwo gushyigikira, kandi mu buryo bwo gusananira no gufasha Yezu Kristu, mu gukomeza kugana urugamba, kandi mu gukomeza kururangiza rwose nta na kimwe asize inyuma. Yabaye hamwe rero na Yohani, kandi aba hamwe na Bikira Mariya, mu buryo bw'urukundo rwagombaga kugaragara, kandi mu rukundo rw'abakunzi ba Yezu Kristu, kuko yabaye ikimenyetso gikomeye kandi akaba umuhamba koko w'urupfu rwa Yezu Kristu, mu buryo bw'imbaraga z'ijuru, kandi mu buryo bw'imbaraga



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

zagombaga guhindura byinshi mu Isi, kandi zagombaga gukuraho imbogamizi zose mu Isi.

Yabaye rero umufasha wa wa Yezu Kristu, kandi aba umukumirizi w'imbaraga zose z'umwanzi, zagombaga kugota ububasha Yezu Kristu yari ari gutanga, kuko yagiye arwana urugamba rukomeye kandi akagenda asakaza urumuri rw'intambara, mu buryo bwo kurema, kandi mu buryo bwo kuzaza bose ububasha kuko hari byinshi yarwanye nabyo muri uwo mwanya, kandi hari byinshi yakumiraga mu rupfu rwa Yezu Kristu, mu buryo bw'ububasha yasakazaga mu mbaga, kandi mu buryo bw'ububasha yagendaga abiba mu bantu, kugira ngo icyaha cyabo kirusheho kubakomanga, kandi barusheho kumva uburemere bw'ibyho bakoreye umwana w'Imana.

Yaje rero nk'umukiza kandi aza kwifatikanya na Yezu Kristu, mu buryo bwo kugaragariza Mwene Muntu ubugwari bwe, kandi mu buryo bwo kugaragariza Mwene Muntu ko ari umunyantege nke, akwiriye kugororokera uwamuhanze, kandi icyaha cye kikamukora ku mutima, kugira ngo ahinduke kandi ahindukire.

Yohani rero w'i Sireni yifatikanyije na Simoni w'i Sireni, kuko bose baje nk'intumwa z'Imana, kandi bakinjirira rimwe mu gikorwa, mu buryo bwo gushyigikira Yezu Kristu, umwe iburyo, undi ibumoso, mu kugendana nawe,



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kandi mu kumufasha aho yari ageze yagombaga imbaraga zikomeye, kandi yagombaga gushyigikirwa n'ububasha bwa Se, bityo bagaragara nk'abatabazi, kandi bagaragara nk'abagombaga kuba hafi ye.

Twari turi kumwe rero muri iyo nzira, kandi muri urwo rugendo, kuko baje mu buryo bwo gutabara, kandi mu buryo bwo gukomezanya natwe urugendo rwo gukomeza gucungura Mwene Muntu, kandi rwo gukomeza gushyigikira Yezu Kristu, kuko nanjye nari ngeze aho imbaraga zari zicitse, kandi aho numvaga umubiri ndetse n'umutima wanjye uremerewe mu buryo bukomeye; bityo imbaraga zabo ziba nk'urumuri rwabaye nk'urweyura ibyari binzitiye imbere; bityo banyongerera imbaraga kandi barampumuriza mu gishyika cy'urukundo bari bafite, kandi mu bwuzu bari bamfitiye, kuko imuri zabo zarasiye umutima wanjye, bityo nkongera kubona ubuzima bushya, kandi nkongera kubona icyerekezo gikomeye nagombaga kugenderamo, kandi cyagombaga kungeza ku mutsindo nyakuri w'umwana wanjye, yari ari kugenda yerekezaho.

Twagendanye rero urugendo rukomeye kandi dukorana nabo urugendo rwari rusigaye kuko batari kure yacu, ahubwo bari bari hafi yacu mu buryo butagarariraga amaso, ariko igihe kiri ngombwa barigaragaza, kandi turagendana, kuko urupfu rwa Yezu Kristu rwari urupfu



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

rutari urwa Mwene Muntu, kandi rwari urupfu rutari nk'urw'ibisambo yabambanywe nabyo, kuko rwari urupfu rw'ubushake bw'Imana, kandi urupfu rwo kugaragarizamo ikuzo ry'Imana mu bubasha bukomeye.

Yezu Kristu rero mu nzira ye y'urupfu, kandi mu nzira ye y'ububabare, yakozemo byinshi kandi akagaragaza ibikorwa bikomeye n'ububasha bukomeye, Isi idashobora kumenya, kandi Isi idashobora kwakira no gushyikira, ko rwabaye urugendo rwo guhuza bose, kandi rukaba urugendo rwo gusabanyisha Isi n'Ijuru, urupfu rwe kuko rwahurije abamalayika, kandi rugahuriza imbaga yose y'ab'ijuru, mu buryo bwo kurengera kandi bwo kumukomeza nk'umwana w'Imana, kuko hari byinshi yagombaga guhitamo, kandi hari byinshi yagombaga kurwana nabyo, kugira ngo atangaze ububasha bwa Se, kandi agaragaze umutsindo ukomeye.

Baje rero nk'abarwany, kandi Yohani w'i Sireni aza nk'umufasha ukomeye, mu kugaragaza urukundo rw'Imana kandi mu guhumura benshi, kugira ngo basubuzwemo imbaraga, kuko ari umufasha w'abageze kure kandi abari mu rugamba rukomeye, akabagoboka nk'umurwany, kandi akabagoboka nk'imbaraga zibakomeza, bityo agasubiza imbaraga muri Mwene Muntu, kandi agasubiza ububasha muri Mwene Muntu.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ni igihe rero cyari ngombwa ko ubwo bubasha bugaragara, kandi izo mbaraga zigaragaza mu rugendo rwa Yezu Kristu, kandi mu nzira yo gucungura Mwene Muntu, kuko nta na kimwe yagombaga kugenda atarangije kandi adashyitseho umutsindo wacyo, akaba ari nayo mpamvu Data yari ari hafi, kandi ibikorwa bye byakomeje kutwigaragariza mu buryo bukomeye, kugera ku mwuka wa nyuma, kandi kugera ku isaha yo gutera k'umutima we wa nyuma; kuko Data yakomeje kwigaragaza, byose bikajya biba ibimenyetso n'ibitangaza, kandi mu mbaraga zakomezaga kugenda zigaragaza; bityo inzira ye isi yari izi ko ari inzira ya ruhamwa, kandi inzira imucira koko urubanza rwa nyuma, iba inzira yo kwigaragaza kwa Data kandi iba inzira yo kugaragaza ububasha ko yari umwana w'Imana, kandi ko atari umugome mu buryo bamushyize mu bagome, kandi mu buryo bamushushanyije ab'isi, ariko Data agaragaza ikuzo rye kandi agaragaza ububasha bwe bukomeye kuri buri kimwe cyose.

Yohani rero w'i Sireni ni umufasha kandi ni umurengezi w'abari mu rugendo rukomeye, kandi akaba koko intumwa y'Imana yihuse, mu kugoboka abari mu rugendo, kandi abari mu rugamba rukomeye, kuko atabara bwangu, kandi akarwana urwo rugamba, akagaragaza intsinzi kandi akagaragaza umusaruro nyawo ushyitse w'urukundo rw'Imana, kandi ububasha



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

bw'Imana bukomeye bukigaragariza muri we, bityo bigataha ku mitima y'abari babuze icyerekezo, kandi y'abari bananiwe mu rugamba barimo, boherejwemo n'Imana, bityo akabagoboka, kandi akabaha imbaraga zikomeye.

Ni umurwanyi rero udatsindwa, kandi ni umurwanyi utajya ananirwa gutabara, kandi atananiwe ku rugamba kuko agobokana imbaraga zikomeye z'ububasha bw'Imana, kandi akitabana ububasha bukomeye bwo guhindura byose, no kugaragariza Isi gutsindwa kwayo.

Yabaye hafi yanjye rero kuko twagendanye kandi nkamwibonera, ariko Isi ntiyigeze imumenya, kandi Isi ntiyigeze isobanukirwa n'ubwo bubasha bwe, kuko yari ari muri twe kandi tukagendana Kaluvariyo yose kugera ku rupfu rwa Yezu Kristu, kuko yakomeje kutuba hafi, kandi tukagendana muri urwo rukundo.

Ni uwo mumaro we rero mu rupfu rwa Yezu Kristu, kandi ni urwo rugendo twagendanye, mu rupfu rwa Yezu Kristu, mu kugaragaza intsinzi, kandi mu kugaragaza ububasha bukomeye bw'Imana isumba byose, mu gucungura Mwene Muntu, kandi mu gutanga ubuzima kuri mwene Muntu.

Niyo mpamvu rero ari igihe cy'amateka mashya, kandi akaba ari igihe cy'ibikorwa bishya, kugira ngo ububasha





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

bw'Imana bwigaragaze kandi bumenyekane mu Isi hose, mu mirimo ikomeye yagaragariye mu Isi, kandi mu bubasha bukomeye Yezu Kristu yakoresheje mu rupfu rwe, kugira ngo agaragaze intsinzi yo gukomera kwe muri Data, kandi mu mugambi wa Data utarashoboraga gutsindwa no kugamburuzwa, ku mpamvu ya Mwene Muntu, kandi ku mpamvu y'imigambi mibi ya Mwene Muntu, kuko Data we yari yarabiteguye byose, kandi azi uko imirongo igoramye azayihindura igororotse mu maso ya Mwene Muntu; bityo ububasha bw'Imana bwigaragaza muri bose, kandi bukamenyekana mu buryo bukwiriye.

Amahoro ! Ibihe byiza rero, kugubwa neza, kuko Yezu Kristu yatsinze urupfu, kandi akaba aganje mu ikuzo rya Se, ubu akaba ari umwami, kandi ubwami bwe bukaba butarigeze buvanwaho, n'ubwo Isi yamuhinduye ruharwa, kandi Isi yamugize umunyacyaha, kandi ikamugira umuhemu, kandi yari umugiraneza, yatanze byose, kandi yararekuriye Mwene Muntu byose, kugira ngo abashe kumenya urukundo rw'Imana, kandi abashe gutura muri rwo, ariko akarangwa no kuruhunga, kandi akarangwa no kugirira nabi abo atumweho kugira ngo bamuhe ibyo byiza kandi bamufungurire ibyo byiza.

Yezu Kristu rero ntiyahwemye kugaragaza urukundo rwe, na n'uyu muni aracyarugaragariza abo akunda, kandi



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

aracyarubasesekazaho, kugira ngo bakomerere muri we, kandi bagire ubuzima burambye muri we, bityo iteka akagaragaza ububasha bwe, kandi akageza Mwene Muntu ku ntsinzi ikomeye, amunyujije mu bikomeye; bityo akamugeza no ku byishimo bisendereye by'urukundo rwe, kandi urukundo rwa Data umubyeyi w'ibiremwa byose.

Amahoro, amahoro ! Ibihe byiza, kugubwa neza, bana banjye nkunda, kuko ndi kumwe namwe, kandi nkaba mbashyigikiye mu rukundo rwanjye, kugira ngo nkomeze kubarengera, kandi nkomeze kubana namwe muri byose, mu rukundo, amahoro n'ibyishimo mfitiye ibiremwa byose, kandi mfitiye abana narazwe, kandi nkabahererwa ahakomeye, muni y'umusaraba.

**AMAHORO, ANAHORO! IBIHE BYIZA, KUGUBWA NEZA!  
NDI MARIYA, NYINA W'IMANA, UMWAMIKAZI W'IJURU  
N'ISI. AMAHORO, AMAHORO!**



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

1. MUTAGATIFU PETERO : PILATO ACIRA YEZU  
URUBANZA NGO APFE

***UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU PETERO, TARIKI 31  
WERURWE 2023***

Yezu Kristu imbere ya Pirato yemeye byose, yemera guca bugufi, kandi ari Imana, yemera gucirwa urubanza rwo gupfa na Pirato, mu bwiyoroshye no guca bugufi; bityo agaragaza urukundo afitiye ikiremwa muntu, kuko yiyibagiwe ubwe maze agaheka imbaga y'abatuye Isi bose, kugira ngo ayizamukane mu nzira y'umusozi wa Kaluvariyo, aja kuyipfira, maze akemerera Se byose kugira ngo abohore ikiremwa muntu kandi atandukanye Mwene Muntu n'umwijima mu buryo bwo gufungurira bose umukiro w'Ijuru.

Yezu Kristu imbere ya Pirato yaranzwe n'ubwiyoroshye no kwiyumanganya, yirekurira mu biganzabya Se, Uhoraho, bityo yemera kwakira byose igihe ababisha be bari bamuzungurutse, kandi bamugoteshejeamagambo mabi, ibitutsi, kumunnyega, kumuvuma; batera hejuru, bamushinja ibinyoma imbere ya Pirato, bityo Yezu mu budahemuka bwe arakira, kandi byose ashyingura ku mutima, nta mpaka ateye, kuko yemereye Se byose kugira ngo Mwene Muntu abone umukiro.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Pirato we ahagarara ku ishema n'icyubahirocye, ntiyakoresha ukuri kose kugira ngo abashe gukiza umwana w'Imana, ahubwo yemera kumutanga kandi yemera guhamya no gushyigikira ibinyoma by'abaregaga Yezu, yegurira umwana w'Imana abagizi ba nabi, aramutanga ngo apfe.

Mu bihe nk'ibi Isi yugarijwe na byinshi bibi, kandi mu bihe nk'ibi harimo abemera kuzira ijambo ry'Imana, bahamya Yezu Kristu, bagera ikirenge mu cye, kandi bahamya ukwemera kwabo by'ukuri.

Yezu Kristu rero abo akaba abahetse, kandi abashyize mu mugongo, kandi icyo gihe gikomeye, bakagera igihe koko bishushanya na Yezu imbere ya Pirato, kuko mu Isi hari abahagaze mu mwanya wa Pirato, baca imanza uko bishakiye; bityo bagaca imanza badakurikije ubutabera, ahubwo bagakurikiza urwunguko rwabo, bagakurikiza icyubahiro cyabo, kurya ruswa n'ibindi; bityo bakarenganya intungane.

Ni igihe Mwene Muntu yakagombye gusubiza amaso inyuma, akareba niba ari mu ruhande rw'abashinja ibinyoma Yezu Kristu, cyangwa se niba ari mu ruhande rw'abasingiza Yezu Kristu; bityo akaba ari mu ruhande rw'abarangurura ijwi, bahamya iby'ukuri, kandi bahamya ukuri kwa Nyagasani.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Hari benshi mu Isi rero bameze nka Pirato, kandi imigenzereze yabo iranganwa kurenganya, kuriganya n'ibindi. Ni igihe Mwene Muntu yakagombye kwirunguruka, akareba niba ari mu ruhande rw'abateraga amajwi hejuru bavuga ngo “Yezu Kristu nabambwe, nabambwe ku musaraba”.

Buri kiremwa kiri ku Isi gifite aho cyakwisanga, niba ari mu ruhande rwa Yezu Kristu cyangwa se mu ruhande rwa Pirato, wakunze akarengane, akagera n'aho arenganya umwana w'Imana, yirengagije ko amusumbya imbaraga n'ububasha.

Yezu Kristu yaciye bugufi kandi ari hejuru y'ibinyabubasha byose byo ku Isi, yemerera Se byose kubera urukundo akunda ikiremwa muntu. Atangira inzira y'umusaraba mu bubabare bukomeye, mu gishyika gikomeye cyo gukiza roho no gucungura ikiremwa muntu, abigirishije ukwitanga wese, atitangiriye itama. Ese ububabare bwa Yezu Kristu ntacyo bushushanya mu buzima bwawe, ngo bugire aho bugukura, bugure n'aho bukwerekeza?

Zirikana Yezu Kristu, Imana nzima, kandi uzirikane ubugwaneza bwe n'impuhwe ze, imbere ya Pirato, yemera guca bugufi, agacirwa urubanza n'ikiremwa muntu. Kiremwa muntu wisumbukuruje, akumva ko ashobora gucira Imana urubanza.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ni igikorwa gikomeye Yezu Kristu yakoze kandi yagaragaje, mu rugero rwo kwiyoroshya no gucabungufi gikomeye. Iyi si yacu igwiriweho na benshi bikuza nka Pirato, badashaka guca bugufi imbere y'Imana, bakumva y'uko Imana ari yo igomba guca bugufi imbere yabo.

Ni igihe rero gikomeye kandi gikomereye Mwene Muntu, kuko ijuru ryose kandi Imana Data ntacyo itakoze kugira ngo igaragarize Mwene Muntu urukundo, mu kwemera gutanga umwana wayo Yezu Kristu, kugira ngo aje gupfira ibiremwa byose, ngo yongere asubize Mwene Muntu ubwiyunge bukomeye, iruhande rw'Imana ye, kuko icyaha cyari cyamujiyanye kure, kigatuma atana agatandukira, akava mu murongo Imana imwifuzamo.

Ni igihe gikomeye kandi igihe Mwene Muntu yakagombye gusubiza amaso inyuma, akazirikana ububabare bwa Yezu Kristu, inzira y'umusaraba Yezu Kristu yanyuzemo, icyo ishushanya mu buzima bwe, icyo atora mu bubabare bwa Yezu, icyo Yezu yababariye ni igiki?

Ibiremwa byose biri muni y'ijuru Yezu yemeye kwitanga kugira ngo acungure Mwene Muntu, binyujijwe mu rukundo rukomeye kandi mu kwitanga gukomeye, kuko Yezu yirekuriye mu biganza by'ababisha be, akemera gucirwa urubanza rwo gupfa, kandi akemera kunyura mu



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

mibabaro yose kugira ngo kiremwa muntu aronke ubuzima.

Ni igihe buri muntu wese yakagombye kuzirikana no gutekerezaho, akumva aho Imana imushaka, aho imuhamagarira, icyo imutoza, niba akirimo cyangwa atakirimo. Nkaba rero nshyigikiye abari mu rugamba rwo gushaka kugaragariza Yezu urukundo nyarukundo, bashaka kumwitura ineza yabagiriye kugira ngo bakataze kandi bakomere kuko mbashyigikiye kandi nkaba mbari bugufi kugira ngo mbatere ikinyotera n'ishyaka ryo gukomera mu by'Imana, kuko ariho hari ubuzima nyabuzima.

Yezu Kristu yarababaye kugira ngo bose babarirwe, yemera gucirwa urubanza kugira ngo abohore bose kandi yigarurire bose, ariko Isi ntiyabona urukundo rwe, kugeza kuri uyu muni.

Ni igihe gikomeye kandi igihe giteye ubwoba kuri benshi birengagije urukundo rw'Imana muri bo, kandi bakirengagiza inzira Yezu Kristu yanyuze kubera bo.

Urukundo rwa Yezu Kristu nta kiguzi umuntu ashobora kubona yatanga, uretse kwitura wese, akirekurira mu maboko ye, kugira ngo arusheho kumushimisha, kandi arusheho kumunyura, kuko urukundo rwa Yezu



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

rutagomba gupfa ubusa, kandi urukundo rwa Yezu rutagomba kubura abarwakira.

Muri iyi nzira rero, y'ububare bwa Yezu Kristu, hakagombye kuzirikanwa ndetse no kuzirikana buri wese icyo agomba kumara no guhindura mu buzima bwe, kugira ngo abashe kunga ubumwe na Yezu Kristu mu buryo bwuzuye, hatabayeho kwikanyiza nk'ukwa Pirato, kandi hatabayeho kwikomeraho nka Pirato, wanze guhara ishema rye, kugira ngo ativuguruza, kandi kugira ngo akunde ashimishe rubanda.

Nimukorere Uhoraho, Imana , kuko afite ibihembo birusha ibyo gushimwa na rubanda. Ahubwo iteka ryose, muhore mushimishijwe no kubaho mu rukundo, kuko urukundo, kabone n'aho rutagaragarira amaso y'abantu, Uhoraho, Imana uzi kwitura byose, abikorera igihe kandi akabigaragariza igihe.

Yezu Kristu yaranzwe no kwiyumanganya mu buryo bukomeye, aca bugufi kandi yemera kwigira ubusabusa imbere ya Pirato, kugira ngo acungure ikiremwa muntu, kuko nyine inzira yagombaga gucamo, yari ayizi kandi ayisobanukiwe, ariko benshi mu bari bamuzungurutse bateraga amajwi hejuru, buzuye umujinya n'urwango rukomeye, we arushaho kubagirira urukundo, yirehereza





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

imitima yabo, mu buryo bukomeye bwo gusuhuza umutima we abasabira, kandi abahetse mu rukundo.

Namwe rero igihe mugeze mu kaga gakomeye, muririnde kwifuriza inabi abanzi banyu babagirira, ahubwo mubahekane umutima w'urukundo, mubasabira kandi mukomeza kubatakambira, mubigirishije urukundo rwanyu, nk'uko Yezu Kristu yabigaragaje, kuko ari we rugero rwiza mu bababara, rugero rwiza mu batwaye umusaraba, rugero rwiza mu bakunda, kandi rugero rwiza mu bahura n'ingorane mu Isi.

Nimumwigireho rero kandi mumukomereho, kuko yatubereye urugero rwiza, kandi akatubimburira mu kwitanga, kandi akatubimburira mu bikorwa byiza, natwe tukaba twaramukurikiye, tukemera guhara ubuzima bwacu ku mpamvu y'urukundo rwe, mu byiza twamubonanye, kandi yadusangije, bigatuma natwe twirekurira mu biganza bye.

Namwe rero nimwirundumurire mu buganza by'Imana, muzirikana urukundo rwa Yezu Kristu, mwitandukanya na ba Pirato, kandi mwitandukanya n'ab'amajwi yuzuye urwango n'ubugambanyi bukomeye, kuko ikibi cyose kigaruka nyiracyo, kandi nta cyiza, nta n'inyungu y'ikibi, ahubwo icyiza kibyara urwunguko, mwizirike kuri Uhoraho, mu rukundo kuko ariwe ubashoboza byose.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Mbifurije kuzirikana urwo rukundo rwa Yezu Kristu, rwicisha bugufi nk'Imana yaciye bugufi imbere y'ikiremwa, imbere ya Pirato-muntu, Yezu Kristu, umwana w'Imana, kuhavunderezwa amacandwe ndetse no kuvugwa nabi mu buryo bwose, kandi akihangana, akiyumanganya; bityo agashyigira ku mutima byose, ahetse urukundo, kuko umutima we wari wuzuye igishyika gikomeye cyo gukiza Mwene Muntu, kuko atitaye ku byamukorerwaga, ahubwo yitaye ku rukundo afitaye ikiremwa muntu, kugira ngo agihuze na Se.

Yezu wasabagijwe n'urukundo rwinshi, kandi Yezu wuzuye impuhwe za kibyezi, mu bana ndetse no mu mbaga y'abatuye Isi, ntiyigeze yirengagiza gukunda no mu bihe bikomeye yarakomeje arakunda,

Nimumwigireho rero, kuko yatubereye indorerwamo, kandi yatubereye byose, kugira ngo mwene Muntu abashe kubona urukundo nyarukundo, rusendereye.

Nimumwigireho kandi mwese mumurebereho icyitegererezo mu bababara, kandi icyitegererezo mu bagana inzira y'ubutungane, kuko acyentutse kuri byose, kandi akaba atunze byose, urukundo rukaba rwaramusabagije.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

NIMUGIRE AMAHORO, MBIFURIJE IBIHE BYIZA! NDI  
MUTAGATIFU PETERO, INTUMWA. AMAHORO,  
AMAHORO!



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

## 2. MUTAGATIFU PETERO : YEZU AHEKA UMUSARABA

### ***UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU PETERO, TARIKI 31 WERURWE 2023***

Nimwitegereze Yezu Kristu mu rukundo rwinshi, uburyo yasingiranye umusaraba we, akawusingirana urukundo rukomeye kandi akwusingirana ibyishimo bitavugwa, kuko yari azi neza icyari kiwurimo, kandi akaba azi neza n'uburyo yari agiye gucungura Mwene Muntu.

Yahagararije ubutwari bukomeye mu gusingirana umusaraba wari wuzuye ibikomere byinshi cyane bitewe n'ibyaha bya Muntu, wuzuye uburemerendetse n'imvune, ariko akemera gutwarana, kandi akemera kubikorana ishyaka, yari afitiye Mwene Muntu.

Nimwirebe neza kandi mwitegereze neza, namwe murebe uburyo mutwara imisaraba yanyu niba hatari aho mwinuba cyangwa mukijujuta, kandi nyamara Yezu Kristu yaranzwe no kuwakirana urukundo n'igishyika, yari afitiye Mwene Muntu.

Aratwigisha inyigisho ikomeye kandi aragaragariza buri wese, urukundo rukomeye agomba gushyira mu musaraba Yezu Kristu amuhekesha, kandi nkasaba buri



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

wese kugira ngo aje awusingirana ibyishimo, kuko yifuza abamufasha, ndetse akabwira buri wese uzamukurikira n'uzifuza kugera ikirenge mu cye, kugira ngo aheke umusaraba we, bityo mu nzira itoroshye.

Araburira buri wese ko atagomba kuwihakesha we ubwe, kuko buri wese habayeho kwihekesha umusaraba wamuvuna, kandi ukamugonda ijosi. Niyo mpamvu aburira buri wese kugira ngo atware umusaraba ahawe na Kristu, kandi awutwarane ibyishimo, amahoro ndetse n'umunezero; kuko ari ho buri wese avomba imbaraga kandi akavoma umukiro.

Mu guheka umusaraba kwa Kristu yahagaragarije ubutwari bukomeye, cyane cyane ubutwari bwo gucungura Mwene Muntu, kandi no kurushaho gushimangira urukundo mu kiremwa muntu, yemera kwicisha bugufi, kwiyoroshya ndetse no kugaragaza ishyingira n'urukundo yari afitiye Mwene Muntu.

Yezu Kristu yawusingiranye ubwuzu bwinshi, agenda agwa inzira yose, kandi agenda akubitwa, asunikwa, nk'udafite kirengera, nk'udafite umwitayeho; ariko kuko yari Imana yigize umuntu, kandi akaba azi n'agaciro kagomba kuva muri uwo musaraba, yawutwaranye urukundo rwinshi, kandi akagenda ashyingura ku mutima,



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

atura buri wese kugira ngo habeho igisobanuro gikomeye kuri buri wese.

Si umusaraba rero w'igiti yari yikoreye, ahubwo ni ibyaha byamushenguraga, ibyaha bya Muntu n'uburemere bwa Muntu, ariko kandi akaba ari cyo cyari kimumanuye mu isi, kugira ngo agicungure kandi agihuze na Se wo mu ijuru.

Yemeye kwakira byose kuko yari yemeye kwakira ubutumwa yari atumwe na Se, kandi akemera kubwakirana urukundo ndetse n'impuhwe, kuko yari yoherejwe kugira ngo acungure Mwene Muntu, wari umaze kwihindanya, kandi wari umaze kohoka ku cyaha, ndetse no kurangamira umwanzi shitani wakomezaga kumukurura, amukururira mu kibi.

Yezu Kristu wahetse umusaraba natubere urugero, kandi nabere buri wese urugero rw'ubwiyoroshye, ubwiyumanganye ndetse nubwicishe bugufi, kuko yafunguye inzira nyinshi zari zifunze, akagaragariza buri wese urukundo agomba gukunda Imana ye, ndetse n'urukundo agomba gukunda kiremwa muntu.

Nabere urugero abikoreye imisaraba cyane cyane bayikeshwa n'abandi kandi bakayihekeshwa mu buryo nabo ubwabo batazi, ariko ntibamenye kwiyumanganya no kwiyakira. Ni urugero rwiza yatanze kuri buri wese



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kugira ngo agree ikirenge mu cye, kandi amurebe amwitegereze, bityo guheka umusaraba kwe ntikubere benshi imfabusa, kandi ntikubere benshi guta agaciro ko kuwuhuka ndetse no kuwusingirana ibyishimo, kuko hari amahoro hakabamo umutekano mu bahetse imisaraba kandi bakabasha gufasha gufasha Yezu ndetse no gufasha Data gukiza Isi ndetse no kuyirohora.

Nimugire rero imbaraga kandi mugiremo ubutwari bukomeye, cyane cyane mwebwe mwese muri kugushwa n'imisaraba kandi muri kugenda muyinyugushura, ahubwo mwongere muterure mubature, cyane cyane mugera ikirenge mu cya Kristu, kuko yifuza ko buri wese awuhukana ibyishimo, kuko uwo ahaye umusaraba atamuha umuremerye cyangwa umuvuna, ahubwo buri wese amuha uhwanyane n'urugero ndetse n'imbaraga ze.

Mu musaraba dukuramo umukiro kandi mu musaraba dukuramo imbaraga, mu guheka umusaraba dukuramo amahoro asesuye, kuko ariho duhurira na Kristu, kandi akaba ari naho tuvoma ibyishimo n'imbaraga ndetse n'ibisubizo by'ibibazo byacu twifuza.

Namwe rero, nshuti bavandimwe, kandi biremwa mwese mutuye Isi, nimuzirikane ikizirakano gikomeye, kandi muzirikane urukundo Kristu yabakunze, cyane cyane mu guheke umusaraba w'ibyaha bya buri wese, kuko yari aje



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

gukiza Mwene Muntu, ariko kandi akaba atari gupfa kumukiza gusaadaciye mu bikomeye, mu gutotezwa ndetse no mu bigeragezo bitavugwa.

Abishi be bari buzuye ubugome bukomeye, kandi buzuye umujinya ndetse n'urukozasoni bifuzaga gukoza Yezu, ariko kuko Yezu Kristu yari umucunguzikandi yari azi byose, yari ikimukuye mu ijuru kimuzanye mu Isi, ntabwo yabituye inabi cyangwa ngo abature agahinda yari afite, ahubwo yakomeje kubarebana impuhwe n'ubwuzu bwinshi, akomeza kubarebana umutima wiyoroshya kandi umutima uciye bugufi, kugira ngo yigishe buri wese ukuntu agomba kwitwara ndetse n'uko agomba kwitwararika mu bigeragezo buri wese agenda ahura nabyo yabaye intangiriro kandi aba n'iherezo ryo gukorerwaho agashinyaguro gakomeye, kandi ryo gukorerwaho ubufindo mu buryo butoroshye, bityo rero abenshi mu isi bakaba barangwa no guhekesha abandi imisaraba, ndetse hakabaho n'abandi bihekesha imisaraba bo ubwabo, bakagaragaza ko hari abandi bayibahekesheje.

Icyo rero si cyo Yezu Kristu yifuriza ikiremwa cyose gituye Isi, kuko yifuzaga ko baheka umusaraba abahaye, kuko ari wo musaraba ubakiza kandi ubacungura ukabavana ku mbata ya nyakibi, kandi bakabasha no gukiza roho





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

z'abandi cyane cyane abenshi baba bananiwe guheka imisaraba yabo.

Yezu Kristu wemeye guheka umusaraba nabere buri wese urugero, kandi abere buri wese kumutera imbaraga ndetse no kumukomeza kuko iyo muhetse imisaraba yanyu muba mwifatikanyije nawe kandi mukaba mumufashije gucungura Isi, ndetse no gukiza Isi yose.

Namurebanye ubwuzu kandi murebana urukundo rukomeye, bityo nanjye bintera imbaraga cyane cyane igihe nari nasamiwe na benshi, kandi nari nkikijwe n'imbaga nyamwinshi, intoteza kandi imvutsa kuvuga ijambo ry'Imana no kwamamaza ubutumwa bwa Kristu, nemera nanjye kunyura mu rugero yacyiyemo, nkandi nemera nanjye guca mu nzira yacyiyemo, mu kwakira umusaraba ndetse no kwemera kuwubambwaho.

Yezu Kristu yanteye imbaraga zikomeye, namwe nabatere izo mbaraga n'ikinyotera cyo kurushaho kumukunda no kurushaho kumutwaza umusaraba, no kwakira imisaraba yanyu, mwemera kuyiheka kandi mwemera gutwarana nawe, kugira ngo abakomeze kandi muhuriemo nawe, cyane cyane nu kumugaragariza urukundo mumukunda.

Yezu Kristu ni umukiza kandi Yezu Kristu, umwami w'abami, nakomeze buri kiremwa cyose kandi natere imbaraga ku bafite imisaraba batangiye kunanirwa, kandi



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

batangiye gucimburamo kabiri, kuko yifuza ko mwawuhekana kandi mukawukomezanya kugeza ku ndunduro, kuko uwo ahereza umusaraba aba amugaragarije urukundo amukunda, kandi akamugaragariza igishyika amufitiye, ndetse n'ikinyotera ahora amwongerera.

Nimukomere rero mwebwe mwese muhetse imisaraba mwatewe n'abandi, kandi mukomere mwebwe mwese mwahetse imisaraba kubera ibigeragezo by'uko mwamenye Yezu Kristu, kandi by'uko mwamuyobotse.

Mukomeze mwihangane kuko ari kumwe namwe kandi abafasha, cyane cyane abigisha kumurangamia ndetse no kumwigiraho urugero rw'uko mugomba kwitwara, ndetse no kwitwararika; kuko igihe muhuye n'ibigeragezo mutagomba gusakuriza mu kigeragezo, ahubwo mugomba kubitwarana ibyishimo, ubwuzu ndetse n'umutima usukuye, wumva kandi wumvira; bityo iteka n'iteka mugahora mugera ikirenge mu cye, kuko yababereye urugero rwiza kandi akababera inyigisho, kandi akemera kubacisha aho nawe yaciye.

Nta nzira rero n'imwe abacishamo atacyemo, kandi nta nzira abanyuzamo atanyuzemo kugira ngo namwe mugere ikirenge mu cye, kandi namwe mubashe kumwigiraho gukunda, ndetse no kumwirundurira wese.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Mbifurije umunsi mwiza, mbifurije gukomera no kugubwa neza.

Ndi Mutagatifu Petero, kugira ngo mukomeze umujishi kandi mukomeze urugendo mwatangiye mwumva ko mutari mwenyine, kandi mwumva ko ikirenge cyanyu gihagaze mu kirenge cya Kristu, we wababereye byose, kandi akarangiriza byose ku musaraba.

Nimugire guhirwa, ntore z'Imana, kandi mugire kuzirikana ububabare bwa Kristu, Nyagasani, wabaye intangarugero mu kwakira byose, agasoma ku nkongoro y'ubusharire, kandi ntayicimburemo kabiri, ahubwo akayisoma, akayisogongera, akayikonoza, kugeza ku ndunduro y'ubuzima bwe.

MBIFURIJE AMAHORO NO KUGUBWA NEZA, GUTEKANA NO KUZIRIKANA BIKOMEYE UBUBARE BWA KRISTU, KUGIRA NGO BUBIGISHE GUKUNDA, NDETSE NO KWIRUNDURIRA WESE MU MUTIMA WE MUTAGATIFU. AMAHORO, AMAHORO!



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

3. MUTAGATIFU MARIYA MADALENA : YEZU  
KRISTU AGWA UBWA MBERE

***UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU MARIYA MADALENA,  
TARIKI 31 WERURWE 2023***

Nitegereje igwa ry'umukiza wanjye, kandi umucunguzi, umwami wanjye, Imana yanjye, Yezu Kristu; urukundo n'igishyika n'impuhwe nari mufitiye, bintera ubwuzu, kandi bintera ishavu rikomeye ry'urukundo yankundaga, urukundo kandi namukundaga, mu guhoberana ubwuzu Isi yose; maze agahobera mu rukundo ibiremwa byose, cyane cyane mu gikorwa cyo kuzahura abanyantege nkeya.

Nabiboneyemo isura n'ishusho ikomeye, yo kwitanga k'umwami wanjye Yezu Kristu n'umukiza kurushaho, mu bwuzu bwinshi, uko nabonye ahoberanye Isi yose urukundo, bityo agaterura imbaga y'abayituye b'abanyantege nke bagushwa n'ubusa, akabashyira ku mugongo we, kugira ngo abazamukane inzira y'umusozi wa Kaluvariyo.

Yitangiye bose, kandi yirekurira bose, kubera urukundo rwa Se; mu gusingira no kurambura amaboko ye, kugira ngo yakire bose kandi yirehereze bose, mu bubabare



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

bukomeye, kandi buteye ubwoba, Imana yemera kwitangira ibiremwa byayo.

Yezu Kristu mu igwa rya mbere yambereye ishusho ikomeye y'urukundo rukomeye, mu kuzahura benshi b'abanyanteye nke batiyibuka kandi batizirikanaho, igihe baguye mu byaha, igihe bagize intege nkeya ngo babashe kubyuka.

Yabatuye benshi muri iki gihe, kandi abyutsa benshi, akangura roho zabo, kugira ngo zibashe kuba mu gushaka kw'Imana, kandi zibashe kwegurirwa Imana, mu gusukura no guhanagura ubwandure mu kiremwa muntu, kandi mu kumutandukanya n'Isi mu buryo bukomeye.

Mu igwa rya mbere rya Yezu Kristu ryagaragaje imirasire idasanzwe, yisakaje mu Isi yose, kubera urukundo mu buryo bwo kubohora abo umwanzi yaboshye, kandi mu buryo bwo bwo gutabara no kugaragaza intsinzi ye, ryabaye intangiriro ikomeye yo gutsindisha shitani.

Icyo gikorwa cyo kugwa bwa mbere, kuko nyine yabaye nk'aho ahobereye Isi yose, maze akwega imbaraga zose z'umwanzi, mu buryo bwo kwimura umwanzi mu bantu, no kumwaka ijambo mu bo yagushije mu ngeso mbi zitandukanye.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yezu rero azamura bose kandi abatandukanya n'umwanzi, muri iryo gwa rye rya mbere, maze abunga na Se, kandi akomeza kubashyira mu mugongo, abazamukana inzira y'umusozo wa Kaluvariyo, atiganda kandi atishisha, kuko yari yirekuriye mu bubabare bwose agomba gucamo, kugira ngo yirehereze bose.

Icyari kimushimishije kandi cyari kimushishikaje ni ugutwara bose, mu buremere bw'uwo musaraba. Si umusaraba watumye Yezu Kristu agwa mu kumunaniza, ahubwo ni ibyaha bya Mwene Muntu byamunanaije, byamuremereye, bityo agwa hasi ahobera Isi yose; mu kuyihobera, azamukana benshi bagushijwe n'imisaraba itandukanye, abagushijwe n'ingeso mbi zitandukanye, yemera kubatwaza, kandi yemera kubaheka wese, kugira ngo abatandukanye na nyakibi.

Yezu Kristu yakiriye byose mu ngorane, mu bitotezo n'ibigeragezo. Nawe rero kiremwa muntu, irebe aho ugwa, maze ushishikarire kubyuka, kandi nubona n'uwaguye ushishikarire gutanga inkunga yawe, kugira ngo abashe kubyuka.

Yezu urukundo yakunze ikiremwa muntu n'iyi saha aracyamukunda. Ese urukundo Yezu akunda cyangwa se agukunda urumaza iki? Inyungu ukuramo ni iyihe? Umusaruro w'urwo rukundo ni uwuhe?



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yitangiye bose atarobanuye, kandi atwaza umusaraba buri kiremwa cyose, yemera imibabaro yose kandi yemera ingorane zose, yemera gutwara icyaha cyawe n'icya mugenzi wawe, mu buremere bukomeye, yemera kugwana nacyo.

Ngaho rero garagaza urukundo umukunda kuko yaje kugutabara, kandi na n'iyi saha akaba agutabara, atemera ko amagorwa aguherana, atemera ko ingeso mbi ziguharana, atemera ko ibigeragezo biguharana, ahubwo igihe cyose uri mu kaga n'ibigeragezo aza akiyunga nawe ukabivamo, ahubwo ugasubirana ibyishimo.

Ni byo koko hari igihe cy'akaga ka Muntu, ariko muzirikane ko hari n'igihe cy'ibyishimo, kuko umubabaro wa Mwene Muntu ugenda usimburana n'ibyishimo.

Yezu Kristu ntabwo abareka, kandi ntakureka ngo uheranwe n'agahinda, kuko hari igihe cy'imibabaro n'igihe cy'ibyishimo. Izo nzira rero zose nujya uzigeramo, ujye wibuka gushima no gusingiza umukiza Yezu Kristu, kuko ari we ugutera ibyishimo, kandi mu gihe uri mu mibabaro akaza kugufasha kugira ngo itaguharana.

Nimukomere rero, kandi mukomeze kuzirikana Yezu Kristu waguye ubwa mbere, kugira ngo abaramire kandi abongerere imbaraga, kandi abatwaze mu bibagusha kandi abatwaze mu bibananiza, kandi mu bibagora, mu



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

mbaraga ze z'ubumana yari yambaye, ntabwo umusaraba wajyaga kumugusha, ahubwo ni ibyaha by'abatuye Isi bose byamunanije bene kariya kageni agwa hasi, ararambarara, maze ibikomere by'umubiri we bigenda bivirirana mu buryo bwo gutagatifuza Isi.

Nta gitonyanga na kimwe cy'amaraso ya Yezu Kristu cyagwiriye hasi ubusa, gifite igishushanyo gikomeye, kandi gifite umukiro wageze kuri bene muntu, ku buryo mu gihe cyo gusukura Isi, ndetse no gusukura ikiremwamuntu ngo agitandukanye na nyakibi, yagombye kumena amaraso ye, kugira ngo abashe gukora uwo murimo, kugira ngo abashe kunezeza Se.

Wowe rero wiyuha ibihe byuya kugira ngo gushimisha Imana Umukiza wawe? Urakenewe kandi urarindiriwe kugira ngo ugaruke mu murongo kandi ugaruke mu nzira nyayo, kabone n'aho zaba zivunanye, ntugatinye gukora icyiza; ahubwo uzaharanire gukora icyiza, n'aho waba unyuzwe mu nzira zigoye zivunanye, ariko uharanire gushimisha Imana Umuremyi wa byose, kandi Umugenga wa byose, kuko ari cyo yakuremeye kandi akubesherejeho.

Buri wese ni ishusho y'Imana mu buryo bukomeye, ntawe ubereyeho rero kuba mu kibi, ntawe ubereyeho rero gucumura, ahubwo buri kiremwa muntu wese abereyeho





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kubahisha amaraso ya Yezu Kristu, yamennye mu igwa rye rya mbere.

Akaba rero ari urukundo rugomba kuzirikanwaho, urukundo rutagomba gupfa ubusa rw'Imana yemera kugwa hasi, kugira ngo asange abari mu mwanda, abari mu musenyi w'icyaha, kugira ngo abazahuze ububabare bwe kandi abazahuze umubiri we, kandi abazahuze urukundo rwe, rwirekuriye mu biganza by'ababisha be.

Nkaba rero mbifuriye gukomera no gukomeza kuzirikana urukundo rwa Yezu Kristu, wemeye gukubitwa, kandi akagwa hasi mu bubabare, kugira ngo abasanganize urukundo rwe rwa kimana, kugira ngo abazahure kandi abaramire.

Nimugire ubuzima muri Yezu Kristu, kuko ari ho hari iruhuko, amahoro n'ibyishimo bisendereye, muhore mumwubatseho, mu ngorane, mu mibabaro, mu bigeragezo, ntikumemere ko imisaraba yanyu ibagusha hasi ngo murambarare, ahubwo muharanire kugwa mubyuka, kuko nawe ataheze hasi, ahubwo yabadutse mu rukundo rwinshi, akabadukana n'imbaga yazahuye muri iyo saha ndetse no muri ako kanya, yari akeneye kuramira, kugira ngo igikorwa cyo kugwa hasi kwe kidapfa ubusa.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Namwe rero nimuharanire kuva mu cyaha kandi muzirikane igwa rya Yezu Kristu rya mbere ko ribashushanyiriza urukundo no kubatandukanya n'Isi ndetse n'icyaha n'igisa nacyo.

Nimugire ubuzima muri Yezu Kristu. Mbifurije ibihe byiza, muhananire gukunda Yezu, we rukundo rukomeye, kandi rudahinduka, mu gihe cy'amage n'amakuba, kuko iteka ryose ahora yirehereza abamwemera, kandi bemera kugendana na we.

MBIFURIJE AMAHORO Y'IMANA, NSHUTI ZIRI MU RUGENDO RUGANA IMANA, MUZIRIKANA INZIRA Y'UBUBABARE BWA YEZU KRISTU, MUBIKUYE KU MUTIMA, KANDI MUBIFITIYE URUKUNDO RUKOMEYE. MBIFURIJE IBIHE BYIZA! NDI MUTAGATIFU MARIYA MADALENA.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

4. BIKIRA MARIYA : YEZU AHURA NA NYINA

**UBUTUMWA BWA BIKIRA MARIYA, TARIKI 31  
WERURWE 2023**

Mwitegereze neza iyo sura yanjye, mpura n'umwana wanjye, uburyo bitari byoroshye, kandi uburyo nari nuzuye ishavu ryinshi n'agahinda kenshi, nshengurwa n'ibyo nabonaga, byakorerwaga kandi bikorerwa umwana wanjye. Nari mfite igishyika cyinshi, kandi igishyika cyansunikaga, mu rukundo rutagereranywa nari mfitiye ikiremwa muntu, kandi nkabona akaga, ndetse n'akangaratete Mwene Muntu yari ari kugenda yishyiramo, cyane cyane ubwo nabonaga bakubita kandi basunika Yezu Kristu, umwana wanjye, Imana yanjye, nkabona Mwene Muntu atari guha agaciro ubumana bwe.

Nagize igishyika gikomeye, cyane cyane ntekereza aho Muntu ari kwishyira, kandi aho Muntu ari kwiganisha; kuko nabonaga Isi yose yuzuye umwijima, kandi yuzuye icuraburindi; bityo mpura n'intimba, kandi nshengurwa n'agahinda, cyane cyane mu gishyika umwana wanjye yari afite cyo gucungura Mwene Muntu.

Yezu Kristu, we wari wemeye byose kandi wari wakiriye byose, yaranzwe no kumpumuriza, kandi arangwa no



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

gukomeza ndetse no gukomeza abari bamukikije, ndetse n'abari bamugaragiye, cyane cyane abo babonaga bishwe n'intimba kandi bishwe n'agahinda; ariko kandi aranganwa ubutwari ndetse aranganwa urukundo rukomeye, kuko umwete n'ishyaka, ndetse n'urukundo rutigeze rucogora kuri we.

Nimwitegereze iyo sura y'umubyeyi kandi mwitegereze iyo sura y'umwana, warebaga umubyeyi mu maso ye, bityo nanjye nkamurebana igishyika gikomereye, cyane cyane mbona namufasha kandi mbona namwakira, ariko abishi ndetse n'abagizi ba nabi, bari bamukikije mu kumusunika ndetse no kurushaho kumutota amagambo ndetse bamubwira iby'urukozasoni; bamutuka kandi bamuvumagiza, bakansunika bankwena, bampinduye nk'umusazi imbere y'imbaga nyamwinshi.

Ariko kandi urwo rukundo nari mfitiye Isi yose, kandi nari mfitiye umwana wanjye, ntabwo rwigeze rutezuka, ahubwo namufashije cyane cyane mu kumwakira, nshyingura ku mutima kandi mufasha mu rugendo rwe, bityo dukomezanya urugendo kugeza ku iherezo.

Namwe rero, ntore z'Imana, kandi bana banjye nkunda, nimukomeze muzirikane iyo sura, kandi muzirikane iyo shusho ibanyura mu maso, muyitegereze neza nk'abahahagaze kandi nk'abaharangamiye, bityo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ntimuhakure ijisho, namwe mugirire igishyika abo mubona barengana, kandi n'abo mubona baziza ubusa.

Akarengane karagwiriye hirya no hino mu Isi, ariko kandi benshi bakumva ko ari ibikino ndetse ari n'umunyenga, babona bagenzi babo bari mu magorwa akomeye, bakumva ko ari igihe cyo kubakwena, ndetse no kubatererana.

Igihe mubonye abarushye ndetse n'abaremerewe bashyizwe mu maboko y'abishi, kandi mu maboko y'akarengane, ni igihe cyanyu cyo kugira ngo musenge kandi musabire abo bose, baba babashyize hagati kandi bababoshye, kugira ngo babohorwe kandi n'abo bose baba bari gutoteza, kandi baba babohaboshye, babashyize mu kangaratete, kugira ngo nabo bagire umutima w'impuhwe, kandi umutima w'urukundo, umutima usabira abagizi ba nabi.

Ni igihe cyari gikomeye nkuri nnyewe, kandi ni igihe kitari cyoroshye kuri nnyewe, kuko nasabye Data kugira ngo ankomeze kandi akomeze umwana wanjye, kandi Imana yanjye; kugira ngo hagaragare imbaraga mu buryo budasanze, kandi hagaragare ubutwari mu buryo budasanze.

Nnyewe rero nk'uwari wambaye umubiri-muntu, naranzwe n'igishyika gikomeye, kandi igishyika cya



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kibyeyi, bityo mpinda umushyitsi, ariko kandi sinatezuka, sinatererana, siniruka ngo nje kure, ahubwo nemera kwitegeza abari banyasamiye, kandi n'abari bari kundebana agasuzuguro, ndetse bankwena; bavuga bati “dore nyina kandi dore umubyeyi wa kiriya gisambo”.

Ariko kandi narabyakiriye byose nshyingura ku mutima, kuko umwana wanjye kandi Imana yanjye, nari muzi neza kandi nzi n'ikimuteganyirijwe, nzi n'icyo agiye gukora kuko nabonaga ari inzira itoroshye yo gucungura Mwene Muntu; kandi mu rukundo rw'Imana, ndetse no mu gishyika Uhoraho yari afitiye Isi, akaba ari cyo cyari cyatumye amwohereza kugira ngo aze gukiza Mwene Muntu, cyane cyane kuko yari amaze kwiroha mu kaga gakomeye, ndetse no mu icuraburindi.

Hagombaga rero igitambo gikomeye, kandi hagombaga imbaraga zidasanzwe, z'uko haboneka ugomba kwitanga kugira ngo hameneka amaraso yuhagira ibyaha bya Mwene Muntu.

Ni urukundo rero rukomeye kandi ni impuhwe zitavugwa, Kristu Nyagasani yagaragarije buri kiremwa cyose, nta n'umwe urobanuwe; bityo rero aho ngaho, akaba ari naho nakuye imbaraga mu buryo budasanzwe, cyane cyane zo gusabira abarengana, kandi zo kurenganura abari mu kaga.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nimuhakure rero isomo rikomeye, mwebwe mwese biremwa mutuye Isi, kugira ngo iyo nzira kandi ihura ryanjye n'umwana wanjye, ntiribe imfabusa kuri mwebwe, ahubwo ribabere isomo rikomeye, cyane cyane ryo kwita ku bababaye, abarengana ndetse n'abatotezwa ku mpamvu ya Kristu, ndetse no ku mpamvu y'ingoma y'Imana.

Hari hirya no hino barengana kandi bagera mu bikomeye, abari inshuti ndetse n'abari abavandimwe, bakabitererana kandi bakabatererana mu kaga, ariko kandi icyo gihe ntabwo ari igihe cyo gutererana uwo wakunze, kandi igihe cyo gutererana uwo wari kumwe nawe; ahubwo aba ari igihe cyo kumufata mu bitugu ndetse no kumukomeza, kugira ngo umugaragarize urukundo, kandi umugaragarize ubvandimwe.

Ngaho rero nimukomere kandi mukomezanye, cyane cyane muri mwebwe mwese mugenda muhura n'ibikomeye ndetse n'ibigeragezo, bityo abari inshuti bakabahungaho, ndetse n'ababyeyi bamwe bakihakana abana babo, n'abana bakihakana ababyeyi babo. Icyo gihe rero nicyo gihe kiba gikomeye cyo kugaragaza ubvandimwe nyakuri, ndetse no kugaragaza ubucuti nyakuri kuko koko inshuti igaragarira mu kaga, kandi inshuti ikagaragarira mu bigeragezo.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nimurebe rero urukundo mukundana hagati yanyu, babyeyi namwe bana, bavandimwe namwe nshuti, murebe urukundo ruri hagati yanyu, murebe koko niba mukunda nkanjye cyangwa niba mukunda nk'umwana wanjye Yezu Kristu.

Yezu Kristu yemeye kwitangira bose kandi yemera kugaragaza urukundo rwe mu nzira ye itoroshye, kuko yari afite igishyika cyo gucungura Mwene Muntu. Ntabwo yarobanuye ngo arebe runaka cyangwa arebe igihagararo n'isura, ahubwo yitangiye buri wese.

Niyo mpamvu rero mbakomeza kandi ngakomeza kubongerera imbaraga, cyane cyane muri iyi nzira ikomeye y'umusaraba, muri ubu bubabare bwa Kristu Nyagasani, kugira ngo bubabere inzira ikomeye y'ubukirisitu bwanyu, kandi bubabere inzira ikomeye yo kuzirikana urukundo mufitiye Kristu, ndetse n'urukundo mufitanye hagati yanyu.

Hari benshi bakunda kubera ibintu, kandi hari na benshi bakunda kubera amaramu y'icyo bakeneye ku bandi, bityo bagera mu kaga, kandi bagera aho rukomeye, bakabitakana kandi bari bazi icy'ingenzi. Ni igihe rero cyo kugaragaza ukuri kwanyu, kandi ni igihe cyo guhagarara mwemye kugira ngo muhagarare ku cyo muzi, ku cyo mwemera, byaba mu byoroshye, byaba no mu bikomeye.





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Oya ntimugatabare igihe mubona ibintu byoroshye, cyangwa ngo mubane n'abandi igihe mubona bari mu mahoro no mu byishimo, igihe bageze mu kaga mukabihakana. icyo gihe nicyo gihe kiba gikenewe kugira ngo buri wese akenere inkunga ya mugenzi we, kandi buri wese agararizwe ko atari wenyine.

Mu guhura kwanjye rero n'umwana wanjye, byamuteye imbaraga zikomeye, n'ubwo yari Imana ariko kandi yari yambaye ubumuntu, byose abikorera mu bumuntu, ariko kandi yambaye isura ya kimana. Ni igihe rero kitari cyoroshye, kuko benshi bari batangiye kumuhungaho, kandi benshi bari batangiye kumukwena, bagize ubwoba kandi batangiye kwibaza uwo ari we, niba koko ari Imana, niba ari Nyagasani waje kubakiza ndetse no kubarohora.

Hari benshi bari bamaze guhura n'akaga gakomeye, ugushidikanya kwabaye kwinshi. Mu kuza kwanjye rero, byakomeje benshi cyane cyane intumwa, ndetse n'abari bahari bumva kandi barasobanukiwe, bityo bibatera gukomera ndetse no gukomeza umwete wo gukomeza gukunda Imana, ndetse no gukunda Kristu Nyagasani.

Namwe rero, mu gushyigikirana kwanyu, ndetse no mu guterana inkunga kwanyu, cyane cyane mu bahuye n'akaga n'ibigeragezo, bikomeza benshi kandi bigatera inkunga, niba uri mu kaga kandi niba uri mu bigeragezo.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nimumurebereho kandi mundebereho, kuko nababereye urugero kandi nkababera inyenyeri y'icyiza, y'urukundo rudatezuka kandi y'urukundo rutarobanura, y'urukundo rukunda kugera ku iherezo, cyane cyane mu bikomeye, mu bigeragezo, igihe uba ubona nta n'umwe wakurenganura, kandi igihe uba ubona bose baguhunzeho.

Aho ngaho niho buri wese aba akeneye inkunga ya mugenzi we, kandi niho buri wese aba akenewe kugira ngo afate mugenzi we bitugu. Nimukomere rero mwebwe mwese mucika intege igihe ibigeragezo bije, igihe abavandimwe banyu bageze mu kaga mukabahungaho, ntabwo muba mugaragaje ubuvandimwe nyakuri, kandi ntabwo muba mugaragaje urukundo rw'abana b'Imana.

Ndabatoza icyiza kandi ndabatoza kunyura Imana, kugira ngo muturebereho kandi mutugendereho, kuko twabaye intangarugero mu buzima bwanyu, kandi tukabamurikira mu cyiza, kugira ngo mugere ikirenge mu cya Kristu, kandi mugere ikirenge mu cyanjye.

Mbifurije umunsi mwiza n'ikizirikano gihire, bityo inzira y'ububabare bwa Kristu ntikababere imfabusa, cyangwa ngo muzirikane gusa mu magambo, ahubwo mujye muyicengezamo mu mutima wanyu, imanuke mu maraso ndetse no mu misokoro. Buri wese urukundo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

rumucengere, impuhwe ndetse n'imbabazi zo kugirirana hagati yanyu, zibabemo kandi zibubakemo, kugira ngo koko mube intore zizihye uwazitoye, kandi buri wese abe uhagaze koko mu birindiro by'Uhoraho, kandi uhagaze ku mazamu y'Uhoraho, ndetse no mu mwanya Kristu Nyagasani yabahagaritsemu.

Iki ni igihe gikomeye cyo kuzirikana kandi iki ni igihe gikomeye kitoroshye cyo kugira ngo buri wese azirikane ububabare bwa Kristu, kandi buri wese aharanire kugera ikirenge mu cye, kumureberaho ndetse no kundeberaho, kugira ngo buri wese arangwe n'umutima utuza kandi woroshya, umutima wakira kandi wiyumanganya.

Ni igihe rero gikomeye mwongererwamo imbaraga, kandi ni igihe gikomeye mwongererwamo ubutwari, cyane ku barangwa n'intege nkeya, ubwoba ndetse n'ibindi, kuko ubwoba buterwa na Sekibi, bityo mukihakana icyo mwemeye.

Iki rero ni igihe koko mbakomezamo kandi mugahabwamo imbaraga mu buryo budasanzwe, iyo mwemera guhamya mu bikomeye, cyane cyane mubona muhagaze hagati y'abashobora kubagirira nabi, ndetse n'ababarusha amaboko, baba babafiteho ijambo. Ariko mujye mwemera muhamye ukuri kwanyu, kuko hejuru y'abantu tuba duhari, kandi hejuru y'ibikomerezwa,



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ndetse n'ababarusha amaboko, Kristu Nyagasani aba ahari kugira ngo abarenganure.

Nagaragaje rero ubutwari bukomeye, igihe nahuraga na Kristu Nyagasani, cyane cyane kuko benshi bari bamuhunzeho, bityo nemera kwitambika, nemera kumusanga mu kaga gakomeye kandi nemera kumusingirana, muhobera, bityo rero urukundo rwanjye ruhoberana n'urwe; bityo umutima wanjye wiyunga n'uwe, abasha guhabwa imbaraga ku buryo budasanzwe, kandi mbasha kumufasha, ndetse mbasha no kumwakira, n'ubwo abenshi batabashije gusobanukirwa ibikorwa byacu ndetse n'icyo twari dukoze, ariko kandi twari dukoze igikorwa gikomeye kandi cyafashije Isi yose.

Mbifurije umunsi mwiza, kandi mbifurije gukomera.

Ndi Mariya nyina w'Imana, Umwamikazi w'Ijuru n'Isi, ngira nti "Nimukomere kandi mwirinde gutezuka, mwirinde gusakuriza mu kigeragezo, kandi mwirinde gutererana abanyu, igihe bagezemu bikomeye, kuko nzababereye intangarugero, kandi nkabereka isura ndetse n'ishusho nyakuri ku kiremnamuntu.

AMAHORO, AMAHORO!



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

5. MUTAGATIFU SIMONI : SIMONI UMUNYESIRENI  
AFATANYA NA YEZU GUTWARA UMUSARABA

***UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU SIMONI, TARIKI 31  
WERURWE 2023***

Nihitiraga mbona inteko, ikivunge cy'abantu, imbaga nyamwinshi, ishoreye Yezu Kristu; Yezu Kristu yananiwe kandi yahindutse inguma nsa, umutwe we utamirijwe ikamba ry'amahwa, amaraso amuvirirana umubiri wose, bityo imbaga y'abamuherekeje kandi bamushoreye, boshye igisambo, nta mpuhwe, nta rukundo na busa bari bamufitiye. Mukubise amaso, ubwuzu buransaga, kandi impuhwe ziraza, bityo abanzi be bampunda ibitutsi, kandi bamfata banshushubikanya, kubera umwaga, umujinya n'uburakari byari byabasaze mu mitima yabo.

Ntibari bakifitemo umutima wa kimuntu kuko bari buzuye umutima ruburampuhwe, kandi umutima wuzuye urwango rukomeye, bityo niko kumfata bampekesha umusaraba wa Yezu Kristu, bibwira ko ari igihano bampaye, ariko kandi Yezu Kristu yanyakiriye mu rukundo, kandi yemera ko mufasha, mutwaza umusaraba, kugira ngo amvure, kandi anyomere, kuko nanjye hari byinshi nari ntwaze ku mutima kandi byari bindemereye.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ibyo biba ikimenyetso gikomeye mu mbaga y'abatuye Isi yose, Yezu Kristu yari ari gucungura kandi yari ari gukiza, yitandukanyije n'ababisha be. Yezu Kristu yahetse imbaga y'abari ku Isi bose, kuko nabaye ikimenyetso mu bitaruye batari kumwe na we, bityo mugaragariza urukundo mu mayira, igihe yari ananiwe yabuze uwamwakira.

Benshi n'ubwo bavuga y'uko bagize ubwoba ko umusaraba umugusha mu mayira, nyamara ahubwo ni urukundo rukeya bari bifitemo, kuko bifuzaga ko nta wamugirira impuhwe. Ibyo byose rero byabaye mu gikorwa cy'urukundo Imana ubwayo yigaragarije mu kunkiza no gukiza abandi, kandi no kugaragaza urukundo rwa Yezu Kristu w'umunyampuhwe, kandi w'umunyembabazi, kugira ngo abashe kuramira abatuye Isi.

Hari benshi mu bari bamuherekeje, iyo bagira igishyika cy'uko umusaraba umugusha mu mayira, bajyaga kuwumwakira, ariko kandi bitsimbarayeho ubwabo, kandi bumva ko mu mitima yabo batakwegera umuburampuhwe, kuko ibyo bamushijaga byose ari ibinyoma, kandi bakagendera kure amaraso ye, kuko bumvaga y'uko kubageraho cyangwa kubatonyangiraho, bwaba ubundi bwandure kuri bo, batabashaga kubona icyabanduje, cyabahumye amaso, kuko bari bambaye umwijima rwose, batabasha kwakira urumuri ruturuka



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

muri Yezu Kristu. Yezu Kristu wababaye kandi Yezu Kristu wemeye byose, guheka umusaraba mu mvune, mu minaniro, mu bikomere bikomeye, akemera guheka Isi yose.

Nawuhakanye na Yezu Kristu mu bwuzu bwinshi n'impuhwe nyinshi, dukubitanye amaso impuhwe ziramusaga, kandi n'ubwo yari afite uburemere bw'umusaraba, yashatse no kunyakira umusaraba wanjye bwite, niko kwiyunga nanjye mu guheka umusaraba we, kugira ngo nanjye ndonke umukiro binyujijwe mu bwitange no gufatikanya na we gucungura Mwene Muntu.

Yezu Kristu yatubereye urugero mu buryo bukomeye, kuko yambohoye kandi akangarura ku isoko n'umukiro we, bityo ikinyotera cyo gukiza no gucungura isi, akakibuganiza mu mutima wanjye, bityo nkaronka amahoro kandi mu gusingira umusaraba we, umbera iruhuko kandi n'ivuka rishya muri Roho Mutagatifu.

Wamfunguriye umuryango w'Ijuru kandi mu ntera n'urugamba nagombaga kurwana, hari byinshi byakuwe mu mayira. Mu kwakira uwo musaraba, niho hari umukiro wanjye n'umukiro nyakuri w'abandi, kuko nabaye ikimenyetso cya benshi batari bari iruhande rwe, nyamara bari mu Isi hose.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Igikorwa Uhoraho Imana yagennye kandi yateguriye abe, ntikigomba kuba imfabusa.

Nkaba rero ndembuza bose abari mu Isi ngo nimuzirikane Yezu wananiwe, kandi waruhijwe n'umusaraba, uagenda agwa abyuka kandi wananiwe rwose. Muzirikane inguma ze kandi muzirikane amaraso ye, yagiye yivanga n'umusenyi n'umukungugu, kuko twakubitanye isura ye, ubwiza bwe bwahindanye rwose; yuzuye urukundo, ishema ryo gutwara umusaraba no gucungura Mwene Muntu, urukundo n'igishyika bimusaba umutima, agenda akwirakwiza ibitonyanga by'amaraso inzira yose.

Yasasiraga benshi urumuri kugira ngo barutambukiremo, kandi babohorwe ku ngoyi y'umwanzi; amaraso ya Yezu Kristu ntabwo yapfuye ubusa, ni ay'agaciro gakomeye, kandi ntabwo ijambo rye rizigera ryibagirana mu Isi. Ntirizasibangana kandi ugucungura Mwene Muntu kwe, ntikuzapfa ubusa kuko ndi umuhamba wabyo, kandi nkaba nshyigikiye ibikorwa bye, kandi nkaba ndwanirira ingoma ye.

Mu buryo nk'ubu rero, nkaba nshishikariza abemera n'abatemera, guha agaciro amaraso ya Yezu Kristu.

Yezu Kristu, rukundo rusa, Yezu Kristu, mahoro y'ababuze amahoro, Yezu Kristu, ruhuko ry'abananiwe, Yezu Kristu, humure ry'abahungabanye. Mu bigeragezo





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

mumwigireho, mu makuba, mu ngorane mumwigireho, kuko arangwa n'umutima wiyoroshya kandi arangwa n'umutima utuza wiyoroshya, bityo agashyingura byose mu mutima, akiringira Imana Se.

Namwe rero nimushyigire byose mu mutima, mwiringire Yezu rukundo rusa kandi rusendereye, kugira ngo abafashe mu ngorane z'urudaca ziri mu Isi. Biremwa mwese mutuye Isi, murahamagarirwa kandi muraremburizwa kumva urukundo rw'Imana, Umubyeyi kandi Umugenga wa byose, yagaragaje mu mwana we, Yezu Kristu, ajya kubapfira kandi mu kubatabara, mu kubarokora, mu kubatandukanya n'umwijima w'icyaha, agatangaza urumuri rwe, kandi akemera gusesa amaraso ye kugira ngo Mwene Muntu yumve urukundo rw'Imana.

Ni igiki mwashinja Ijuru, ni igiki mwashinja Yezu Kristu, atabagaragarije kugira ngo mubeho? Kuba muhagaze kandi muhumeka, kuba mucumura ntimucibwe, nimuzirikane ko ari amaraso ya Yezu Kristu, abahagaritse kandi abuhagira umunsi ku munsi, kugira ngo mudacibwa, kuko yabakinguriye umuryango wari ufunzwe, kandi akaba yarabatandukanyije n'urupfu rw'iteka.

Ni uw'agaciro gakomeye, kandi ni uwo kubahwa no kwizerwa, kuko mu buzima bwanyu ahaganje, kandi ibihe byose mukaba muri kumwe, bitamusaba kuba aha na



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

hariya, ngo biramugora kuko abera hose icyarimwe. Atega amatwi abamwiyambaza, kandi abamusangana umutima utaryarya, akabakorera imirimo n'ibitangaza.

Mu guhoberana umusaraba we urukundo, nywusingira, nywumwakira, yaranduhuye; namwe nimumusange kenshi, azabaruhura kandi azabaremera amateka y'ubuzima bushya, kuko kabone n'ubwo isi yabananiza, yabagora, ntore z'Imana, ntimukadohoke.

Yezu yemeye kubabara aca mu ngorane, mu bigeragezo, kugira ngo ababere urugero kandi buri wese amukureho inyigisho yo kwihangana kandi kwakira byose. Mumenye neza ko inzira y'Ijuru atari igihogere, bisaba kunyura mu mahwa, kugira ngo mugere ku cyiza, mubanje guca mu bibagora n'ibibananiza. Inzira y'Ijuru ni imfunganwa, inzira igana Ijuru ntabwo ari igihogered; isaba kwihangana, kwigomwa ndetse no kurekura byose, mukirundurira mu biganza by'Uhoraho Imana.

Yezu Kristu yababereye urugero mu kurangiza byose, kandi mu kwakira byose, nimukumomereho kuko abakomeje kandi akaba ababereye Imana, Umukiza n'Umurengezi. Yabahaye byose murigenga, abagabira ubuzima murigenga; none se mu ngorane zanyu mwebwe mubigenza mute? Mu ngorane zanyu aho ntimushaka kwihorera, kwihimura abanzi banyu?



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yezu Kristu yatwaye byose, mu mvune n'iminaniryo yemera guheka n'abari bamuherekeje, bamuteye inguma, kandi bagenda bamukubitira inzira yose; bityo akabagaragariza urukundo, agahindukira mu rukundo rwinshi, akabarebana amaso y'impuhwe, kugira ngo Imana Se abagirire impuhwe abakize, kuko yabonaga ari nk'abarwayi b'indembe, bakeneye umuganga.

Namwe rero nimuharanire kumva icyaha cya bagenzi banyu, babashikamiye, babamereye nabi, ari cyo kibatera igishyika, bityo kibatere kubakunda, ntimwiture inabi abanzi banyu, ahubwo musabire ababanga, igihe cyose mubaheke ku mutima, kandi mubatware mu rukundo, mubasabira guhinduka.

Ntimukiture inabi ku nabi, ahubwo ineza yanyu iganze inabi mugirirwa.

Nimugire ubuzima muri Nyagasani, kandi mugire urukundo rw'igisagirane, kuko kurekura byose no guhara byose, kubera Yezu Kristu n'ingoma ye, bizabaha kunezererwa no kuganza mu rumuri rw'Imana, ho hari umukiro usendereye, kandi mukaba mwarateguriwe ibyiza.

Muririnde kugira nabi kugira ngo namwe mutazagirirwa nabi, muririnde kwitura abanzi banyu inabi, kugira ngo Uhoraho Imana nawe atazayibitura. Ahubwo igihe



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

muhuye n'akaga, muhe umwanya Ijuru, Uhoraho Imana ari we uzahorera abanzi banyu, kandi ariwe uzitura inabi abanzi banyu babagirira.

Nimubeho mu rumuri kandi muganze mu rumuri, mukiza kandi murohora roho nyamwinshi, mubigirishije urukundo Imana yabaremanye, kuko ntawe yaremanye urwango, ahubwo buri wese wahanzwe mu isura y'Imana, yahawe urukundo rusendereye.

NIMUGIRE AMAHORO ! NDI MUTAGATIFU SIMONI.  
AMAHORO, AMAHORO.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

6. MUTAGATIFU VERONIKA : UMUGORE  
AHANAGURA YEZU MU MASO

***UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU VERONIKA, TARIKI 31  
WERURWE 2023***

Ni mu butwari bwinshi n'igishyika n'urukundo nashyizwemo na Yezu Kristu, nabonaga imbere yanjye, kandi mu kivunge cya benshi, akubitwa, avumaguzwa kandi akozwa hirya no hino, biyo bintera igishyika kandi bintera ikinyotera, ngurutswa mu mbaraga zidasanzwe, kandi mpagurutswa mu mbaraga zidasanzwe, musingirana urukundo rwinshi, mu kumuhanagura mu maso, cyane cyane aho nabonaga yaviriranye, kandi yuzuye ibyuya byinshi; bityo muri urwo rukundo, nabonaga isura ye yahindanye kandi yahindanyijwe na Mwene Muntu, bintera urukundo rwinshi, kandi binkora ku mutima, bituma nemera gusohoka muri benshi, cyane cyane bari bari kumukwena, kandi bari bari kumutuka, ngaragaza ubutwari, kandi ngaragaza urukundo nari mufitiye.

Sinjye wabyishoboje, ahubwo nabishobojwe na we, we untera igishyika kandi agatera igishyika abamwemera ndetse n'abifuzza kumukurikira; bityo akabagabira urukundo rwe, kandi akabagabira impuhwe ze.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Muri icyo gikorwa gikomeye, kandi muri icyo gikorwa nakoreshejwe na we, mu kugira ngo akize benshi, kandi agaragaze ububasha bwe, ndetse agaragaze ubumana bwe, niho nafashe igitambaro, kandi ngaragaza mu butwari bukomeye benshi batinyaga, kandi benshi bagaragazaga y'uko bamwihakanye, kandi nta wumuzi ndetse n'umucira akari urutega, ngaragaza ubwo butwari, ariko kandi ngaragaza n'urukundo nari mufitiye ; kuko yari yarangije kurumbibamo, kandi yari yarangije kurunyuzuzanya wese, nemera guca muri ayo makuba, atari yoroshye kandi muri izo nkuba zesaga ; bityo rero nkaba ngaragaza urukundo yakagombye kugaragariza Imana, Umuremyi wa byose, ndetse no kugaragariza mugenzi we.

Hagaragaye igikorwa gikomeye mu gushyira isura ye, ndetse no mu gusiga ishusho ye mu gitambaro cyanjye, ariko kandi akaba atari njye yari abigiriye gusa, ahubwo yari abigiriye buri wese, cyane cyane ko yahise agaragaza ubumana bwe, ndetse n'urukundo afitiye Mwene Muntu, ndetse n'impuhwe n'imbabazi, afitiye Mwene Muntu.

Yaboneyeho kuhagira benshi ibyaha, ndetse abakuraho ubwandu no kubaha imbabazi, cyane cyane ku batari bari kubasha kuzisabira, ndetse n'ababonaga bari mu kuri kwabo, kuko bari bamuhinduye urukozasoni, kandi bamuhinduye ruvumwa, ndetse n'udafite umwitayeho.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ni icyo gihe rero hagaragaye imbaraga mu buryo budasanzwe, mu gucungura Mwene Muntu, ndetse no mu gukiza Mwene Muntu, kuko hariho benshi mu Isi bahise bakurizaho gukizwa ibyaha, ndetse no gukurwaho ubwandu, kuko nagaragaje isura ikomeye mu kumuhanagura, cyane cyane aho yari yamazwe kwandavuzwa n'ibyaha bya benshi, bikagaragarira mu isura yari yahindanye, yahindutse inguma nsa, kandi ivirirana; bityo ibitonyanga by'amaraso bigenda bishwara hirya no hino mu Isi, ariko kandi bikaba byari ikimenyetso gikomeye, cyo gucungura Mwene Muntu, ndetse no gukiza Mwene Muntu.

Muri uko kumuhanagura rero, niho hatanzwe igitangaza gikomeye kandi hatangwa isura ikomeye, y'uko ari gukiza Mwene Muntu kandi abahanaguza urukundo rwe, ndetse abahanaguza amaraso ye yari ari kugenda amenwa, kandi agenda avirirana inzira yose.

Ni muri urwo rukundo Mwene Muntu yakagombye kugira, kandi akarugirira uwo azi ndetse n'uwo atazi; uwo yemera ndetse n'abo atemera, kuko buri wese yakagombye kubifatiraho isomo, cyane cyane abona agaciro, ndetse n'ubwitange, ubwiyoroshye n'ubwicishe bugufi, Kristu Nyagasani yagaragarije ikiremwa muntu aho kiva kikagera, yemera kumena amaraso ye kandi akanigabiza amaboko y'abishi be, kandi nyamara yari



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

afite ububasha bukomeye, ndetse yari afite no kuvuga ijamba rimwe gusa, abari imbere ye bose bakubarara hasi.

Ariko kuko yari afite isezerano ry'icyo yashakaga kugeraho, yemeye ko byose bimugirirwaho, kandi yemera ko tumufasha, yemera ko mwegera nkamuhanagura ; bityo akagaragaza ubufatikanye ndetse n'urukundo Mwene Muntu agomba kugirirana hagati ya buri wese.

Mwahavomye rero imbaraga zikomeye, kandi muhavoma urukundo rudasanze, muhavomera imbaraga zikomeye, zo kugira ngo buri wese arushaho kwitangira mugenzi we, kandi buri wese abashe guhagarara ndetse no guhamya icyo azi ndetse n'icyo yemera, atagamburujwe n'ibyo abona cyangwa ngo agamburuzwe n'akaga ari kubona kuri mugenzi we.

Nemeye rero guca muri icyo kivunge cya benshi, bampindura urw'amenyo barankwena, bamfunda ibipfunsi, bancira mu maso, babona ko ibyo nkoze ndetse n'ibyo ngiye gukora bitari bikwiriye, kuko uwo nguwo akwiriye kuvumwa ndetse no gutabwa ; ariko isura bamubonagamo nyewe siyo nabonaga kuko nari muzi neza kandi musobanukiwe, nzi urukundo rwe ndetse n'ubwitange bwe, inyigisho yagendaga atanga hirya no





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

hino, ndetse n'ibitangaza yagendaga akora, kuko nari nabanye kandi naragendanye nawe mu buryo bukomeye'

Ntabwo rero aho ngaho nari gukura imbaraga zo kumwihakana cyangwa gukura imbaraga zo kumva ko uwakoraga bya bindi noneho yahindutse. Bari bamuhinduye urukozasoni kandi bamuhinduye urw'amenyo, buri wese ari kuvuga iryo ashatse, kandi buri wese akamukoraho icyo ashatse, kuko yari yagabijwe koko amaboko y'abishi, kandi yagabijwe amaboko y'abanzi.

Ni igihe rero yari akeneye inkunga yacu, kandi ni igihe yari akeneye urukundo rwacu, kugira ngo tumugaragarize ko icyo yakoze mu Isi kitari imfabusa, kandi icyo yagiye akora hirya no hino kitapfuye ubusa.

Ni naho namwe rero muvoma imbaraga, kugira ngo buri wese arusheho gusobanukirwa kandi arusheho kumva urukundo yakunzwe n'Imana yemera gutanga umwana we w'ikinege, kugira ngo yitangire buri wese kandi agaragarize urukundo rwe buri wese.

Muri uko kumuhanagura rero, namwe hari benshi mufite mwahanagura, kandi hari benshi mufite mwahoza, hari benshi mubona mwakwifatanya mu kababaro, ntimubereho kubatererana ndetse no kubasiga mu nzira



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

bonyine, ahubwo mubagaragarize urukundo rwanyu, kandi mubagaragarize ubudahemuka bwanyu.

Muhavoma rero imbaraga zikomeye mu kumuhanagura kwanjye, kuko nahakuye urukundo mu buryo bukomeye, kandi urwo rukundo rugasakara hirya no hino mu Isi, kuko isura ya Yezu Kristu yahise yishushanya muri buri kiremwa cyose gituye Isi ; bityo rero buri wese kuri ubu akaba ari mu isura ya Yezu Kristu, kandi ari mu isura y'Imana Data.

Nimukomeze rero musigasire ubwo bwiza, izo mpuhwe, izo mbabazi, urwo rukundo mwagiriwe kandi Isi itari ibikwiriye na kiremwa muntu kitari kibikwiriye ; bitewe n'imyitwarire mibi buri wese yagaragaje muri ako kaga gakomeye ; ariko kandi hakagaragazwa urukundo rukomeye rwa Yezu Kristu, mu kugaragaza urukundo rwe atitaye ku byamukorerwaga, ndetse atitaye no ku magambo yamuvugagwaho.

Ni igihe rero buri wese yakagombye gufata isomo, ryo kugaragaza gutumbirira Yezu Kristu, kutita ku byo yumva ndetse no ku byo abwirwa, ahubwo iteka n'iteka agahora yiyumvamo urwo rukundo n'igishyika byo kumukunda, bityo akemera kwitanga mu bikomeye ndetse n'ibyoroheje, yaba bamwugarije kandi yaba ari mu maboko y'abakomeye, agahagarara ku kuri kwe kandi agahagarara ku ijamba yagejejweho n'Uhoraho.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nimukomere rero kandi mukomeze urugendo, mukomeze umwete n'ishyaka wo kurushaho gukunda Kristu, cyane cyane muhora mwicengezamo, inzira ye n'amayobera ye, mu gucungura Mwene Muntu, mu bwitange bukomeye ndetse no mu gishyika yari afitiye kiremwa muntu, kandi ukabona abikorana urukundo rukomeye, kandi abikorana ubwitange.

Ntabwo yabaye nk'ab'Isi ndetse n'iby'Isi, ahubwo buri kimwe cyose yagikoranaga urukundo rwatembaga ku mutima ; bityo amaraso ye uko yagendaga ameneka mu nzira, akagenda yuhagira ibyaha bya benshi, kandi akagenda atamururaho umwijima wari wibasiye Isi, kuko muri ako kanya hari hagoswe n'icuraburindi rikomeye, imiborogo ndetse n'ibindi, ariko kandi ibyo byose Uhoraho na Yezu Kristu bakabikuzaho urumuri, kuko icyo gihe hari hamanuwe urumuri mu buryo bukomeye, rwatambukaga ruca muri Yezu Kristu, kuko yari amanuriye Isi yose urumuri, kandi yari amanuriye buri kiremwa cyose urumuri, kugira ngo kerekwe urukundo Uhoraho agikunda, kandi cyerekwe imvune ndetse n'imibabaro buri wese agomba gucamo kugira ngo agere kuri we kandi kugira ngo agere ku Mana Data.

Ndi kumwe namwe rero kugira ngo nkomeze kubigisha, mbereke inzira nziza itunganiye Yezu Kristu, kandi mbereke igishyika cyo kurushaho kumukunda, ndetse no



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kurushaho kumusobanukirwa by'ukuri, kwemera guca mu bikomeye, ndetse n'ibyorohewe, ariko mukemera kurenganura abarengana, kandi mukemera gufasha abo benshi baba batereranye, basigaye bonyine, nta n'umwe ubavugira kandi nta n'umwe ubari iruhande, mwebwe mutambuke murangurure ijwi ryanyu, muvuge kuko nta n'umwe ushobora kubapfuka umunwa, cyangwa ngo awubuze icyo musohoye , kuko umwuka muhumeka muwukomora kuri Uhoraho, kandi akaba ari na we utanga imbaraga, cyane cyane iyo mwagaragaje ukwemera kwanyu, kandi mwagaragaje igitekerezo cyanyu cyiza.

Ntimugacogore reo ku cyiza, kandi ntimugacogore mu gufasha Yezu Kristu, ntimugacogore mu gufasha buri wese utuye Isi uri mu karengane, kuko ariho mugaragaza ubutwari, kandi mukagaragaza urukundo rukomeye, kandi ari narwo Kristu Nyagasani yazaniye Isi yose, cyane cyane igihe yemeraga guca mu bikomeye, ndetse no mu bitotezo, kugira ngo acungure Mwene Muntu.

Mbifurije amahoro nikizirikano gihire, ndetse no kurushaho gukunda Yezu Kristu, wabacunguye kandi yemera guca mu mibabaro, yemera guca mu muriro ndetse no mu nkuba zesa, ariko ubuzima bwe bugasigara bwemye, ndetse n'urukundo rwe ntirugire na kimwe



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

rutezukahoh, ahubwo rugakomeza rwiyongera, kandi  
agakomeza no kurusakaza ku barushaka.

AMAHORO, AMAHORO! NDABAKUNDA CYANE!  
MBIFURIJE IBIHE BYIZA! NDI MUTAGATIFU VERONIKA.  
AMAHORO, AMAHORO!



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

## 7. BIKIRA MARIYA : YEZU KRISTU AGWA UBWA KABIRI

***UBUTUMWA BWA BIKIRA MARIYA, TARIKI 31  
WERURWE 2023.***

Nitegereje igwa ry'umwana wanjye rya kabiri, ishavu rinshengura umutima; bityo umubiri wanjye numva unyorosotseho, kubera igishyika nari mfitiye umwana wanjye Yezu Kristu; ndeba imvune, imiruhu n'umunaniro wari umurembeje, nibwo yikubise mu mabuye ndetse umubiri we wuzuyeho ibikomere urushaho gushwanyuka, maze umutima wanjye urushaho kwahuranywa n'inkota y'ububabare.

Nagize intimba mu igwa ry'umwana wanjye ku nshuro ya kabiri, mu gishyika cya kibyeyi kandi mu rukundo rwanjye rwa kibyeyi, nsuhuza umutima, bityo niringira Imana, kandi mu rukundo rwanjye, ndushaho kumusanganira, kugira ngo mufashe kandi mukize.

Nagize agahinda gakomeye mu nzira y'ububabare bw'umwana wanjye, aho benshi bampurizagaho inkoni, bambuza ubutabazi nagombaga kugirira umwana wanjye; mu ntimba n'agahinda nabonaga afite, ngashaka kwiyunga nawe, bakanyamaganira kure, kandi bakanyirukanira kure; ariko sinigeze mutererana, ahubwo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

nagendanye na we, muri icyo kivunge cy'abagizi ba nabi, nkarushaho kubakunda, kandi nkarushaho kubita abana banjye nabo.

Yezu Kristu rugero mu bemera, kandi Yezu Kristu we soko ya byose, we soko y'amahoro, ukwemera n'urukundo rwamusabanyishije na Se; bityo na we amfungurira umutima we w'impuhwe, arushaho gusabana nanjye, kuko yambereye icyitegererezo, kandi ambera byose nanjye mubera byose, mu kumbona iruhande rwe kandi mu kumuba hafi, byamuhaye gukomeza umugambi, ndetse no gukomeza urugamba yari afite, kugeza ku ndunduro.

Icyifuzo cy'umutima wanjye cyari icyo kumusabira gukomera, no gukomeza kwihangana; kuko nabonaga umubiri we, wuzuye inguma nsa kandi washwanyaguritse, maze muri iryo gwa rye rya kabiri, imivu y'amaraso irushaho gutemba inzira zose, maze ishavu rinshengura umutima, nshimira Imana kandi nsingiza Imana, Yo yamwigombye kandi Yo yamukunze; bityo murekurira mu biganza by'Imana ngo arangize umurimo we, kugira ngo ntamubera inzitizi n'imbogamizi mu rugamba agomba kurwana.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yezu Kristu wababaye, kandi Yezu Kristu wakiriye byose ku buntu, nababere urugero kandi ababere icyitegererezo cy'urukundo rufite ireme kandi rw'agaciro gakomeye.

Nanjye nakiriye byose, ibikomeye, ibitera ubwoba, mu nzira y'umubabaro, umwana wanjye yanyuzemo, ntabwo nigeze mwirengagiza, namubaye bugufi; ndamukomeza mu mbaraga zanjye, bityo aheka umusaraba, nanjye ntware ku mutima umusaraba, mu nkota z'urudaca zanyahuranyaga umutima; byose nkarangwa no gushyingura ku mutima, nkamwereka ko nkomeye kandi nkamwereka ko mukomeje, kuko kenshi yahindukiraga akandeba mu bwuzu bwinshi n'urukundo amfitiye, kuko atifuzaga uwangirira nabi mu mayira, ahubwo we yumvaga yakwakira byose, nkagira ubuzima nta wumputaje, kandi nta wumpungabanyije.

Nanjye rero ngakomeza kuba bugufi ye, kandi nkakomeza gukataza mu mbaraga no mu gishyika cya kibyeyi; ariko kandi nkikomeza, kuko ntagaragazaga mu maso ye ububabare bwanjye uko buri, uko nashengukaga umutima, uko nababaraga mu mutima, ngashaka kwiyumanganya kugira ngo akomere, adatezuka ku rugamba, n'ubwo yari yambaye isura ya kimana, kandi yari yambaye imbaraga zo mu Ijuru, ariko umubiri we warababaye, kandi nawe yarababaye ndabibona, maze





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

umubabaro we wiyunga n'uwanyje, dufatikanya inzira y'ububabare kugira ngo dukize Mwene Muntu.

Ese Mwene Muntu yakwitura iki urwo urukundo, uretse kwirekurira mu biganza by'Uwamuremye, akemera kuba mu rukundo rw'Imana kuruta ibindi byose? Ndakangurira rero kiremwa muntu utuye Isi wese, kuzirikana ubucungurwe bwe, kuzirikana urukundo rwa Yezu Kristu wababaye mu kigwi cyanyu ngo mubabarirwe.

Nanbye mporana inyota yo kubakiza, bana banjye, kandi ntore z'Imana, kugira ngo mwumve urukundo mwakunzwe ntiruzapfe ubusa, ahubwo iteka ryose muhore mwima amatwi Shitani ubatwarira muri utu na turiya tubahenda, kandi muri utu na turiya tuboroheye; bityo gutwara imisaraba yanyu mukabyirengagiza; bityo mukajya kure y'umusaraba, kandi umusaraba ari wo uzabaha kugera ku mutsindo w'ukuri, kandi umusaraba ari wo uzabageza iruhande rw'Imana.

Nimudatwara imisaraba, bana banjye, mu rukundo, ntacyo muzageraho, nta n'ubwo muzagira umugabane mu mwanya w'Ijuru, kandi mu mwanya w'abana b'Imana. Uwanyje agomba kurangwa no gutwara umusaraba mu rukundo, nk'uko Yezu Kristu yawutwaye, akagera n'aho agwa, kandi mu kugwa kwe ntarambarare, agakomeza gutwara umusaraba we kugeza ku ndunduro.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nimwemere ibibarushya kandi bibagora mukiri mu mubiri, mwemere guheka imisaraba yanyu, aho kugira ngo muce mu nzira zigoramye ngo ni uko ziboroheye. Sekibi ntabashakira icyiza, ahubwo abashakira ikibi, kabone n'aho cyaba cyoroheye ubuzima bwanyu. Nimwirengagize icyo kibi cye, ahubwo mukataze inzira y'umusaraba, kugira ngo muzatahukane intsinzi; kuko ku musaraba kandi hirya y'uyu musaraba hari ibindi byiza.

Nimukomere rero kandi mukomeze kwizirika kuri Uhoraho Imana, mu nzira yageneye buri wese ntayitaze, kandi mu rugamba yageneye buri wese agomba kaurwana ntarwitaze ngo arujye kure, ahubwo buri wese aharanire kubaho mu cyiru Imana imwifuzaho.

Ukuza ku Isi kwa buri wese gufite inzira kwanyuzemo, ukuza ku isi kwa buri wese gufite inzira kugomba gucamo, ndetse no kubaho ku Isi kwa buri muntu wese afite uko agomba kubaho; n'ubwo imibereho yanyu itandukanye, hari abafite imibereho ishaririye kurusha iy'abandi, ifite uburemere kurusha iy'abandi; buri wese nazirikane ko ari yo nzira yateguriwe gucamo, kugira ngo abashe kugera ku ntsinzi, kandi abashe kugera ku ndunduro y'ibyiza Uhoraho amuteguriye, kandi amuteganyirije.

Nimwitegereza inzira ya Yezu Kristu, buryo ki ikomeye kandi iruhanyije, mu gihe twagendanye, murasanga mu



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

buzima bwanyu izo mucamo zoroheje. Niyo mpamvu rero, nta kigomba kubakura mu byimbo; niba uwabacunguye Yezu Kristu yaremeye guca mu nzira zimeze kuriya, kubera urukundo, mwebwe mwamwima iki?

Nimwemere ibibagora kandi ibibarushya, kuko bizabageza ku buzima nyabuzima, kandi bizabaha gusangira umurage na we, kandi umugabane yagabanye kwa Se. Inzira ijya mu Ijuru irafunganye, nimuyikataze ntacyo mwishisha, mwitandukanye n'ikibi n'igisa nacyo; nimwitandukanye n'ibishuko by'umwanzi, ibiborohera ndetse n'ibyo abereka biborohera mu buzima; nimuzirikane ko nimwemera kugenda mu nzira igoye kandi ifunganye, mubigirira Yezu Kristu muzatsinda. Ariko nimushaka kwicira mu zanyu ziboroheye muzahoka, kandi muzagoka bitari kera.

Ntore z'Imana kandi bana banjye mpoza ku mutima, nkaba mbahuriye mu rukundo rwanjye n'urwa Jambo tubafitiye, kugira ngo mwime amatwi ibishuko byose byo mu Isi, kandi mwime amatwi ibishuko byose bya Shitani; nimwemere kuyoboka urukundo rw'Imana, kandi mwemere guca mu nzira zifunganye, kugira ngo muzahabwe ingororano y'icyiza kiri mu Ijuru tubateguriye kandi tubateguriye.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Inzira y'ubutungane irarushya, nimwemere kwigora kandi kwigomwa byose kugira ngo mubigereho, muzahabwa ingororano y'icyiza mwaruhiye kandi mwavunikiye karijana. Nimurangirane rero biremwa biri ku Isi, mwese mwitegure kandi muhore musenga muri maso, murusheho kwirundurira mu rukundo kandi mu gushaka kw'Imana, kuko igihe cy'ubwigenge kiri kugenda kirangira, kandi amaraso ya Yezu Kristu atagomba gupfa ubusa, atagomba gukomeza kurebera ibyabaye, ibyakozwe, ngo tureke umwanzi yidegembya.

Ni igihe cyo kuzirikana rwose, buri wese akava ku kibi arimo, kandi akava ku mwanda yasutamyeho, kugira ngo abashe gusabana na Yezu Kristu mu buryo bwuzuye, kuko atagiye ku musaraba, kandi atemeye imibabaro akina.

Ni igihe cyo guhesha agaciro amaraso ye, no kumva urukundo rwe, buri wese akarubyaza inyungu n'umusaruro, kuko ari cyo Ijuru ririndiriye kuri buri kiremwa; bityo uzamera kwakira urukundo rwa Yezu, ntazabura no kwakira ibihano bye.

Ni igihe rero cyo kwizirikanaho, guhinduka no guhindukira kuko Yezu adahinduzwa agahato, ahubwo buri wese yakagombye gukoreshwa n'urukundo amukunda, bityo agahinduka inzira zikigendwa.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nimugire ubuzima bana banjye, ndabakunda. Urukundo rwa Yezu Kristu yabakunze ajya kubapfira, ntirukabe imfabusa mu buzima bwanyu, muruzirikaneho kandi mutekereze ko mwakunzwe, kandi mutekereze icyiza Yezu Kristu yabakoreye, gihora iteka cyishushanya mu buzima bwanyu, bityo ntimugateshuke ku cyiza murimo, n'abari mu kibi nabo bagaruke mu murong ; kuko Yezu Kristu abakunda kandi iteka agahora arindiriye guhinduka no guhindukira kwa buri wese, kugira ngo basangire umugabane kwa Se uri mu Ijuru.

**MBIFURIJE IBIHE BYIZA ! NDI MARIYA, NYINA W'IMANA,  
UMWAMIKAZI W'IJURU N'ISI. AMAHORO, AMAHORO!**



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

## 8. MUTAGATIFU MARITA : YEZU AHOZA ABAGORE BAMURIRAGA

### ***UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU MARITA, TARIKI 31 WERURWE 2023***

Nimurebe urukundo Yezu Kristu yagaragarije abagore bamuriraga, mu guhindukira abarebana amaso y'impuhwe, kandi akabahunda impuhwe ze, ndetse n'imbabazi ze, cyane cyane mu kubabwira ndetse no kubasobanurira ko batagomba kumurira, ahubwo bagomba kuririra abana babo ndetse n'imiryango yabo n'inshuti zabo. Yashakaga kubereka icy'ingenzi ndetse n'icyo bagomba kwitaho, cyane cyane ko batagomba kumuririra we ubwe, ahubwo bagomba kuririra abo ngabo bari bamukikije buzuye ububi, kandi buzuye ubugome butavugwa.

Yashakaga kuberekeza mu cyerekezo cyiza cy'isengesho, kugira ngo buri wese abashe kumenya icyo agomba kuririra ndetse n'ikigomba kumushengura, kugira ngo baririre abatabasha kumenya ko bacumuye, ndetse n'iyo mbaga nyamwinshi yari ikikije Yezu Kristu, mu bugome bukomeye kandi batabasha kwisubiraho ndetse babona ko n'ibyo bakoraga byari mu mugambi wabo, kandi bikaba bibashimishije.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yaberekezaga rero mu nyigisho ikomeye yo kugira ngo buri wese abashe kuririra icyaha cye, ndetse n'icyari giteye Yezu Kristu guca muri icyo nzira itari yoroshye kandi itavugwaga, y'ububabare bukomeye kandi yari atewe n'ikiremwa muntu.

Yabonaga abagore bamuririraga, cyane cyane bashenguwe n'ishavu ry'ibyo babonaga yakorerwaga, kandi ari Umwami w'Ijuru n'Isi, wari ufite byose kandi wari ufite uburenganzira n'ububasha, bwo kuvuga rimwe byose bikarangira, ariko kandi akagaragaza ubwicishe bugifi ndetse n'ubwiyoroshye, mu kwemera kugabiza umubiri we abishi kandi akemera kwitamba imbere yabo kugira ngo bamukoreshe ibyo bashaka.

Baramurebaga bagashengurwa n'ishavu ndetse n'agahinda, ariko kandi Yezu Kristu mu rukundo rwe, we wacengeraga imitima y'abari aho ngaho bese, kandi akabona n'icyerekezo cyabo ndetse n'akaga gakomeye bashakaga kwishyiramo ndetse bari bari kwiganishamo ; yasobanuriye abagore bamuririraga ko uwo kuririra kandi uwo bagomba kwitaho atari we, ahubwo bagomba kwita kuri abo bagizi ba nabi ndetse n'imiryango yabo n'abana babo, bari bazaniwe umukiro ariko ntibabashe kuwakira.

Yezu Kristu rukundo rusa rusa, we wakunze Mwene Muntu, akagera n'aho atirebaho kandi akagera n'aho



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

arenga umupaka, cyane cyane mu cyari kimuzanye mu Isi, mu gucungura Mwene Muntu, ndetse no kumukura mu mbata ya Nyakibi, ariko akabona urukundo yari abazaniye, boa tari rwo bari kubona. Yakomezaga gushengurwa n'intimba n'agahinda.

Niho rero yakebukaga ba bagore, kandi akaturebana impuhwe n'imbabazi kuko twari iruhande rwe, ariko kandi twuzuye agahinda, twuzuye ishavu ndetse n'ubwoba, twabonaga abishi ndetse bari bahindutse nk'inyamaswa, kandi bari bahindutse mu buryo bukomeye ku buryo utabashaga kugira icyo uvuga cyangwa ngo ugire icyo ukora, kuko bari babaye inyamaswa nsa, umutima wa kimuntu wabavuyemo.

Ni igihe rero cyari gikomeye Yezu Kristu yagombaga kugaragaza kandi agatanga inyigisho y'abagomba kwitabwaho, ndetse n'abagomba gusabirwa no kuririrwa. Yezu Kristu yabonaga we atagomba kuririrwa, ahubwo abagomba kuririrwa ari abo ngabo bari kwishyira mu kaga gakomeye, kandi bari kumuvutsa ubuzima, nyamara yari abazaniye umukiro, kandi ari we utanga ubuzima.

Bakirengagiza rero ibyo byose kandi bakirengagiza ibyo babwiwe ndetse n'ibyo bagejejweho; bakirengagiza inyigisho yabahaye, kandi n'urugero rwiza yatanze





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

imbere y'amaso yabo, bityo bakaba bari buzuye agasuzuguro, kandi buzuye ubugome bukabije.

Yezu Kristu rero yatubeteze urugero kandi atubera icyigisho gikomeye, yagaragarije isi yose. Nawe rero muri aka kanya zirikana ikikubabaje, kandi uzirikane ububabare bwawe uhura nabwo, icyo buvuze ndetse n'icyo bugusaba muri aka kanya. Reba Yezu utarigeze wirebaho, ndetse utarigeze witindaho, nawe urebe koko uko witwara mu maso y'Imana, niba ubabazwa n'icyaha cya mugenzi wawe, no kudahinduka kwa mugenzi wawe.

Aratwigisha icyigisho gikomeye cy'uko tutagomba kwitindaho ndetse no kwirebaho cyane, ahubwo tugomba gusabira abanyabyaha, hirya no hino mu Isi, bagikomeje gukaza umurego w'ikibi, kandi bagikomeje gusubiza Yezu Kristu ku musaraba.

Itegereze kandi uzirikane ububabare bwa Yezu Kristu, bugutere guhinduka ndetse no guhindukira, kandi bugutere gukomeza umwete wo kwitanga usabira bagenzi bawe, usabira abatabasha kwisabira, kandi uririra abatabasha kubona ko bacumuye, ndetse bari kwitandukanya n'urukundo rw'Imana.

Mu Isi hariho benshi bakeneye inkunga yawe, kandi mu Isi hariho benshi bakeneye ko ubasabira kandi ubaririra,



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kugira ngo bave ku mbata ya Nyakibi, kandi bave ku mwanzi wakomeje kubahambira.

Ni igihe rero gikomeye cyo kuzirikana urukundo rwa Yezu Kristu, aririra abagore kandi aririra Isi yose. Ni urugero yatanze rw'uko ababajwe n'icyaha cya Muntu hirya no hino mu Isi, kuko atari ababajwe n'abo ngabo bari bamugaragiye kandi n'abo ngabo bari iruhande rwe gusa, yari ababajwe n'Isi yose yari iri kugenda yiroha mu rwobo, kandi yikururira umwijima, nyamara yari ayizaniye umukiro n'urumuri ruhoraho.

Nawe rero komeza ubungabunge kandi ukomeze ucunge umutekano wa mugenzi wawe nawe ubwawe, kandi urebe ikikubabaje niba koko kibabaje Yezu Kristu ubabajwe n'uko wacumuye, niba utababajwe n'uko hari uwakuvuze nabi cyangwa wakurenganyije.

Ibyo byose biture Nyagasani, ahubwo usigare ubabajwe n'uko uwo nguwo uri kukurenganya, kandi uwo uri kugutunga urutoki, atari kubasha kubona ikibi cye kandi atari kubasha kubona icyaha cye, agakomeza umwete wo gukomeza gukora ikibi ndetse no gukatariza mu rwango, mu mwijima Uhoraho atifuzwa.

Ni igihe cy'inkunga yawe rero wowe uri mu Isi, kandi uharanira ubutungane, uzirikana inzira y'umusaraba Kristu yanyujijwemo, kandi yacyiyemo, kugira ngo nawe



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ugere ikirenge mu cye, cyane cyane uririra icyaha cya mugenzi wawe, kandi uririra icyaha cy'Isi yose, kuko Isi ikomeje kwiroha mu mwijima, kandi Isi ikaba idashaka guhinduka ndetse n'abayo.

Ni igihe ugomba kwitanga kandi ugatanga inkunga yawe, usaba kugira ngo imbaraga za Yezu Kristu zikomeze zirohore kandi zikomeze zitabare ikiremwa muntu gituye Isi, kugira ngo koko inzira y'umusaraba ntisige buri wese amara masa, igukoreho kandi ikore kuri buri wese.

Yezu Kristu, Mucunguzi, nakomeze acungure imbaga y'abo yiremeye, kandi yameneye amaraso, bityo amaraso ye akomeze yuhagire ibyaha buri wese, kandi yuhagire ubwandu kuri buri wese.

Ni igihe rero inzira y'umusaraba itagomba gusiga buri wese amara masa, ahubwo buri wese agomba koga muri iyo nyanja y'urukundo, kandi akoga muri iyo nyanja y'impuhwe n'imbabazi, kugira ngo amarira kandi ibikomere bya Yezu Kristu birusheho kuhagira benshi, kandi birusheho gutagatifuza benshi.

Nawe rero komeza uririre icyaha cyawe, kandi ukomeze wikomange, wirinde kugisubira kandi wirinde ko cyakugira umucakara, ahubwo ukomeze wihatire gukora icyiza kiboneye ndetse no kubabazwa n'ibyaha bya



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

bagenzi bawe, ndetse no kubabazwa n'ibyaha  
by'abatabasha kumenya ko bacumuye.

MBIFURIJE UMUNSI MWIZA, KANDI MBIFURIJE  
GUKOMERA, NTORE Z'IMANA. NDI MUTAGATIFU  
MARITA. AMAHORO, AMAHORO!



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

9. MUTAGATIFU SALOME : KRISTU AGWA UBWA  
GATATU

***UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU SALOME, TARIKI 31  
WERURWE 2023.***

Nitegereje ububabare bw'Umwami wacu Yezu Kristu, uburyo yagenze mu nzira y'umusozi wa Kaluvariyo, mu kwihangana, mu kwiyumanganya kugeza ubwo aguye ku nshuro ya gatatu.

Mu rukundo rwe yari atwaye bose ku mutima, kandi mu mpuhwe ze akagenda agaragaza urukundo rwe, rutagereranywa kandi rutajorwa, kuko ntacyo twabona tumugereranya na we, mu gukunda no kwihanganira byose, mu nzira y'ububabare buteye ubwoba.

Yagiye aheka umusaraba, akawugwana kugera ku nshuro ya gatatu, umubiri we wuzuye inguma nsa, kandi umusenyi wivanga n'amaraso; bityo bikarushaho kumuhuma amaso, ubwihangane n'ubwiyumanganye, mu kwigomwa ndetse no kwihanganira byose, akaba uw'ingenzi mu gushyingura ku mutima.

Mu gishyika n'urukundo rwe, rwarushijeho kunsaga, bityo ansabanisha n'ububare bwe, nirundurira muri we, bityo mubera umuhamya kugera ku ndunduro.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yansakajemo impuhwe kandi ansakazamo urukundo, bityo kwitandukanya nawe ntibyashoboka, kandi kwirengagiza urukundo n'ububabare bwe ntibyashoboka.

Kugeza rero ku ndunduro y'ububabare bwe numvaga niremamo imbaraga mu buryo bukomeye, ariko nabonaga atahwemaga gutanga urukundo, arukwirakwiza mu batuye Isi.

Yezu Kristu yatwaye bose kandi aheka bose, mu rukundo ntagereranywa, bityo mu kugwa akaramira benshi baguye, kandi nkabona abadukanye benshi, mu gishyika cy'urukundo yari afite rwo gucungura ikiremwa muntu ; nkabona agambiriye kuzuza ugushaka kwa Se, no kuzuza umugambi yahamagariwe mu Isi.

Yezu Kristu natubere urugero rukomeye, mu kumvira Imana kandi mu kwemera kwakira imibabaro yose, kuko nta na kimwe atanyuzemo, kandi atababariye.

Yababariye buri cyaha icyo ari cyo cyose, kugira atandukanye Mwene Muntu, n'urupfu rw'iteka kandi atandukanye Mwene Muntu n'icyaha ; ariko Mwene Muntu akaba akomeje kwiyandavuzi, ndetse no kwigaragura mu isayo y'icyaha ; kandi Yezu Kristu yaremeye kugwa hasi, ndetse kugira ngo yakire buri kintu icyo ari cyo cyose, cyaba mu mwanda, kugira ngo abashe



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

gusukura Mwene Muntu, amukure aho yazimiriye aho ari ho hose.

Ntabwo yigeze yinena abanyabyaha ahi bari hose yarabasanze, mu cyaha gikomeye arabazahura mu mwandakomeye, yemera kuwigaraguramo kandi yemera kuwutwara kugira ngo Mwene Muntu akire.

Ni iki twashinja kandi ni iki mwashinja Umwami wacu Yezu Kristu, atakoze mu byo yagomba gukora, ko byose yabikoze, arimwe agirira ? Kandi ko yitanze akitangira bese atarobanuye, akaba rero buri wese kandi buri kiremwa cyose kiri mu Isi, amaraso ye agishinja kandi amaraso ya Yezu Kristu, azabazwa buri wese wigaragura mu cyaha uko yumva, kandi yaritanze kugira ngo mwitandukanye n'icyaha.

Ndabaremburiza urukundo rwe, nk'uko rwandembuje nkamukurira, kugeza ku ndunduro y'ubuzima bwe, ntikanze abishi be, kandi ntikanze abagizi ba nabi be, kuko nyine iteka ryose nahoraga numva amahoro yanjye, ibyishimo byanjye biri kuri Yezu.

Nababere rero indorerwamo mwireberamo, mu bihe bikomeye ntimugatsitare, ngo mutsikire mwitandukanye na we, kuko yemeye kubatwaza kandi yabatwaye kugeza ku ndunduro.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nkaba rero mbashishikariza kuba mu cyiza, kwitandukanya n'ikibi, kuko amaraso yamennye, buri wese yayamumeneye kugira ngo yitandukanye n'icyaha.

Murarindiriwe rero mu bwami bw'Ijuru kuko mwateguriwe imyanya, kandi iyo myanya mukazayigeramo ari uko mubanje kwihana, ndetse no kwihanaguraho umwanda uwo ari wo wose, kuko Yezu yaje gusabana namwe, kandi akemera byose ko ko byuzurizwa mu mubiri we, kugira ngo Mwene Muntu abone ubwigenge busendereye, kandi busesuye, iruhande rw'Imana, Umubyeyi kandi Umugenga wa byose.

Nta wutarebwa kandi nta n'utagomba kwisubiraho mu Isi, kuko Yezu yatanze impongano kugira ngo buri wese abashe kwitandukanya n'ikibi .

Benshi rero bishuka ko Yezu yahongereye byarangiye, nta kindi Mwene Muntu agomba gukora, yahongereye icyaha kugira ngo mukiveho kandi mukivemo, ntabwo yahongereye icyaha ngo muhabwe uburenganzira bwo kugikora ndetse no gucumura uko mwiboneye, ahubwo yahongereye buri cyaha cyose, kugira ngo abatandukanye nacyo, mucyange urunuka, nimubona ububabare, inzira yanyuzemo zikomeye kandi ziteye ubwoba, bityo





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

bibatere kugira impuhwe kandi bibatere igishyika, mwitandukanye n'icyaha.

Ikibabaje kuruta ibindi ni uko benshi ntacyo ububabare bwa Yezu bubabwira, mbese babifata nka filime mureba nk'izisanzwe, nk'ibitarigeze biba, nk'ibitarigeze bikorwa, nk'ibitarigeze bibabaza Yezu Kristu.

Yezu Kristu yarababaye ku mpamvu y'ikiremwa muntu ngo kibabarirwe, ni iby'agaciro kandi bigomba kubahwa no kubahirizwa, kuko atari imikino kandi atari ibyitegerezwa nk'imikino nk'iyindi, ahubwo ububabare bwa Yezu Kristu bugomba kugira icyo bushushanya, mu buzima bw'ikiremwa muntu.

Harahirwa rero ababa maso kandi bakazirikana urukundo bakunzwe, bakazirikana ineza bagiriwe kandi ineza ubuntu bugeretse ku bundi, bwa Yezu Kristu wemera kwitanga wese, umubiri we n'amaraso ye, kugira ngo Mwene Muntu akire.

Nta kindi gitambo mushobora kubona cy'impongano y'ibyaha, gisumbye Yezu Kristu; nta kindi gitambo mushobora gutanga gisumbye impongano ya Yezu Kristu.

Uzaha agaciro ubwo buzima bwe, kandi uzaha agaciro icyo gitambo, akemera kwiyunga nawe, kwigorora na we mu gihe yacumuye, azahabwa impuhwe nyinshi kandi



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

azabasha kurohorwa no kuba mu mwanya agomba kubamo, kuko nyine yemera ko abicuza bakihana babikuye ku mutima, bagomba kugirirwa izo mpuhwe, kandi bahabwa izo mpuhwe.

Yezu Kristu ahora ateze ibiganza, arindiriye abaza bamusanga kugira ngo abomere, kandi abuhagireho ubusembwa bwose.

Nkaba rero nshishikariza imbaga y'abatuye Isi bese, guca bugufi imbere y'umuremyi wabo ndetse n'imbere ya Yezu Kristu, kugira ngo bumve agaciro gakomeye k'amaraso ya Yezu Kristu.

Ntabwo ari ayo gupfobywa, ndetse nta n'ubwo ari yo kuzimangatanya, nk'aho ntacyo avuze cyangwa nta kigeze gikorwa.

Izina rya Yezu ryaratsinze, kandi Yezu Kristu yatsindiye bese, atsinda icyaha n'urupfu; niyo mpamvu buri kiremwa cyose kiri ku Isi, kigomba kumwigana, kandi kigomba kugera ikirenge mu cye gitsinda icyaha icyo ari cyo cyose, kandi buri kiremwa agomba guharanira kwiyunga na Kristu, ubuzima bwe ubwo ari bwo bwose.

Mbahaye imbaraga kandi mbahaye gukomera abari mu rugendo, kugira ngo mushyigikirwe na Yezu Kristu we watubereye byose, kandi we udutera imbaraga



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

tukazigira, kandi yazitwambika tukazambara, yaturema bundi bushya tukaba bundi bushya, igihe tumukundiye kandi twemeye kugengwa n'ijambo rye.

Nimwirekurire muri we kandi mumwiringire, mumwizere, mumukunde, ubuzima bwanyu muburundurire muri Yezu Kristu, abe ari we ubugenga kandi abe ari we ubiyoborera, inzira zanyu zizaba mahire kandi imibereho yanyu ntizabagora, kuko nyir'ukubagabira ubuzima muri kumwe kandi agahora iteka abarinda, abacungira umutekano.

Ntimukananirwe kandi ntimukarambirwe kugendana nawe, kuko ari we buzima nyabuzima, kandi ari we mahoro nyamahoro, mudashobora kugira amahoro y'Isi mutamufite ngo ayo abe afite ishingiro ndetse n'ireme.

Kugira amahoro asendereye kandi afite ireme, ni ukuba mwifitemo urukundo rw'Imana kandi mwubatse kuri Yezu Kristu, kuko ibyo mwakwizera byose, ibyo mwakubakaho byose, bishobora gusenyuka mu kanya gatoya, ariko Yezu Kristu we abamwubatseho ntibasenywa n'imiyaga.

Nimukomere rero kandi mukomeze iyo njyana ye, kandi mukomeze kurwana urugamba, muharanira kumushimisha, no kumunyura iminsi yose y'ubuzima bwanyu.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Mbifurije ibihe byiza, ntore z'Imana. Mbifurije kugubwa neza mu rukundo rw'Imana, kuko uwabakunze kandi uwabatoye ari kumwe namwe ibihe byose.

Nimukomeze mugire amiringiro muri Uhoraho, kandi mukomeze mwishimire muri Uhoraho, Imana, Umugenga wa byose.

**AMAHORO, AMAHORO, NIMUGIRE IBIHE BYIZA!**



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

10. MUTAGATIFU NIKODEMU : YEZU BAMWAMBURA

***UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU NIKODEMU, TARIKI 31  
WERURWE 2023.***

Narebye urukundo rwa Yezu Kristu ku musaraba yagararije abishi be, bamwambura, bamukoreraho ubufindo ku myambaro ye, bityo bagatangurana, basiganwa ; banejewe no kumwambura ubusa, kandi banejewe n'ibikorwa byose, bari bamaze kumukorera mu maso ya rubanda.

Nashengutse umutima bityo nkavomera imbaraga zikomeye zo kwemera kwitanga, kandi no kwemera kwirundura, nirundurira mu biganza by'Uhoraho, bityo aho ngaho ku musaraba no kwamburwa imyenda kwa Kristu, niho yagaragaje igitinyiro cye gikomeye cy'ubumana bwe, kandi agaragaza ikuzo rye mu bantu, cyane cyane mu batari bamumenye, n'abatari bakamusobanukiwe.

Yemeye gukozwa isoni n'abishi be, kandi yemera kwiyambura ku musaraba, kugira ngo buri wese ahabonere isomo, kandi buri wese ahagaragarizwe urukundo yakunzwe, bityo rero agaragariza Mwene Muntu uburyo agomba kwitwara, ndetse n'uburyo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

agomba kwitwararika, mu gukunda Imana, kuyikorera ndetse no kuyihebera wese.

Yerekanye urukundo rw'indengakamere Mwene Muntu atashobora, abishobozwa n'imbaraga z'Uhoraho wari umutuyemo, kandi wari umuganjemo, kuko yari Imana musa, kandi nta na kimwe yagombaga kwizigamira cyangwa ngo yirebeho mu buryo bwo kwikunda, yemera kwambikwa ubusa, kandi agaragaza buri kimwe cyose, ko nta na kimwe yizigamiye, byose yabirekuriye mu bubasha bwa Se wo mu Ijuru.

Imbaga yari iri aho ngaho y'abemera yaratakambye, iratabaza, umuborogo urushaho kuba mwinshi, ariko kandi abishi be ndetse n'abagizi ba nabi nabo bakomeza umuhate ndetse bakomeza umwete wo kurushaho kumugirira nabi, bishimisha kandi barushaho kumushinyagurira, mu buryo bukomeye kandi mu buryo butavugwa ; bakomeza kumushungera ndetse no kumujomba amagambo y'urukozasoni, ngo ngaho niyikize niba ari Imana.

Ibyo byose yakomeje gushyingura ku mutima, abyakirana urukundo rwinshi, ndetse n'igishyika yakomeje kugirira ikiremwa muntu, bityo ahatangira ingabire ndetse n'ingabirano nyinshi, mu mbaraga zidasanzwe yahaye abemera, ndetse yagabiye ab'Isi bese, kugira ngo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

uzemera wese kumurikira azabeho atigenga, kandi azabeho yemera kwiyambura buri kimwe cyose, cyane cyane yanga icyaha kandi n'igisa nacyo, kuko icyaha ari cyo cyamukojeje isoni, kandi icyaha akaba ari cyo cyamwambuye ubusa ku musaraba.

Hari ibyaha byinshi rero bikorwa, ariko kandi ibyo byose bigasubiza Yezu ku musaraba, ndetse bigatuma yongera kwambikwa ubusa, niyo mpamvu buri wese agomba kwitegereza urugendo rwa Kristu Nyagasani, akamubera urugero kandi akamubera umwigisha, mu kwitagatifuza, ndetse no mu kwisukura, ntabeho yihambira ku kibi kandi ntabeho atsimbarara ku kibi, ahubwo buri wese agaharanira kumva icyo Ijuru rimubwira, kandi n'icyo Ijuru rimutoza.

Kristu Nyagasani yitangiye byose kandi apfundura amapfundo menshi yari aziritse kiremwa muntu, mu bwikuze, mu bwikunde, ndetse no gushaka icyubahiro ; ibyo byose abikuraho yemera kugabiza umubiri we, kandi yemera kwiyambura byose, kugira ngo yirundurire mu maboko ya Se, wari wamwohereje kandi wari wamushyize mu Isi, kugira ngo ayicungure kandi yemere kumena amaraso yekugira ngo yuhagire buri munyabyaha wese.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Mu bugome bukomeye bari bafitiye Yezu Kristu, niho bemeye kugabiza igitinyiro cye, bazamura amaboko, bamwambura imyambaro ye, bityo bumva ko bagomba kumukoreraho ibibonetse byose, kandi bigomba kumusebya, ariko kandi birengagiza ko afite urukundo rwinshi, ari naho yahise amanurira imirasire myinshi mu Isi, bityo yambika abari biyambuye, kandi yongera gusubiza ubuzima abari babuvukijwe.

Muri uko kwamburwa ubusa rero ndetse no gukozwa isoni ku musaraba, niho yongeye kurema bundi bushya roho za Mwene Muntu, cyane cyane zari zuzuye ikibi, kandi zuzuye ubwandu, yongera kuzisukuza urukundo rwe, kandi yongera kuzitwikiriza umubiri we, wari wahindutse inguma nsa kandi wari wahindanye, bityo yongera komora ibikomere by'abakomeretse.

Ni urukundo rukomeye Yezu Kristu yagaragaje, bityo rero arusakaza muri Mwene Muntu, kandi arusakaza muri buri kiremwa muntu gituye Isi, kugira ngo buri wese amufatireho urugero rwiza, kandi buri wese amufatireho icyigisho gikomeye.

Ntabwo rero kubona Yezu Kristu yambaye ubusa ku musaraba, bigomba kutuviramo inyigisho ikomeye kandi iturema agatima, kuko ari yo yatumye dukataza mu rukundo rwe, kandi akaduha gukomera mu bikomeye





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ndetse n'ibyoroheje, bityo rero akaba yarafunguye amarembo menshi yari akinze, abari bakikomeyeho ndetse n'abatabasha kwirekura, abatabasha kuba mu gushaka kw'Imana, bemera guhara ibyabo byose, ndetse n'ibyabasaba ubuzima; ibyo byose abigaba muri ako kanya, kandi abigabira abari maso, kandi n'abari bamukikije.

Hagaragaye ikimenyetso gikomeye, kandi hagaragara ububasha bukomeye, aho abishi be bahinze umushyitsi kandi bakadandabirana, ariko kandi umutima w'ubunangizi ugakomeza kandi ugakomeza kwiyongera, bityo ntibabashe kwisubiraho, cyangwa ngo bicuze, ahubwo ikibi kikarushaho kubashigisha, ndetse ikibi kikarushaho kubasema, ndetse no kubasakaraho, ariko kandi Uhoraho Imana akaba yari afite umugambi mwiza wo gucungura Mene Muntu, ndetse n'ibyo agomba gukoresha mu byamukorerwaga byose.

Itegereze nawe ishavu n'agahinda biri kuranga Yezu Kristu ku musaraba, agaragara nk'ugasuzuguritse kandi ari Imana, ukurizeho kwihana kandi ukurizeho kwicuza, wikomange, kandi wikenguruke neza, wibuke ko mu bamwambuye ubusa ku musaraba nawe wari urimo, cyane cyane iyo ukora ikibi kandi ugakora icyabujijwe, ko uba wongeye ukamwambura ubusa, kuko uba wambuye



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ubusa roho yawe, yagiye ahagaragara kandi yagiye mu mwijima.

Ni igihe rero yagaragariza buri wese kugira ngo arebe, kandi yikenguruke arebe roho ye niba yambaye cyangwa niba yambaye ubusa, uko igihe nyine yamburwaga aribwo yambitse roho za benshi, kandi agakwiza roho za benshi, cyane cyane azigabira ubuzima, imbaraga ndetse n'umukiro.

Ni igihe rero cya buri wese atagomba kwita ku mubiri we gusa, ahubwo igihe cyose agahora yita kuri roho ye, akareba niba ifurebye neza kandi idafite ubwandu, bityo yabona yambaye ubusa kandi yabona ikojejwe isoni ku mugaragaro, buri wese akihatira kwihana ndetse no kwisubiraho, kugira ngo yongere yambike Yezu Kristu ku musaraba.

Ni ikimenyetso rero cya buri wese akandi ni ikimenyetso cya buri mukirisitu wese ukunda kandi wumva, ureba kandi witegereza ibikomere bitabarika byagaragaraga ku mubiri wa Yezu Kristu, agashyirwaho agashinyaguro yambikwa ubusa ku mugaragaro, iby'ubugome butavugwa kandi bitigeze bibaho mu buzima bwa Mwene Muntu.

Yakorewe rero byinshi ku musaraba kandi agaragarizwa ubugome bukabije, kandi agaragarizwa agasuzuguro



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

gakabije, ariko mu bwicishe bugufi ndetse n'ubwiyumanganye bwe, arangwa no gutuza ndetse koroshya, gukiza abari bamukikije, ndetse no kuvomerera benshi bari batangiye kurohama, kandi n'abari batangiye guta ukwemera.

Nawe rero irebe aho ugeze kandi aho uhagaze, wongere ugarukire Kristu, wongere uhe agaciro amaraso ye, kandi wongere umwitegereze neza, bityo urebe aho umucumurira kandi urebe aho umukosereza, niba iyi saha cyangwa uyu mwanya atari wowe uri kumwambura ubusa.

Ububabare bwa Kristu ntibugusige amara masa, kandi ntibugusige aho bugusanze, ahubwo wicyahe kandi wicyamure, bityo urusheho ndetse wihatire kumwambika, kuko nawe wakagombye kwishyira mu kigwi cye, bityo nawe ukarushaho kwihana ndetse no kwisubiraho, kuko buri wese yamutojeje icyiza, kandi buri wese amwereka ikiboneye ndetse n'igikwiriye.

Mbifurije umunsi mwiza, kandi mbifurije kugubwa neza, gukomera ndetse no gukataza mu rukundo rw'Imana, no kurushaho kuba mu rukundo rwa Yezu Kristu.

AMAHORO, AMAHORO ! NDI MUTAGATIFU NIKODEMU,  
URI KUMWE NAMWE KANDI WABANYE NAMWE.  
AMAHORO, AMAHORO !



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

**11. MUTAGATIFU MARIYA MADALENA : YEZU  
KRISTU ABAMBWA KU MUSARABA  
*UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU MARIYA MADALENA,  
TARIKI 31 WERURWE 2023.***

Nitegereje urupfu rw'umukiza wanjye, kandi Imana yanjye, ruteye ubwoba, urupfu rw'agashinyaguro, rukomeye kandi rubabaje. Igishyika cyanshenguye umutima, ishavu n'agahinda binsaba umubiri wose.

Ubutabazi bwo kumurengera ndetse no kumufasha, bwuzurira mu cyifuzo cyo kumuba iruhande, kugeza ku munota wa nyuma, kuko mu bufasha bwanjye, icyo nagombaga gukora, nabonaga ntacyo nshobora gukora, imbere y'abishi ba Yezu Kristu, guhagarika ibyamukorerwagaho, mu mbaraga zanjye nke, njye nkabona ntacyo nahinduraho, ariko kandi igishyika n'urukundo bikomeza kungurumanamo, n'ishavu ryinshi ryanshenguye umutima.

Nitegereje ubwira bwinshi Yezu yagize, igihe barambikaga umusaraba we hasi, akawuzamukaho ikigongogongo, yishimye, arambuye amaboko ku musaraba, kugira ngo akize Mwene Muntu.

Yari yuzuye urukundo n'impuhwe, ibyishimo byamusaze umutima, byatambutse kure ububabare bwari bumwuzuye, kandi bwari busendereye umutima we.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Namubonaga nk'umwenyuye, yishimiye kwitanga, kugira ngo benshi bakire.

Urupfu rwa Yezu Kristu rwari rukomeye kandi rwari ruteye agahinda, ariko we kwirebaho ntiyabitinzeho, ahubwo yashimishijwe n'imbaga y'abantu agiye gupfira, kandi agiye gukiza, niko kurambika umusaraba we hasi, awuzamukaho mu byishimo, ikigongogongo awisunikaho, ariko arambuye ibirenge bye, ndetse n'ibiganza bye abyerekeje ku musaraba.

Abishi be nabo barushijeho gukaza ubugome n'uburakari, bafata imisumari n'inyundo boshye abubatsi bari gutebanwa, bashaka gukora umurimo udasanzwe.

Yezu Kristu bamwigirizaho nkana, mu buryo bwo kumubamba ku musaraba, mu gashinyaguro gakomeye, bamutera imigeri, bamucira mu maso, bamufata nk'aho adafite umubiri nkabo.

Mu bari bamugambaniye, nta wigeze amugirira impuhwe, mu gihe cy'ibambwa rye; ndetse n'abishi be bari bamugabijwe, babikorana rwose ishema, no gushaka kugaragaza icyo bari cyo, ngo bashimishe rubanda bose uko bari bamushagaye, bamushinja ibinyoma; ku ndunduro ye y'ubuzima bwe, igihe yari ari kubambwa; bakomaga mu mashyi n'akaruru kenshi buzuye ibyishimo kandi buzuye umunezero.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Mu gushiguka kwa Yezu Kristu aterwa imisumari, umubabaro mwinshi yiyumvagaho mu mubiri we, bo ukabatera ibyishimo, nk'abitegereza filimi inezereje cyangwa undi mukino ushimishije.

Yezu Kristu yabaye igitambo cya benshi, kandi yigarurira benshi ku musaraba, kandi mu ibambwa rye akomeza kugaragaza urukundo kuko yitanze nk'utagira abe, ak'impabe, kuko benshi bari bamushagaye buzuye urwango; bagakomeza guhata magambo mabi abishi be, kugira ngo barusheho kuzura uburakari, kandi barusheho kuzura ikibi, kugira ngo babashe kwihimura Yezu Kristu, mu buryo bukomeye.

Nabyitegerezanyaga igishyika gikomeye kubera urukundo rukomeye nari mfitiye Yezu, kandi nawe yangiriye, nkazirikana ineza ye aho yatambutse agira neza, nkazirikana urukundo yangaragarije, anyereka gukunda Imana icyo ari cyo, akankura mu by'Isi, akanyereka inzira y'ukuri n'ubugingo.

Nitegerezaga akarengane akarengane gakomeye Yezu yagirirwaga, bikantera gushenguka umutima, bityo umutima wanjye nkumva ntahagaze ku Isi, n'ubuzima bwanjye n'umubiri wanjye, numva ndembera nk'umuntu uri mu kirere.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Numvaga rwose ubugome bwakabize, mbuhagazemo rwagati, nkumva nanjye nta kindi ndindirijwe, uretse ubwo bugizi bwa nabi bagiriye Yezu, kandi bamugaragarije ku mugaragaro, ari inzirakarengane, nta cyaha yigeze.

Yezu Kristu yababariye ku musaraba mu buryo butavugwa, Yezu Kristu yarashinyaguriwe mu buryo butavugwa, mu ibambwa rye, kandi mu bikomere byose yari afite, ari ibikomere byari ku mutwe, umubiri we wose, watembaga amaraso avirirana.

Benshi rero mu bari bamugambaniye, kandi mu bari bamuherekeje, bamunnyega, bamushungera, bamuvugiraho, ntacyo babonaga amaraso ye avuze, kuko bumvaga kuvirirana, n'ibikomere bya Yezu Kristu, ari igihano yahawe cy'ibibi yakoze.

Nyamara benshi mu bari bamuherekeje buzuye ingeso mbi, buzuye ibibi, ntibabashe kumva ko abatwaye ku mutima we, kandi ari guhongerera ububi bwabo. Bagakoma mu mashyi, bishimye, baririmba, baha ikuzo n'icyubahiro abagizi ba nabi, bakabakomera mu mashyi, nk'aho babashimira ibikorwa bibi barimo gukorera Yezu Kristu.





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Narababaye bitavugwa nitegereza urupfu rw'Umwami wanjye Yezu Kristu, imbonankubone kandi urupfu ruteye ubwoba koko, mu bafite impuhwe, mu bafite urukundo.

Nawe rero muvandimwe wanjye, ntunangire imbere y'ibikomere bya Yezu Kristu, imbere y'ububabare bwa Yezu Kristu, ntibugire icyo busiga mu buzima bwawe kibi ngo ugisigarane ukigundiye.

Emera Yezu Kristu yomoze ibikomere bye roho yawe kandi asukuze roho yawe amaraso ye. Iteka ryose ahora akurindiye kandi agutegereje, kugira ngo wiyunge nawe, kandi wifatikanye nawe mu nzira y'umusaraba, igihe cyose mu buzima bwawe bikuremereye kandi bigukomereye, jya uzirikana Yezu Kristu, wemeye kubambwa ku mpamvu yawe kugira ngo ukire.

Ese wowe ntushobora kunangira imbere ya Yezu Kristu, wibereye mu byawe, wibereye mu byishimo by'Isi n'iby'umubiri, ukanga guhinduka no guhindukira, bityo nawe ukabarirwa mu bamushinga imigera, mu bamucira mu maso, mu bamushinja ibinyoma, mu bamuvuga uko atari, mu bamusunikira ku musaraba, bakarambura amaboko ye ku musaraba, bagashingamo imisumari, bagakubitamo inyundo, ntacyo bishisha ?

Nitegereje abishi ba Yezu, mbura urukundo na busa kuko imitima yabo yari yahindutse nk'iya kinyamaswa. Mu



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

irushanwa rikomeye ryo gushinga imisumari mu biganza bya Yezu, bakahurizanyamo icya rimwe uburemere bw'inyundo, umusaraba ugacengera ukinjiramo umusumari, ukawufatikanya n'umubiri wa Yezu Kristu.

Mu gucengera k'umusumari winjiraga mu biganza ndetse no mu birenge bya Yezu Kristu, ukahuranya mu musaraba, bityo ugahamanya umubiri wa Yezu Kristu n'umusaraba.

Mwene Muntu ntacyo byamubwiraga, benshi nababonaga bakoma mu mashyi nk'urwenya, nk'ababonye ibyishimo bidasanze, bagomba gukiniraho, bagomba kwishimira nk'igikorwa kidasanze, cyanezereje ubuzima bwabo.

Nawe rero muvandimwe, ntukajye wishimira ibyago by'abandi, kandi ntukigere wishimira ibyago by'abandi, kandi ntukigere wishimira ibyago bya mugenzi wawe, kubera ari mu kaga, kubera utamukunda, kubera utamwishimiye, kubera utamwumva.

Zirikana Yezu Kristu iruhande rwawe, ku musaraba, uzirikane n'umuvandimwe wawe uri ku musaraba w'ibigeragezo bitandukanye, umusanishe na Yezu Kristu, bityo ugire impuhwe.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nanjye nagize agahinda n'ishavu imbere ya Yezu Kristu, ariko ntibyabujije abanzi ba Yezu Kristu kumwishimaho, ndetse no kwishimira ibibi biri kumubaho.

Ishavu n'agahinda byaranshenguye, igishyika n'urukundo binsaba mu mutima, ukwikanga k'umubyeyi Bikira Mariya, ndetse n'abavandimwe twari kumwe, twishyize hamwe mu kurwanirira ishyamba Yezu Kristu, badufataga nk'ibivume, nk'ababurabwenge, nk'abasazi bataye umutwe.

Ariko nyamara twebwe twari tuzi icyo dukurikiye kuri Yezu Kristu, ku bw'isezerano rikomeye kandi ku bw'urupfu rwe twari tuzi agomba gupfa, bityo bikaturema agatima, twari twizeye y'uko byanze bikunze ububabare arimo azabutsinda tukongera tukamubona, kandi tukongera tukishimana na we, kubera urugendo ndetse n'ibyiza yakoranye na twe, mu mubabaro yanyuzemo, ubugizi bwa nabi bwamukoreweho, ntibwasibanyije ineza yatugiriye.

Nawe rero zirikana icyo Yezu Kristu yagukoreye mu buzima bwawe kuva ukiremwa, kuva ugishyika ku Isi, maze ntikikibagirane kubera ibyago unyuzemo, kubera ibigeragezo unyuzemo, uzirikane Yezu Kristu ubuzima bwawe bwose; ntukamwirengagize kubera uwinjiye mu



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

buzima bwiza, utagikeneye Imana, utakifuza Imana, kuko byose ubikenutseho kandi ubitunze.

Zirikana ko roho yawe hari ibyo ikeneye umunsi ku wundi, bityo ibishuko by'isi, ubukire, ibyishimo ntibikagutandukanye na Yezu, kandi imibabaro nayo ntikagutandukanye na Yezu ngo wumve ko yakwibagiwe ; ahubwo iteka ryose jya uzirikana urukundo rwe, ubuzima bwawe bwose, nugera mu bikomeye uzirikane Yezu Kristu ku musaraba, witanze ugatambuka.

Buri kiremwa cyose kiri mu Isi cyakagombye kwiyumvamo urukundo rwa Yezu Kristu ku musaraba, kandi urukundo rwa Yezu Kristu yemeye gupfa ak'impabe, kandi yemera kwambara ubusa ku musaraba, kubera urukundo afitiye ikiremwa muntu.

Kubivuga mu magambo ntabwo byumvikana, uwabyiboneye n'amaso ni we ubyumva neza, kuko ububabare bwa Yezu ku musaraba burenze urugero; yashwanyujwe imyambaro ye, yayambuwe, umubiri we wabaye nk'umwambaro ushaje, washwanyagujwe n'ibiti, umubiri we wari inguma nsa, bityo uruhu rwatandukanye n'inyama, mu buryo bukomeye kandi buteye ubwoba.

Namubonaga ateye ubwoba, kandi agahinda mu buryo bukomeye, kuko isura ye ya kimana, kandi isura ye yari asanganwe y'uburanga, bari bayihindanyije mu buryo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

bwose, badashaka kugaragaza uwo ari we, umubiri we, mu kanwa ke, mu maso he, mu mutwe we, ku mubiri we hose havirirana, amaraso atemba, atagira gihanagurwa, atagira gihozwa, kuko iteka ryose twamugaragarizaga impuhwe; bakaduhinda batwigizayo, badufata nk'aho nta bwenge dufite, twasaze, nta mugambi tubona bafite mwiza wo kutugaragariza, kuko buri wese bamwumvishaga ko Yezu ari mubi, yaje kumuvutsa ubuzima, yaje kumuvutsa ibyishimo, bakatugaragariza ko batsinze umwanzi, kandi batsinze ikibi cyose cyari kibangamiye Mwene Muntu, bityo ababizi n'abatabizi nabo bakagenda mu kigare, basingiza ibyo babwiwe, kandi bagenda ku byo babwiwe, kuko nyine buri wese yavugaga ibyo ashaka kuri Yezu.

Bantu rero muri ku Isi, muririnde gushinja bagenzi banyu ibinyoma, kuko ikinyoma ari kibi, kandi urwango ari rubi, umujinya ari mubi, ubugizi bwa nabi bwose buturuka kuri Nyakibi mubwirinde, kuko bushobora gusenya isura y'umuntu, kandi bugasenya ubuzima bw'umuntu mu kanya gatoya, bityo mukazabibazwa inshuro karijana, imbere y'Uhoraho Imana.

Yezu Kristu yakiriye byose kugira ahoshe ubugome bw'abagome bose bo mu Isi, ariko ikibabaje kuruta ibindi ni uko burushaho kwiyongera, kiremwa muntu atumva ineza yagiriwe, kandi atumva agaciro k'amaraso ya Yezu



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Kristu yamennye, kugira ngo acungurwe kandi agire ubuzima.

Ni byiza gutekereza ububabare bwa Yezu Kristu bukagira icyo busiga mu buzima bwawe, kandi bukagira icyo buhindura ku ngeso mbi, yari ikubangamiye kandi yakwaritsemu, kugira ngo wiyunge na we kandi urusheho gusabana na Yezu, kuko iteka ryose atibagirwa urukundo yagaragaje ku musaraba, kandi iteka ryose ahora yibutsa Se amaraso yamennye kugira ngo ababarire ikiremwa muntu.

Nta handi rero muvoma impuhwe, ni mu maraso ya Yezu Kristu, kuko kwitanga kwe, kandi ukubigurana kwe ari ko gutuma Mwene Muntu akora icyaha ntahite agihanirwa; buri wese rero yakagombye guha amaraso ya Yezu Kristu agaciro, guha Yezu Kristu mu buzima bwe umwanya, akaganza kandi agategeka, akirukana ikitwa ikibi cyose kibatandukanya na Yezu.

Yezu Kristu ni urukundo, nimumwigireho kandi mukomeze gutega amatwi ijambo rye, kuko abarindiriye kandi abategereje, kugira ngo abubakemo ibyiza bye, kandi afite inyota yo kubakiza ibihe byose.

Nimukomere rero, ntore z'Imana, kandi mukomeze kuzirikana urukundo mwagiriwe kurusha byose, mwumve ko Yezu Kristu ar uw'ingenzi, atagomba gusimburwa



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

n'ibindi bibashimisha, ahubwo iteka ryose agomba kuba uw'ibanze, na Se mu buzima bwanyu.

Nimumwubakaho muzagira ubuzima, nimutamwera ngo mumwakire kandi muzirikane urukundo rwe, ubuzima bwanyu ntaho buzaba bushingiye, kandi roho zanyu zizicwa n'inzara n'inyota.

Nimukomere rero kandi mukunde Yezu kuko abakunda, muzirikana urupfu yapfuye kugira ngo mugire ubuzima.

MBIFURIJE IBIHE BYIZA, NDABAKUNDA CYANE. NDI MUTAGATIFU MARIYA MADALENA, INTORE Y'IMANA. AMAHORO, AMAHORO !



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

12. MUTAGATIFU YOHANI: YEZU APFIRA KU  
MUSARABA

***UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU YOHANI, TARIKI 31  
WERURWE 2023.***

Mbega ishavu n'agahinda, mbega intimba yashenguye umutima, mbega inkuba, imirabyo n'icuraburindi byagaragaye muri ako kanya aho, Umwami kandi Yezu Kristu yari amaze guca, kandi apfiriye ku musaraba.

Mbega ibimenyetso bitagira ingano yagaragaje, bityo benshi bagahinda umushyitsi, kandi bagakangarana, bagatangira kwibaza ibi na biriya, bagatangira kwisubiranamo, ariko kandi ntibyari bivuze y'uko icyo barangije gukora kitari gikozwe, kandi n'icyo Yezu Kristu yashakaga kugeraho kitari kigezweho.

Mu ijambo rye rya nyuma avuga ati « Birujujwe », yahise agaragaza ububasha bwe bwose mu Isi, bityo hagaragara ikimenyetso gikomeye, kandi hagaragara ububasha budasanzwe, mu nkubi y'umuyaga, kandi mu mirabyo itavugwa, bityo hamera nk'aho Ijuru riyubitse ku Isi. Ni icyaragaragazaga rero ubumana bwe, kandi ni icyaragaragazaga ububasha bwa Yezu Kristu.

Mu rupfu rwa Yezu Kristu rero yahagararije umutsindo ukomeye, kandi ahagaragariza ububasha bukomereye, cyane cyane mu gukiza no gucungura Mwene Muntu,





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

igihe yemeraga gutanga imbabazi kuri buri kiremwa cyose, kandi akemerera no kugirira impuhwe abari bamaze kumwica, ndetse n'abamugiriraga nabi.

Yahagaragaje ububasha bukomeye kandi ahagaragariza umutsindo utazigera usubirwaho, bityo rero mu ijambo rye rikomeye kandi mu ijambo rye ry'umutsindo, urupfu rwe rugaragaza ububasha kandi rugaragaza intsinzi, bityo agaragaza ububasha ahambura roho nyinshi zari ziziritse, kandi agenda azahura roho nyinshi zari zarohamyeye mu kibi.

Urupfu rwe ni rwo rwazahuye roho nyinshi zari zizirikiye ku kibi, kandi arohora roho nyinshi zari zuzuye umwijima. Habayeho rero intambara ikomeye y'umwijima ndetse n'urumuri, ariko kandi umutsindo wa Kristu Nyagasani, atahukana intsinzi agaragaza urumuri rwe ku musaraba, kandi yemera kuzahura roho nyinshi, kandi roho zazikamye; aho rero niho yacagaguye imitego ya Nyakibi, kandi akura abapfuye ndetse azikura abapfiriye mu kibi, kuko yemeye kwishushanya nabo kandi yemera kunyura mu rupfu, kugira ngo agaragaze umutsindo we kandi agaragaze ububasha bwe.

Yaciye mu nzira zose kandi yemera kwicisha bugufi ari Imana, ariko yemera kwisanisha na Mwene Muntu, wambaye umubiri kandi wambaye kamere muntu. Niyo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

mpamvu rero yemeye ko ibyo byose bimukorerwaho, kandi yemera kwigabiza amaboko y'abishi, ndetse n'abagizi ba nabi, kugira ngo agaragaze mutima wa muntu, kandi agaragaze ububi bwa muntu, cyane cyane kuko yari aje azaniye benshi umukiro, ariko kandi aho kumwakira bamwakiriza kumuvuma, ndetse no kumuvumagiza, kumurega ndetse no kumushinja ibyaha bitagira ingano.

Ntabwo rero yigeze yihakana cyangwa ngo atandukire, cyane cyane ku cyo Uhoraho Imana yari yamusabye, kandi yari yamwoherereje, ahubwo yaranzwe no gushyira mu bikorwa buri kimwe cyose, kandi koko byose abirangiriza ku musaraba, yemera kuwupfiraho, arambuye amaboko.

Yemeye kuwupfiraho rero kugira ngo uzamurangamira wese, azaronke umukiro kandi azaronke umugisha akomora kuri we, kuko ari ho agabira ingabirano kandi agatangiraho imbaraga mu buryo budasanzwe; bityo rero ku bamurangamiye, ndetse no ku bamuhanze amaso ku musaraba bataviramo amara masa, ahubwo ubaviramo umukiro kandi ukabaviramo umutsindo.

Umusaraba wa Kristu Nyagasani rero nurohore roho nyinshi kandi nuzahure roho nyinshi, cyane cyane abazikamye mu kibi, ndetse n'abihambiriye ko ngoyi za



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nyakibi, kugira ngo babashe guhamburwa, kandi babashe kuziturwa kuri izo ngoyi kuko ari cyo yagaragaje ku musaraba yemera kuwupfiraho, kandi akemera kuwugaragarizaho umutsindo we.

Urupfu rwe rwazahuye roho nyinshi zari zarapfuye zihagaze, kandi benshi ukabona ari bazima kandi roho zabo zaraboze. Urupfu rwe rero rukiza benshi kandi rukarohora benshi, kuko ari ho yisanishije na Mwene Muntu, kandi akisanisha na kiremwa muntu, mu rukundo rwe yemera kunyura muri byose, kandi yemera guca mu magorwa akomeye, kugira ngo agaragarize ikiremwa muntu urukundo agikunda.

Yemeye rero kugabiza ubuzima bwe, kandi yemera kugabiza umubiri we abishi ndetse n'abagizi ba nabi, impande zose azikoraho kandi ibice byose abigeramo, kugira ngo abazamwemera ndetse n'abazamukurikira, bese bazemere kwihara kandi bemere kwitanga, n'aho byabasaba kumena amaraso, ndetse n'aho byabasaba guhara ubuzima bwabo.

Yemeye rero gutandukana n'abari bamukikije, ndetse n'abari bamufitiye impuhwe nyinshi n'igishyika, yemera kugaba ubuzima bwe kandi yemera kwitangira ku mugaragaro buri wese, kandi urupfu rwe ruzahura abari



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

bamaze kumwica, ndetse n'abari bamaze kumucira urubanza.

Ni igihe rero cya buri wese, cyane cyane mu kwisuzuma ndetse no kwisubiraho, abaca imanza, ariko kandi bakazica batabiherewe uburenganzira, bagaca imanza zibera, kandi nyamara barashyiriweho guca urubanza rutabera.

Yabaye rero byose muri bose, cyane cyane asabira kandi atanga imbaraga ku bashaka kwishyira hejuru, ndetse n'abashaka gufata imyanya itari iyabo, bagashaka guca imanza za bagenzi babo, kandi nyamara batabiherewe uburenganzira.

Hari benshi rero baca imanza z'amahugu, bityo bagatanga intungane kandi bagatanga ubuzima bw'abandi, nk'aho aribo babaremye cyangwa babashyize ku Isi. Ni igihe rero cya buri wese cyo kwisuzuma ndetse no kwicengera, kugira ngo urebe neza urubanza ucira mugenzi wawe, niba rukomotse kuri Uhoraho, cyangwa niba wakoresheje ubutabera.

Harahirwa abakoresha ubutabera, bakarenganura abandi, ariko kandi haragowe n'abagabiza bagenzi babo, bityo bakavutswa ubuzima nta mpamvu. Ni igihe cyo gusabira izo roho nyinshi zigenda zitakaza ubuzima, kandi zigatakaza ubumuntu, bikomotse ku marangamutima;



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kugira ngo buri wese amenye umwanya ahagazemo, kandiburi wese amenye ko nta ruhushya afite rwo gucira mugenzi we urubanza rw'urupfu, kandi rwo gucira mugenzi we, atabanje kureba niba koko ayobowe n'umwuka w'Uhoraho, kandi ayobowe n'ububasha bw'Uhoraho.

Ni igihe rero Kristu Nyagasani yagaragaje kandi akagaragaza akarengane mu Isi, ariko kandi akaba yaritanze yemera kwitangira ku musaraba, kugira ngo urupfu rwe rukureho akarengane, kandi rukureho imbogamizi zose ziri hagati ya Mwene Muntu, kugira ngo buri wese arangwe n'urumuri kandi arangwe n'imbabazi, arangwe no kwicuza ndetse no kwisubiraho.

Urupfu rwa Kristu nirudutere kwisubiraho, kandi rutere buri wese kwikenguruka, bityo aharanire kuba mu gushaka kw'Imana, kandi aharanire kwiyunga na we, gupfana na we, ndetse no kuzukana na we.

**MBIFURIJE UMUNSI MWIZA, KANDI MBIFURIJE IBIHE BIHIRE. NDI MUTAGATIFU YOHANI. AMAHORO, AMAHORO !**



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

### 13. MUTAGATIFU YOZEFU W'I ARIMATIYA : UMURAMBO WA YEZU KRISTU BAWURURUTSA

#### **UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU YOZEFU W'I ARIMATIYA, *TARIKI 31 WERURWE 2023.***

Nitegereje Yezu Kristu, waheze mu gihirahiro kumusaraba, maze urukundo rwamusaze, umutwe we ukaregukira imbere agapfa; nitegereje urukundo rutarondoreka, kandi Mwene Muntu atavoma ahandi, nkomeza gucungira hafi ububabare bwe uko bwagenze, kandi n'uko urupfu rwe rwagenze, bintera igishyika n'ikinyotera, mu gutanga imbaraga zanjye n'ubufasha bwanjye, mu buryo bushoboka, kugira ngo Kristu Umwami, kandi Kristu Umukiza n'Umucunguzi, umubiri we uhabwe icyubahiro ukwiriye kandi witabweho, atononekaye kandi adakomeje guhabwa amenyo na rubanda.

Nibwo rero mu mutima wanjye hajemo igishyika cyo kumwitaho, ndetse no kumukorera ubutabazi mu buryo bushoboka uko nari mbishoboye, nifatikanya n'umubyeyi we Bikira Mariya, n'abandi bemeraga Yezu, kugira ngo tumukure ku musaraba, tumushyire mu cyubahiro akwiriye.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Mu rukundo rwanjye n'igishyika cyansabanyishije na Yezu Kristu, mu kwakira umurambo we ndetse no kuwururutsa tuwukura ku musaraba, nsenderezwa imbaraga n'ibyishimo muri Yezu Kristu; bityo nigiramo amizero akomeye kandi mpabwa imbaraga za Roho Mutagatifu, mu kwakira Yezu Kristu, kuko yambereye iruhuko kandi ampa icyizere gikomeye, mu buryo butavugwa kandi butarondoreka.

Niremyemo imbaraga kandi numva nakiriye ubuzima bushya muri Yezu Kristu, kuko atahwemye gukiza kugeza ku musaraba, ndetse kugeza no ku isamba rye ry'umutima wa nyuma, no kumwakira nk'umurambo we mu biganza byanjye n'iby'umubyeyi we Bikira Mariya; hari byinshi byakozwe mu Isi kandi hari byinshi byakozwe mu bo twari kumwe.

Bikira Mariya yahawe imbaraga zo gukomeza urugamba n'ubutumwa mu buryo budasanzwe, ndetse Mariya Madalena na Salome n'abandi twari kumwe bahabwa imbaraga, kugira ngo bakomere kandi biyumvemo icyizere cy'uko Kristu azazuka. Nta watashye amara masa !

Yohani yiyumvisemo iruhuko n'ubutwari bwo gukomeza kwamamaza inkuru nziza ya Yezu Kristu, ntacyo yikanga, kuko buri wese mu kiganiro cyacu, ndetse no mu bikorwa



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

byose byagaragaye muri ako kanya, buri wese yakiriye ingabire ye kandi yakira imbaraga zidasanzwe zo gukomeza buri wese ku ruhande rwe, bigendanye n'ubutumwa n'umuhamagararo we, kuko nta watashye amara masa.

Twabonye rero abamalayika baza badusanganira, mu rumuri rwinshi kandi mu mbaraga nyinshi, badutwikiriza urumuri rwari rumeze nk'amababa, atugose muri ako kanya kandi atuzengurutse, duhabwamo imbaraga kandi tugaragarizwa Yezu Kristu uwo ari we, kandi tugaragarizwa umurimo Yezu Kristu agiye gukomeza.

Aho twari tugiye kubika umubiri we hateguwe kandi hateganyijwe, kandi dusobanurirwa birenzeho icyo imva ya Yezu Kristu yari agiye gushyirwamo, uko yateguwe kandi ko yazigamwe kuva kera na kare, kuko yari iteguriwe koko Umwami w'Abami.

Nicyo gishyika rero twagendanye maze ibikorwa byose tubikora ntacyo twikanga kandi ntacyo twishisha, kuko twari duhawe imbaraga mu buryo budasanzwe, kandi tuzirikana ko Yezu ari muri twe. Ububasha bwe yarabutwambitse kandi imbaraga ze arazitwambika, bityo zicara mu mitima yacu ziraganza, ku buryo twabaye maso kandi buri wese yarushijeho kuzirikana Yezu Kristu umunsi ku wundi, ku buryo tutigeze dutandukana na we,





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ahubwo twagendanye na we, iteka ryose tugatekereza kuri Yezu Kristu, ariko na we adutekerezahoh.

Ntiyagiye kure yacu yaratuzirikanye kandi natwe tuzirikana urukundo rwe, ariko mu bo twari kumwe bakomeje gutekereza gusura imva ye, ariko nyine hateganyijwe uburyo budasanzwe, bwo kuzagaragarizwa ibitangaza, ku bw'icyo gishyika Yezu yari yashyize mu mitima y'abavandimwe twari kumwe.

Twagabiwe byinshi kandi twahawe byinshi, ubwacu tutari dukwiriye kandi tutakekaga, kuko ingabire y'Imana yakoze byinshi mu buzima bwacu. Yezu yatuvuburiye mu rupfu rwe, kandi mu kwakira umurambo tuwukura ku musaraba.

Buri wese yahawe icyo gukora, kandi buri wese ahabwa inzira agomba kwerekezamo, Yezu Kristu bari kumwe kuko yahise asakara muri bose kandi buri wese agenda agendanye na we; mu mutima buri wese yaramwumvaga kuko inkomanga ye yo kuzirikana urupfu rwa Yezu Kristu ntiyahwemye mu mitima yacu, ahubwo twahoraga dufite igishyika, tuzirikana Yezu, ari we ubwe udukomangira kugira ngo igihe cy'izuka rye, benshi mu babigenewe, bamwe mu bo twari kumwe, bazabibere maso kandi babashe kubimenya.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Niyo mpamvu rero icyo gikorwa cyabayeho, mu nteguro itari iyacu ahubwo yari yagenwe na we, kugira ngo atuzigamire ibyiza kandi aduhe urukundo rwe mu buryo busendereye, kandi bamwe muri twe bazahabwe ubusendere bw'ibyiza bye, mu itangaza rye ry'izuka rye bazabigiremo uruhare n'umugabane ukomeye.

Ni byiza rwose kwakira Yezu Kristu mu mibabaro, mu byishimo ndetse no mu makuba. Yezu Kristu ntahwema gutanga ingabire, kabone n'aho waba uri mu kaga gakomeye, kandi mu byago bikomeye, ntuzirengagize Yezu Kristu mu buzima bwawe.

Nubona uri mu bigeragezo by'ibyago n'urupfu, ntugahweme gushima, kuko Yezu aho hose ahigaragariza, kandi agakora imirimo n'ibitangaza. Nuba uri no birori ntuzishimire ibirori gusa, ahubwo uzamishwe no gutura ibyo birori byawe Yezu Kristu, ntugahweme kumushimira ibyiza, kugira ngo aze kubigufashamo bigende neza.

Aho Yezu atari nta mahoro aba ahari, kabone n'aho haba mu byago, mu rupfu, Yezu ahari, abigenza neza, hakaboneka imigisha, kandi hakaboneka inema n'ingabire, muri bya byago bikabyara ibyishimo.

Natwe rero mu kwakira umurambo wa Yezu, mu biganza byacu habonetsemo ibyishimo, kandi ubwo bwira n'iyoye



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

neza natwe tubironkeramo umugisha n'umukiro, mu buryo budasanzwe.

Mu icyo gihe umubyeyi Bikira Mariya yari ashegeshwe n'agahinda gakomeye, ahabwa imbaraga zo gutwara ndetse no kumenya gushyingura ku mutima byose, kuko nyine byose byari birangiye bishyizwe ku ndunduro, kugira ngo abashe kubitwara, ahabwe imbaraga zimufasha gukomeza intumwa.

Yarazakiriye nk'umubyeyi, yiyumvamo imbaraga zose za Yezu Kristu, zimushyigikira gukomeza umurimo yagombaga gukora mu ntumwa.

Yakomeje rero kugira icyizere ko umwana we ko azazuka, kandi akomeza kwiyumvamo imbaraga zimufasha gukomera kuri Uhoraho, kandi gukomera ku Mana, gukomera kuri Yezu Kristu, ku bw'ibyiza yamubonye kandi ku bw'amakuba yamubwiweho, kuko yari arangiye kandi yuzuye, maze arindiriye ibyiza, kandi arindiriye kumva ibyiza bivubutse muri ya mibabaro yose, imaze gusozerezwa mu rupfu rwa Yezu Kristu.

Cyabaye icyizere gikomeye kuri twese, turindiriye ibikurikira, ariko bitari mu mbaraga zacu, ahubwo mu mbaraga Yezu Kristu yari aduhaye, kuko yaturemyemo ukwemera gukomeye.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nawe rero ntugahweme kwemera mu gihe gikomeye, kandi ntugahweme gusenga mu gihe gikomeye, kuko Yezu Kristu akora ibihe byose, mu byoroshye n'ibikomere; aduhora iruhande kandi ahora iruhande rw'ikiremwa kugira ngo amufashe kandi amukomereze mu cyiza.

Ntawema gutabara no gukiza, mwiambaze iminsi yose y'ubuzima bwawe, kugira ngo akomere ibikomere byawe kandi agukize ibikuruhije, ibikuremereye, ibikubereye inzitizi n'imbogamizi, kuko iteka ryose ahora yiteguye kuramira abari mu kaga.

Umubabaro n'agahinda Yezu yanyuzemo, yarabisogongeye aracurura, kugeza ku wa nyuma, kandi kugeza ku ndunduro, asabanishwa n'ibyishimo na Se, kandi asamba mu byishimo bikomeye kugeza ku ndunduro.

Nawe rero komeza ukunde, kandi ukomeze wizere kugeza ku ndunduro. Ntukadohotswe n'ibigeragezo kandi ntugasubizwe inyuma mu kwemera kwawe kubera ibigeregezo.

Itegereze Yezu, umwana w'Imana wemeye gupfa, ak'impabe ku musaraba nk'utagira abe, kugira ngo agucungure kandi agukize kugera ku isamba ry'umutima we wa nyuma, agikunda kandi akigukunda.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nawe mukunde, kabone n'ahao wanyura mu mahwa, mu bigeragezo n'ibitotezo, zirikana ko ku munota wa nyuma hari ibisubizo, nk'uko natwe twabibonye, ku munota wa nyuma atakibasha kuvuga, kandi ntacyo akibashije kwimarira, ariko mu mubiri we, bya bikomere bye, bwa bubabare bwe, mu kumwakira nk'umukiza, umwami n'umucunguzi, aturemamo imbaraga mu buryo budasanzwe, kandi aduha amahoro y'umutima, kugira ngo dutekane kandi dukomeze ubutumwa, ntitwumve ko byose birangiye, ahubwo Yezu Kristu akomeje gukora mu buzima bwacu, mu gusubiza icyizere no gusubiza imbaraga abo zari zakendereye.

Ni umukiza nta kimunanira, afite byose, kandi akomeza abamwemera n'abamwizera; nawe ntukadohoke kandi ntugasubizwe inyuma n'ibigeragezo; ibyago n'amakuba ntibigatume uva kuri Yezu. Mukomereho kuko nta kimwe atabasha, kuko nta kimwe adashoboye, kabone n'aho amajwi yose yaguhagurukira y'Isi, ukareba hirya, ukareba hino, ukabona nta wukurengera; igihe wihakanwe na bese kandi wagiwe kure n'abari bakagombye kukuba hafi, ugatereranwa n'inshuti zawe zose zikaguhungaho, ugasigara uri hagati nk'ururimi, mu kaga no mu kangaratete, zirikana ko Yezu we akuri iruhande, maze umwemerere akubane ibikomere byawe urukundo rwe kandi akomere ibikomere, kuko ahora iteka arengera



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

abanyantege nke, kandi arengera abari mu kaga, bakatarije mu nzira ye.

Umva ko ukunzwe nawe mu gihe gikomeye ntukagamburuzwe n'umwanzi, kandi ntugacike intege, ahubwo ukomerere muri Yezu Kristu, we wemeye byose kugera ku ndunduro y'ubuzima bwawe; ariko nawe uzirikane urukundo Yezu yagukunze, urebe aho ugenda neza n'aho ugenda nabi, bityo aho ugenda neza ukataze, aho ugenda nabi ukosore, kuko yitanze ku musaraba, akageza aho gupfa kubera icyaha; nawe ukizinukwe maze ugaruke mu murongo, uharanire kumushimisha.

Ububabare bwa Yezu Kristu ntibugapfe ubusa kuri wowe kandi ntibugapfe ubusa mu buzima bwawe, ahubwo uhore uzirikana urwo wakunzwe, uvuge uti: « Yezu Kristu, Mwami wanjye, nakwitura iki, nakunganya iki, nakora iki cyagushimisha ? »

Intero yawe kandi intego yawe, uharanire guhora iteka umushimisha kandi uhora umunyura, kuko ari cyo cy'ibanze Ijuru ryifuzza, ryifuriza ikiremwa muntu wacunguye na Yezu Kristu, ese inyiturano yawe ni iyihe imbere y'ibikomere bya Yezu Kristu ? Ese inyiturano yawe ni iyihe imbere ya Yezu Kristu, uri ku musaraba kandi wamaze gutanga ?



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Zirikana Umwami, Umukiza wawe, umutwe waregukiye imbere agaca, kubera urukundo agukunda, nawe uzinukwe ikitwa icyaha, maze umukunde, uhobere umusaraba we, urire usuke amarira yawe ku isura ye, usaba imbabazi kandi na we yiteguye kuguha impuhwe z'ibyaha byawe.

Mbifurije gukomeza kuzirikana ububabare bwa Yezu Kristu, mutihenze kuri buri wese, kuko icyo dushaka kandi twifuza ni uko mwakunga ubumwe n'Umwami wacu Yezu Kristu, wadukunze mbere kandi watwitangiye ku musaraba, kugira ngo muronke amahoro n'umugisha.

**MBIFURIJE AMAHORO Y'IMANA ! NDI YOZEFU W'I  
ARIMATIYA, KANDI KUBAHA IMANA NO KUYUMVIRA NI  
YO SOKO Y'UMUKIRO USENDEREYE MU BUZIMA BWA  
BURI KIREMWA MUNTU. AMAHORO, AMAHORO, NTORE  
Z'IMANA !**



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

**14. BIKIRA MARIYA: IHAMBWA RYA YEZU**

***UBUTUMWA BWA BIKIRA MARIYA, TARIKI 31  
WERURWE 2023***

Mbega urukundo rukomeye Yezu Kristu yagaragaje, agaragaza muihambwa rye, kandi agaragaza umutsindo we, agaragaza urukundo yari afitiye kiremwa muntu.

Mbega ukuntu yemeye kwitanga wese, akemera kwitanga ubutibarira, kandi akemera guhara byose, yambara ubusa, kandi yambara igisuzuguriro mu maso y'abantu; ariko kandi mu maso y'Imana akaba yari yuzuye ubutungane, kandi yuzuye imbaraga, ububasha bukomeye ndetse n'icyubahiro kidasanzwe.

Mbega isura ye, uburyo nabonaga ibengerana kandi ishashagirana, ariko kandi ubona yuzuye impuhwe nyinshi, cyane cyane igihe twamushyinguraga, kandi twamaraga kumushyira mu mva, kandi ari Imana ariko akemera guca mu buzima bwose bwa kimuntu; kugira ngo ahambure kandi azikure, kugira ngo acagagure kandi afashe roho zose zari zararigitiye ikuzimu.

Niho yahambuye iminyururu y'umwanzi, kandi niho yacagaguye ingoyi zose z'umwanzi, cyane cyane abo umwanzi yari yarabohaboshye kandi yari yaragize ingwate ikuzimu, bityo afungura kandi atanga imbaraga ndetse n'urumuri, ububasha mu buryo bukomeye kandi





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

mu buryo bufatika, azamukana roho nyinshi kandi afungura roho nyinshi, ndetse akingurira benshi amarembo y'Ijuru.

Nabibonye mbyitegereza kandi mbibona mu maso yanjye, cyane cyane ko ibyinshi byagendaga binca imbere, kandi binca iruhande, bityo nkarangwa no gushyingura ku mutima, ndetse no kuzirikana kuko nari mfite isezerano rikomeye, kandi nari mfite umugambi ukomeye kuri we; nzi neza ko atazaheranwa n'urupfu kandi atazigera ashenguka nk'indi mibiri yose.

Mu kumushyingura nategereje kandi ntegerezanya icyizere gikomeye, cyane cyane kuko nari nzi ko isezerano ryose ridahera, kandi isezerano ryuzurizwa igihe.

Nanjye rero mu rukundo rwinshi nari mfitiye kiremwa muntu, kandi mu rukundo rukomeye nari nagaragarijwe imbere y'umwana wanjye, yemera kumpa ibiremwa byose, kandi yemera kubinshyira mu biganza, niho nasigaye ndi kumwe n'intumwa, kandi ndi kumwe n'abigishwa be, mbabungabunga kandi mbacungira umutekano, mbahumuriza kandi mbaha ijamba rya Yezu yari yambibiyemo, kandi yari yanshyizemo, mbabuganzamo urukundo rwe kuko ibikorwa bye bitigeze bihagarara, kandi imivugire ye itigeze iceceka.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yakomeje rero kugaragaza imirimo ndetse n'ibitangaza mu bari basigaye mu isi, kandi akomeza kunyiyereka mu buryo bukomeye, kuko n'ubwo koko yashyinguwe kandi yahambwe, njye nakomeje kumubona mu maso yanjye, kandi nkomeza kumubona iruhande rwanjye.

Nahuye n'akaga gakomeye ndetse n'ishavu rikomeye, bigendanye n'uburyo bwa kimuntu kandi bigendanye n'uburyo yari umwana wanjye, kandi umwana wanjye nakundaga w'ikinege, nkaba nari maze kubona yari agabijwe amaboko y'abishi, kugera aho apfuye ndetse n'aho nari mwishynguriye, bityo nshenguka umutima kandi ngira intimba ikomeye, bimviramo gusabira roho nyinshi, kandi bimviramo kurohora roho nyinshi no guhora nzitakambira, cyane cyane abapfa bapfuye urupfu rubi, kandi bapfiriye mu cyaha.

Urupfu rwa Kristu kandi ihambwa rya Kristu, ryagaragaje ububasha bukomeye, kandi rigaragaza imirimo mu Isi, ndetse nububasha bwe, kuko yapfuye urupfu rutari nk'urw'abandi, ahubwo urupfu rwe rukaba rwaragaragaje umutsindo kandi rukagaragaza ibitangaza.

Ihambwa rye rero ryabaye ihambwa rikomeye kandi riba ihambwa ry'agatangaza, kuko Ijuru ryose ryari ryamanutse, kandi abamalayika bari bamugaragiye, kandi bankikije.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ntabwo rero nigeze nsigara njyenyine, nta n'ubwo nigeze nibaza icyo gukora, kuko n'ubwo yagaragaraga ko yagiye, ariko kandi yakomezaga kunyereka byinshi, kandi akanyereka amarenga akomeye, cyane cyane y'ibyari biteganyijwe, ndetse n'ibyari biri muri gahunda y'ab'ljuru.

Ihambwa rya Yezu Kristu nirigutere kuzirikana ndetse no kwisubiraho, cyane cyane wibaza icyo uhagarariye, ndetse n'icyo ubereyeho, niba ubereyeho Imana cyangwa niba wibereyeho wowe ubwawe.

Ni igihe koko cyo gutegura buri wese amayira ye, ndetse ni igihe cyo kwisukura kuri buri wese, kugira ngo buri wese ihambwa rye, rimushushanyirize ihambwa rya Kristu, kandi koko rimufashe kwitagatifuza, ndetse no guhora atunganiye Yezu Kristu wamubanjirije.

Ihambwa rye mu maso y'abantu ryagaragaraga ko ari ihambwa risuzuguritse, kandi agaragiwe na bakeya, ariko kuko yari Imana-Muremyi, kandi Imana ishoboye byose, twari tugaragiwe turi benshi, kandi imbaga y'ljuru ryose, intore z'ljuru ryose ryari zihari, kuko abamalayika bose bari bamanutse kugira ngo bifatikanye nanjye, kandi bifatikanye n'abari bamukikije, cyane cyane intumwa zari zakomeje kumugenda iruhande.

Yahatangiye ingabire kandi ahatangira ubutwari bukomeye, cyane cyane ahagaragariza umutsindo we, ku



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

bemera kwitanga bitangiye ijamba rye, kandi bitangiye urukundo rwe, bakemera kwihara wese kandi bakemera kwirekurira muri we, kuko ububasha bwe ndetse n'urukundo yagaragarije mu nzira ikomeye y'umusaraba, byatumye benshi bahavana imbaraga mu buryo budasanzwe; na n'iyi saha rero na n'ibi bihe hakaba hakiriho benshi bakurizamo gutagatifuza, kandi bagakurizamo kwitanga bitangiye izina rye, kandi bitangiye ingoma ye.

Aho ngaho nanjye niho nakuye imbaraga, kandi mpakura ububasha bukomeye, bwo kwisanisha na buri kiremwa cyose gituye Isi, ku bagira ibyago kandi bakabura ababatabara, bakabura ababafata mu nda, mu bitugu; ni igihe cyabaye igihe gikomeye, cyo gutura kuri buri wese ndetse no kumuba iruhande mu buryo bw'umwihariko, bityo rero hakabaho guhumurizwa kuri roho nyinshi, ndetse no guhumurizwa kuri buri kiremwa cyose gituye Isi, cyane cyane abatereranwa kandi bageze mu kaga gakomeye.

Ni igihe rero gikomeye cya buri wese, aho ubona iruhande rwawe no hirya yawe, nta n'umwe ugushyigikiye, kandi nta n'umwe uri kugufasha mu kibazo urimo; bityo ukaboneraho gutabaza ijuru ryose, kuko aribwo ryururuka rikaza rikagufasha, kandi rikagushyigikira.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Namwe rero ihambwa rya Kristu, niribabere isoko ikomeye, kandi ribabere urugero rutoroshye kandi urugero buri wese agomba kureberaho, kandi agomba kwigiraho inzira nziza y'ubutungane, ndetse n'inzira nziza y'ukwemera, gukomera mu bigeragezo ndetse no gukomera mu bitotezo, kwemera kwitangira ijwi ry'Uhoraho, ndetse no kwemera kuryiharira, ndetse no kwemera kuryirundurira wese.

Ihambwa rya Kristu ryavubuye amasoko akomeye mu Isi, cyane cyane ku bahura n'ingorane, aza akifatikanya namwe, kandi akaza akabana namwe, cyane cyane ku baba batereranwe, kandi no ku baba bari mu kangaratete, bari mu kajugane, katabasha kugira icyo gasobanura, kandi katabasha kugira uwo gasobanurira, cyane cyane mu ntimba n'agahinda, buri wese aba agiye afite.

Igihe muri mu byago rero, mujye mwumva ko ari kumwe na mwe, kandi aje kubana namwe, kuko tuzana kandi tukabakomeza, tukabahumuriza kandi tukabiyereka.

Nimuhuguke ubwenge rero, kandi muhuguke ubwonko bwanyu, kugira ngo murusheho gutuza Yezu Kristu wemeye kwitanga wese, akemera no guhambwa, akemera byose kugira ngo bimukorerweho, kuko yari afite ububasha bukomeye bwo guhita azamuka, ariko



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kandi yemera kwisanisha n'urupfu, kugira ngo azahure roho nyinshi, kuko ari cyo cyari kimuzanye, kandi ari cyo cyari kimuzanye mu Isi, kugira ngo aziture roho nyinshi umwanzi yari yarabohaboshye, kandi umwanzi yari yarazirikiye ku rupfu.

Yaje rero gukuraho urupfu yemera guhambwa, bityo agaragaza umutsindo, kandi agaragaza urumuri rwe mu bemera, ndetse n'abazemera kugenda na we, gukorana na we, ndetse no kumva icyo ababwira, ndetse n'icyo abatoza.

Urupfu rero rwakuweho kandi urupfu Yezu Kristu araruhambira, cyane cyane agaragaza umutsindo we kandi agaragaza ikuzo rye.

Ihambwa rya Kristu rero ritwigisha kandi ryigisha buri wese gukomera, ndetse no gukomeza umuhate wo gukomera mu by'Imana, ndetse no kubikomeza mu mitima yanyu, kugira ngo iteka n'iteka mwumve ko inzira mucishwamo, kandi inzira munyuzwamo na Kristu yababanjirije kandi yababereye urugero rwiza.

Mbifurije umunsi mwiza, bana banjye, kandi ntore z'Imana, kugira ngo ububabare bwa Kristu kuri buri wese, kuri buri mukirisitu wese, kandi kuri buri kiremwa cyose gituye Isi, abuhe agaciro kandi abwiyumvishe; bityo bumuviremo impamvu yo guhindukira, ndetse no



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

guhinduka, kugira ngo ukomeje kwihambira ku kibi no ku cyaha, amurebereho kandi arebe inzira yanyuze, akurizeho kwizitura ku mwanzi no ku ngoyi ya Shitani.

Ntabwo rero ari ukurebera ububabare Yezu Kristu yagize, nk'ureba televiziyo cyangwa ibindi bindi bishimisha amaso, ahubwo ni ikizirikano gikomeye kuri buri wese, kuko atari amagambo gusa cyangwa amakabyankuru, ahubwo ni Yezu Kristu witanze musa musa, kandi agaragaza urukundo rwe, kandi arugaragariza buri kiremwa cyose.

Mbifurije umunsi mwiza, kandi mbifurije ikizirikano gihire kuri buri wese, kugira ngo mukomeze murangamire Yezu Kristu witanze, bityo akemera guhambwa, kandi akemera gushyirwa mu mva nk'abandi bose kandi yari Imana.

Nimumwigireho rero imico myiza y'ubwiyoroshye, ubwicishe bugufi ndetse no kurushaho kumurangamira, kugira ngo namwe mwese muhura n'ibikomeye, mwumve ko mutari mwenyine, ahubwo mushyigikiwe na we.

Urupfu rwe rero kandi ihambwa rye niribere urugero benshi, kandi rukomeze benshi, bityo bakurizeho guhinduka, kandi bakurizeho kwisubiraho, ndetse no kugana mu nzira nziza.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

MBIFURIJE UMUNSI MWIZA ! NDI MARIYA, NYINA  
W'IMANA, UMWAMIKAZI W'IJURU N'ISI.





INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

II. UKO TWAKIRIYE INKURU NZIZA Y'IZUKA  
RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU  
YEZU KRISTU

1. MUTAGATIFU MARIYA MADALENA

**UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU MARIYA MADALENA,  
TARIKI 06 MATA 2023.**

Nasabagijwe n'ibyishimo mu buryo budasanzwe, mu kumenyeshwa inkuru nziza y'izuka n'umutsindo w'Umwami wacu Yezu Kristu. Nuzuye ibyishimo bitangaje ubwo malayika yari atumenyesheje ko Yezu Kristu atakiri mu mva, ari muzima; mu museke wa kare twari tugiye ku mva, maze dusanga Kristu yazutse, ari muzima.

Mbege igishyika kivanze n'ubwoba bwinshi, kuko kumva iyo nkuru tuyimenyeshejwe na malayika w'Imana, imirasire y'urumuri rwe yacengeraga mu mitima yacu, iduha ihumure; bityo tugasabagizwa n'ibyishimo bivanze n'ubwoba; bityo kubyakira, kubyumvisha amatwi yacu bitubera agatangaza; bityo duhinda umushyitsi ku mpamvu y'ibyishimo n'ububasha bw'Imana isumba byose mu kumanura imbaraga, n'imirasire y'urumuri rwa malayika mu buzima bwacu no mu mutima wacu, kugira ngo twumve neza kandi turushaho gusobanukirwa ijambo rivuye mu Ijuru.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Kugira ngo tubashe kwakira iyo nkuru nziza y'izuka ry'umukiza wacu Yezu Kristu, kandi tubibere abahamya, kuko hari icyo Ijuru ryakoraga mu buzima bwacu, kugira ngo dukurwemo ubwoba bw'urupfu, maze twakire imbaraga z'izuka rya Yezu Kristu, tube abahamya kandi twamamaze dushize amanga inkuru nziza y'izuka rya Yezu Kristu.

Nahakiriye imbaraga mu buryo budasanze, kuko ubwoba n'umushyitsi byanshizemo, bityo nkambara ububasha n'imbaraga mu buryo budasanze, maze nkarushaho kwakira ibyiza bya Yezu Kristu mu mutima wanjye, kandi ngashira intimba n'igishyika nari mfite cy'urupfu, maze nkambara imbaraga z'izuka nkesha umutsindo wa Yezu Kristu.

Malayika rero yatubereye umuhamya, utangaza iby'izuka rya Nyagasani, bityo abiduhamiriza twese uko twari tugiye ku mva, kandi atubibamo urukundo n'imbaraga, dukurwamo igishyika cy'urupfu, maze twakira imbaraga kugira ngo tubashe guhamya izuka rya Yezu Kristu.

Twahawe rero imbaraga kandi duhabwa ubusobanuro, kugira ngo dutangarize abandi iby'izuka rya Yezu Kristu, uko malayika w'Imana yadusobanuriye byose kandi akatubera umuhamya w'izuka ry'Umwami wacu Yezu



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Kristu, kugira ngo natwe duhamarize abandi ibyo twiyumviye kandi twiboneye.

Twagize rero amahirwe ageretse ku yandi mu kwivuganira na malayika, kuko ububasha bw'Imana bwatwuzuye kandi bukadusenderera, bityo tugahabwa imbaraga zo guhamya iby'izuka rya Yezu Kristu.

Malayika w'Imana yakomeje kuduhamiriza iby'izuka rya Yezu Kristu, bityo ubwenge bwacu bubasha kwakira iyo mvugo, kandi imitima yacu ibasha kwakira ihumure n'iruhuko; bityo ducengerwa n'ijambo rya malayika, natwe tuba abemezi kandi twemera ko Yezu Kristu yazutse ari muzima, aduhamiriza mu bimenyetso kandi mu bitangaza by'imbaraga ze zamanukiraga mu mibiri yacu no mu mutima wacu, kugira ngo duhamirize ibya Yezu Kristu kandi twamamaze ibya Yezu Kristu dushize amanga.

Twasazwe n'ibyishimo maze twuzura Roho Mutagatifu, koko duhamya dushize amanga iby'inkuru nziza y'izuka rya Yezu Kristu. Twahise dusubira inyuma kubimenyesha intumwa, kuko twari dufite igishyika cyo kubwiriza bese ibyiza n'ibitangaza Yezu Kristu ko yizuye mu bapfuye. Twabimenyesheje intumwa dufite igishyika kandi dufite imbaraga zihamya ibyo twiboneye kandi twiyiziye.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Mu mutima wanjye nari nuzuye ibyishimo byansaze, ntabona uko mvuga kuko kunezererwa kandi iruhuko niyumvagamo, ryatembaga ubwuzu bwinshi, nkumva Yezu Kristu turi kumwe, kandi nkumva nezerejwe ko Umukiza wanjye Yezu Kristu yazutse ari muzima.

Mbega ngo ibinezaneza biransaba umutima, mbega ngo ubwuzu buransenderera kandi mbega ngo ibyishimo ntabona uko mvuga biransabagiza, maze ngatwarwa wese muri Yezu Kristu, nkumva niho hari amahoro asendereye, kandi nkumva ndinzwe n'ububasha n'imbaraga zitangaje kubera ububasha bwa Yezu Kristu, bwari bwanyubatse kandi bwantwikiriye; bityo mba umuhamya hose ko Yezu Kristu yazutse ari muzima, mu kubimenyesha intumwa, nazo ziza kwirebera, kandi nazo zivayo zihamiriza ko Yezu Kristu yazutse ari muzima.

Byari umunezero tutabona uko tuvuga kubona uwo wakundaga kandi kubona uwo wari uzi ko ari mu mva, kandi kubona uwo wari uzi ko ntacyo akishoboreye yongeye kwambara imbaraga, ububasha noneho n'ishema ritangaje, maze tukumva ibyishimo bidusendereye kandi umunezero ari wose.

Nasabagijwe n'ibyishimo bitagira ingano, bityo kumwamamaza, nkamamaza nshize amanga, mfite



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

igishyika cyo kubonana na we, kwihurira nawe imbonankubone.

Yezu Kristu yatuzaniye amahoro mu izuka rye, mu buryo bwo kudukomeza, kutwambika imbaraga, kugira ngo tumubere abahamya mu Isi dushize amanga, kandi twamamaze inkuru nziza y'ijambo rye, kuko twari twarabimenyeshejwe mbere y'igihe.

Tugashimishwa rero n'uko isezerano yadusezeranyije ryuzuye kandi rigiye ku mugaragaro, bityo ntacyo twikangaga kandi ntacyo twatinyaga, yaba abari bamugiriye nabi, twumvaga dufite ishema kandi dufite imbaraga zo kumwamamaza dushize amanga, kubera mu kudutangariza urupfu rwe, twahaherewe imbaraga mu buryo twari twicaye, tuzi neza ko azazuka, kuko atumenyesha ko agiye gupfa, yatumenyesheje n'iby'izuka rye.

Bityo mu myiteguro twicara dutegereje, kandi mu izuka rye duhabwa imbaraga zidufasha gukomeza kumubera abahamya mu bantu, ndetse no kwamamaza ibyiza byose yari yavuze, dukomeje no gutegereza ibyiza byose yari yatangaje; kugira ngo twicare twiteguye amasezerano yasezeranyije intumwa ze, ko yose agiye gusohora, kandi agiye kuzura, mu byo yari yatangaje azakora nyuma y'izuka rye.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yezu Kristu yambereye byose kandi ambera iruhuko mu buryo bw'agatangaza, ntwarwa na we kandi aranyigarurira wese, bityo nanjye nemera n'urukundo rwe mu buryo bw'agatangaza, kuko ntacyo namugereranya, kandi ntacyo namunganya; nasazwe rero n'umunezero ntabona uko mvuga, ibyishimo bitangaje, ntangarijwe kandi niboneye amaso yanjye imbonankubone, ko atakiri mu mva ko yazutse, ari muzima.

Nkomeza rero nanjye ubutumwa bwo kumwamamaza nshize amanga, mumenyesha hose, mvuga inkuru nziza y'izuka rya Yezu Kristu, kandi ntangaza ibyiza byose yari yaratubwiye, nibyo yabwiye intumwa ze.

Habayeho rero umusabano na we mu buryo budasanzwe, n'ubwo tutabonanaga imbonankubone, ariko iteka ryose twumvaga turinzwe n'ububasha bwe, kandi aturi rwagati, kandi aturimo rwagati mu byishimo byinshi.

Yezu Kristu yatwambitse imbaraga n'ubutwari dukesha izuka rye, kandi dukesha ibyiza yari yarasezeranye kandi yari yaradusezeranyije, nk'abamubaga iruhande, kandi nk'ababaga iruhande rwe, maze tukamamaza ibyiza bye dushize amanga.

Yatubereye byose kandi atubera iruhuko mu buryo bw'agatangaza, kuko kwibanira na Yezu ntako bisa, ari yo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

yari amahoro yanjye, kandi ibyishimo byanjye, nirekurira mu biganza bye wese, bityo nawe aramfata arankingira, antandukanya n'ibyanzigaga ndetse n'ibyantukanyaga n'urukundo rw'Imana, aranyirehereza kandi angarura mu murongo w'icyo Ijuru rinyifuzaho kandi rinshakaho, bityo nanjye sinagundira umutima wanjye ndawumurekurira, nsabana nawe mu buryo bw'agatangaza.

Mu gihe cy'izuka rero byari umunezero kandi ryari ishema, mu mutima wanjye nagendanaga kuko numvaga ndinzwe mu buryo butangaje, igishyika n'ubwoba byanshizemo, bityo nsabagizwa na Roho Mutagatifu, kandi nsabagizwa n'ibyishimo bitarondoreka; kuko imbaraga zisendereye kandi imbaraga z'ibyishimo navuga ko ari Roho Mutagatifu nabisendejwe mu rumuri malayika yatwoherereje, igihe adutangariza izuka ry'Umwami wacu Yezu Kristu.

Yezu Kristu yabayemo muri njye, mu gihe cy'izuka rye kuko namwumvaga mu mutima wanjye wese, kandi nkumva mfite imaraga ze, mfite ishema ryo kumwamamaza, ntacyo nikanga kandi nta kinkoma imbere, kuko kumuhamya ndetse no kumwamamaza, aribyo numvaga bimbere iruhuko, kuvuga ibye nkumva ari yo mahoro yanjye, ari na wo munezero wanjye.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Izuka ry'Umwami wacu Yezu Kristu ryavomereye bensho imbaraga mu buryo bw'agatangaza, kandi duhabwa kumusobanukirwa neza uwo ari we; bityo duhorana ishema ry'uko Kristu yatsinze urupfu ari muzima kandi yihimuye abanzi be, kuko nyine yagaragaje ububasha bwe mu buryo bw'agatangaza, bwo kwigaranzura urupfu, bityo abamwishe bakorwa n'isoni n'ikimwaro, natwe twumva ari ishema kuri twe, ko Kristu ari muzima muri twe.

Yezu Kristu yatuzaniye ibyishimo n'umunezero mu buryo budasanzwe, kuko urubuto rutaguye mu gitaka ngo ruhugute ntirushobora kubyara izindi; bityo mu mitima yacu twiyunguramo ukwemera gukomeye kandi twambara imbaraga mu buryo bw'agatangaza, kubera Yezu Kristu, mu mbaraga yazamukanye, kandi mu bubasha yari yambaye, kuko yabudusakajeho, kandi iteka ryose aho twabaga turi, iteka ryose wumvaga ari kumwe natwe, kuko wumvaga ari nta tandukaniro ry'aho turi na Yezu aho ari.

Igihe cyose rero niyumvaga Yezu iruhande, nkumva nuzuye umunezero n'ibyishimo bitarondereka, imbaraga kandi mu bubasha budasanzwe yabuganiye mu mitima yacu, bityo bukadusabanisha natwe tugasabana, natwe tukarushaho kuvuga ibye dushize amanga.





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yambereye byose kandi atubera byose, yaba intumwa ze n'inshuti ze, kuko yabaye hafi yacu mu bihe bikomeye, kandi akadutera imbaraga mu buryo bw'agatangaza.

Izuka rya Yezu Kristu rero, nta wabona uko arirondora, kuko ibyishimo kubivuga mu magambo, nta wabona uko abivuga mu buryo bworoheje kandi bw'incamake, kuko ibyishimo umuntu atabona ibipimo abipimaho, kumva uwo wakundaga yatsinze urupfu ari muzima, kumuvuga mu byishimo gusa ntibihagije.

Byari umunezero, ibyishimo bitangaje kandi bisesekaje, kandi buri wese yumvaga, bityo bamwe bakikanga kandi bagakangaranywa n'ibibi bamukoreye, abandi bakishimira ko Yezu Kristu babuze bamukunda, bishimiye ko ari muzima; ibyo bikaba ishema kandi bikaba igihozo kuri benshi.

Ni ubuntu rero bugeretse ku bundi twagararijwe, kandi twagiriwe kugira ngo tumenye kandi tumenyeshwe ku ikubitiro rya mbere, izuka ry'Umukiza kandi tubibere abahamya, mu kubyibonera no kubigaragarizwa n'ljuru ubwaryo.

Si twe twabyigeneye ahubwo ni umugambi w'Uhoraho Imana, kuko byari bigenwe bityo, kandi byari biteguwe bityo kugira ngo nanjye mbarirwe mu ntore, ndetse no mu nkoramutima za Yezu Kristu, zimenyeshwa izuka rye



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ku ikubitiro rya mbere kugira ngo nanjye mpamye kandi ntangaze iby'izuka rya Yezu Kristu, nshize amanga kandi ku bw'igishyika nahoranaga ku mutima, byari umugambi wa Yezu Kristu kugira ngo anyigaragarize, ku ikubitiro kandi mubere umuhamya, ku bw'urukundo n'igishyika nahoranaga mu mutima wanjye; akaba ari ibinezaneza gusa byansanze, kandi binsabagiza mu rukundo rwa Yezu Kristu, nkahora noga mu nyanja ngari y'urukundo rwe, kuko nayituyemo rwagati, kandi ngatwarwa nayo wese; bityo nkishimira kuba aho Yezu ari, kandi nkishimira kuba iruhande rwa Yezu Kristu, yaba mu byoroshye, mu bikomeye, bityo nkagaragarizwa urukundo rugeretse ku rundi, rwo gutabarwa no kugaragarizwa ihumure mu buryo bw'agatangaza na malayika w'Imana, yatumenyesheje iyo nkuru nziza ko Yezu Kristu yatsinze urupfu, ari muzima.

Ni ibyishimo bitangaje kandi ni ubuntu bugeretse ku bundi bw'Ijuru, mu kugaragarizwa iyo neza kuko ntari mbikwiriye, kandi ntari nkwiriye kumenyeshwa ibyo byiza byose by'agatangaza; ariko ku bw'impuhwe n'urukundo rwa Yezu Kristu yambibemo, ku ikubitiro rya mbere ampa byose ntacyo anyimye, kandi ampa no gutangarizwa no kumenyeshwa izuka rye, ndetse no kugaragarizwa ibitangaza byinshi mu buzima bwe.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ni ishimwe rikomeye kuri Uhoraho Imana, yo Mugenga kandi Muteguzi w'amayira ya buri wese, kuko ari we ugenera buri wese ubuzima, kandi akamugenera n'uko agomba kububamo; akamugenera byose amaza ye, ndetse n'imikorere ye mu buzima bwe bwose, kugeza ku ndunduro y'ibihe.

Mbifurije ibihe byiza, ntore z'Imana, nimukomere kandi mukomeze kuzirikana ubuntu bugeretse ku bundi twagiriwe, bwo kumenyeshwa no guhabwa ibyiza n'Uhoraho, tubiherewe mu mwana we Yezu Kristu, inshungu y'abanyabyaha, kandi inshuti itadutenguha kandi itadutererana ibihe byose, agahora iteka atwigaragariza igihe tumushakashakana umutima utaryarya, kandi igihe tumufitiye urukundo, nawe akarutugaragariza.

Mbifurije amahoro y'Imana !

Ndi Mutagatifu Mariya Madalena, ubifuriza gukomera kuri Yezu Kristu, kuko umukomeyeho kandi umwemera atajijinganya, amukorera ibitangaza mu buzima bwe, kandi akamugaragariza urukundo rutangaje; nk'uko nanjye yabingiriye, ntabikesheje ubutungane, ahubwo mbikesheje kumwemera no kumwakira.

**AMAHORO, AMAHORO ! NDABAKUNDA CYANE, NTORE  
Z'IMANA, NIMUGIRE UBUZIMA MURI YEZU KRISTU, KUKO**



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

NTA HANDI MUSHOBORA KUBONA UBUZIMA, HATARI  
MURI YEZU KRISTU. AMAHORO, AMAHORO!



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

## 2. MUTAGATIFU PETERO INTUMWA

### **UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU PETERO INTUMWA, TARIKI 06 MATA 2023.**

Nuzuye umunezero utavugwa numvise inkuru nziza y'izuka rya Yezu Kristu, bityo mparanira kugira ngo mbyimenyere kandi mbyirebere; bityo maze kumenyeshwa ndetse no kumenya inkuru nziza y'izuka rya Yezu Kristu, nsabagizwa n'ibyishimo n'umunezero mu buryo bukomeye, kuko gutangarizwa iyo nkuru nziza, kandi nkibonera n'amaso yanjye, ibimenyetso ko Yezu Kristu yatsinze urupfu, ari muzima.

Nibyo koko habayeho kunanirwa, kandi habaho kugira intege nkeya, mu rugendo kubera urupfu ruteye ubwoba rw'Umwami wacu Yezu Kristu, rwatubereye nk'urwasibye ibyo yari yadusezeranyije, kandi ibyo yari yatubwiye, dusa nk'ababishyize ku ruhande nk'aho bitagishobotse.

Ku muni wa gatatu niho twangarijwe iyo nkuru nziza, tuzirikana ko yari yabitubwiye, kandi yari yatumenyesheje, ko azapfa kandi akazuka. Byaduhaye gusubira mu masezerano twagiranye na we, kandi bintera igishyika, umwete n'umuhate, wo kuzirikana buri jambo ryose yambwiye; bityo bintera imbaraga, ko ntangiye



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

umurimo mu buryo budasanzwe, wo kwamamaza Yezu Kristu no kumubera umuhamya mu bantu.

Ku bw'ineza ye n'urukundo rwe rero rutarondoreka, kandi ku bw'ubudahemuka ku masezerano, kuko ibyo yavuze byose yabyubahirije kandi yabyujuje, yizura mu bapfuye, twahawe imbaraga n'ububasha, bityo bidukingururira ikibi cyari cyadutwikiriye cy'umwanzi, mu kudukangaranya kandi mu kudutera ubwoba kw'ababisha be; bityo dutwikururwaho ikizinga cy'umwanzi yari yatwikiriye, kugira ngo twumve y'uko ibyo Yezu Kristu yadusezeranyije bitagishobotse.

Yadukuye rero mu kanga, mu kangaratete gakomeye k'umwanzi, kuko nyine twerekwaga ko ibyo yatubwiye bitakibaye, kandi bitagishobotse.

Mu kuzuka kwe rero yabaye nk'aho akuyeho rido y'ibyo yadusezeraniye byose bijya ku mugaragaro, maze duhererwamo imbaraga dutangira kumwamamaza dushize amanga, mu buryo bw'agatangaza kuko ntacyo ntacyo twishishaga, kuko yadusezeranyije ko mu izuka rye, azakorana natwe mu buryo burenze, uko twakoranaga tumubona imbonankubone.

Mbega ishema, ubutwari n'ubukaka byandanze, byo guhamiriza Kristu uwo ari we, kuko ntacyo nikangaga, nta n'ubwoba nagiraga, ahubwo iteka ryose nirekuriye ku



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

biganza bye, mwemerera kuntwara aho ashaka, kandi kunyobora aho ashaka, kugira ngo mubere intumwa imutumikira, kandi mubere intumwa y'amahoro, itangaza iby'izuka rye, kandi kugira ngo nzabashe no kurangiza ubutumwa natorewe kandi nahamagariwe.

Muri Yezu Kristu nahakuye ishema, mpavoma imbaraga, kandi ahansigira amavuta mu buryo bw'izuka rye, abigirishije bwa bubasha bwe n'ubushobozi bwe ntabasha kurondora uko bungana.

Yagendanye natwe rero mu izuka rye, tubizi tutanabizi, aho yatwigaragarije mu buryo bw'agatangaza, tukamwibonera imbonankubone, akaduha amahoro kandi akadusendereza ibyishimo bitavugwa, maze akatugaragariza ibyiza byo mu buryo bw'agatangaza.

Yezu Kristu ntyaheranywe n'urupfu, Yezu Kristu yatsinze urupfu, adutangariza izuka maze tuhabona ubusendere bw'imbaraga, mu buryo budasanzwe, kuko yaje kudusohoreza amasezerano yari yagiranye natwe, kandi akaduha imbaraga mu buryo bw'agatangaza, akatugenderera kandi akadukomeza, akatwereka ko ababisha bacu nta bubasha badufiteho, kabone n'aho baducecekesha mu kuvuga ibye no kumwamamaza, nta bubasha bafite bwo kducecekesha.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Mu bubasha rero bwo kumanuka mu mva, Yezu Kristu yatubereye byose mu buryo bw'agatangaza, kuko yazamukanye imbaraga mu buryo bukomeye, maze atwambika twese abe, kandi abo yari yarasezeranyije ibyiza by'izuka rye, adusesekazaho umugisha we, kugira ngo dukomere kandi tuganze mu rumuri rwe.

Twatwikuruweho rero n'umwenda wari udutwikiriye w'umwanzi w'ubwoba, maze adutwikira igishura cye cy'urumuri, kandi cy'izuka, maze muri we turidagadura, kandi tunezerezwa n'uko yatsinze urupfu, maze intsinzi ye arayitwambika kandi arayidukindikiza, kugira ngo tumwamamaze dushize amanga, nk'ababimenyeshejwe kandi nk'intumwa ze, kugira ngo tuvuge ibigwi bye, kandi tumwamamaze ntacyo twikanga.

Muri Yezu Kristu nahaboneye amahoro asendereye, muri Yezu Kristu mbambarira imbaraga mu buryo bw'agatangaza, ku buryo numvaga nta kinyabubasha bwo ku Isi gishobora kumpangara ndi kumwe na Yezu Kristu, kuko yari yanyambitse umwambaro mushya, roho nshya, maze nkumva ko umubiri wanjye ari nk'ikote nambaye, bashobora kunyica kandi bashobora no kunyaga, ariko nkaba nambaye uwo ndiwe, roho yanjye yuzuye, kuko umwambaro wari wambitse roho yanjye nawugererenyaga n'umubiri nambaye, kandi nkabona nta muntu wo ku Isi ufite ububasha kuri roho yanjye,





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kandi nkabona n'uwagira ububasha ku mubiri, ari nko kunyambura ikote ubundi njyewe ngasigara ndi umuntu, ndi kumwe na Yezu Kristu, ari yo roho yanjye.

Yezu Kristu yadutwikururiye byinshi, ari byo by'agaciro gakomeye, bityo adusobanurira ibintu n'ibindi, kuko uko niyumvaga mbere numvise bitandukanye n'uko niyumva icyo gihe, kuko muri njye nahawe gusobanukirwa, ndetse mpabwa kumenya ibintu n'ibindi mu buryo bw'agatangaza, numva nuzuye kandi numva Yezu Kristu mu izuka rye yuzuriye ubuzima bwanjye, kandi yuzuriye imibereho yanjye, y'uko ngomba kubaho uko ljuru ryabigennye, kandi uko Yezu Kristu anyifuza, nambara imbaraga koko kugira ngo mbeho uko abishaka n'uko abyifuza.

Yamaze ubwoba ndamwamamaza kandi anyambika imbaraga mu buryo bw'agatangaza, ndamwamamaza nshize amanga kuko ntacyo kwikanga cyari gihari, kandi ntacyo kumpungabanya cyari gihari.

Mu ishema ryanjye kwari ukuvuga Yezu Kristu watsinze rupfu akaba ari muzima, kandi nkumva muri njyewe mbihamya mbihamya bimvuye ku mutima, kuko roho yanjye yabagizwaga n'ibyishimo, kandi umutima wanjye wuzuye ibinezaneza byo guhamiriza bese ko Kristu yatsinze urupfu, ari muzima.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nagiranye rero umusabano udasanzwe na Nyagasani Yezu Kristu, usendereye kandi wuzuye, bityo niyunga nawe mu buryo bw'ubutumwa natorewe kandi nahamagariwe, kuko ntagendaga nnyenyine; iteka ryose twari kumwe, ankomeza kandi anyambika imbaraga mu buryo bw'agatangaza.

Yambereye iruhuko mu buryo ntavuga, kuko yanyamuruyeho imitwaro yandemereraga ya kimuntu; bityo akanyambika ubumana bwe mu buryo bw'agatangaza, bityo mpabwa kuvuga Yezu Kristu uwo ari we ntacyo nikanga, kandi nta kimpungabanyije, mu rugendo rwanjye rw'ubutumwa.

Namubonaga imbere, nkamubona inyuma yanjye, nkamubona iruhande rwanjye, nkumva nkolotiwe (nzengurutswa) n'imbaraga mu buryo bw'agatangaza, kuko nyine nta gishobora kunkura mu biganza bye, atabishatse kandi atabigennye.

Yezu Kristu mu izuka rye yakoze byinshi mu buzima bwacu, kandi agaragaza ububasha bwe mu buzima bwacu mu buryo bw'agatangaza, kuko urupfu rwa Yezu Kristu rwatubariye inyungu n'umusaruro mu buryo bw'agatangaza, mu guhabwa imbaraga zo guhamya no kwamamaza ibye dushize amanga, tuyobowe na we,



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kandi tuyobowe n'ububasha bwe mu buryo bw'agatangaza.

Yari muri twe kandi yari ari kumwe natwe, kuko yatwiyerekaga kandi akatwigaragariza, tukavuga ibyo tuzi kandi duhagazeho, kuko atari twe twavugaga, ahubwo ari we wakoraga muri twe uko yabigennye, kandi yabiteguye.

Ntabwo rero urupfu rwa Yezu Kristu rwabaye imfabusa, kuko rwabohoye benshi kandi rugakomeza intumwa ze nanjye ndimo, maze mu izuka rye agatangaza byinshi mu buzima bwacu, kandi akabohora byinshi mu buzima bwacu, mu buryo bwo kutwambika imbaraga, kugira ngo duhure na we by'ukuri; kandi adusendereze ububasha n'ishema, ryo guhora iteka tumurangamiye kandi tumushengereye, ubuzima bwacu bwose.

Yezu Kristu yatubereye byose, adusabanyisha na we kandi adusabanyisha n'ljuru ryose, bityo adutandukanya n'abanyabubasha n'abanyamaboko b'Isi; bityo twambara ububasha bw'ljuru kandi twambara imbaraga z'ljuru, tubasha kwamamaza Yezu Kristu, ntacyo twikanga.

Yatugiye imbere rero atazanura byose, maze mu izuka rye byose ibyo yatugabiye kandi ibyo yatugeneye byose arabiduha, kugira ngo tubashe kumubera abahamya, kuko uruhare rwe rw'urugamba ku Isi yari arushoje; bityo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

aharanira kutugabira ngo natwe tugaragaze uruhare rwacu, turwana urugamba rwacu, rugendanye n'ubutumwa yadutoreye kandi yaduhamagariye ku Isi.

Yatugabiye byinshi rero muri icyo gihe jandi adusendereza imbaraga mu buryo bw'agatangaza, maze ampa kumwubakaho no kumukomeraho, nta kujijinganya kandi nta kureba hirya no hino, kuko icyo navugaga nta cyankanga, ahubwo navugaga neruye kandi mpagaze ku cyo mvuze, nta kujijinganya.

Yamaze ubwoba ndamusingira kandi na we aransingira atura mu mutima wanjye, maze anyamururamo ubwoba bwose, maze ansesekazaho imbaraga ze z'agatangaza, ukwemera n'ukwizera n'urukundo, rwo gukora umurimo hakiri kare. Ibyo byose arabinyambika kandi ansesekazaho ububasha bwo gukora byose mu izina rye.

Ni ubuntu bukomeye Yezu Kristu yatugaragariye binyuze mu nzira ikomeye kandi ikakaye, kuko mu izuka rye byose yabidufunguriye, kandi akabiduhereza; ibyo yari yaruhiye kandi yagokeye, kuko yabihawe na Se maze akabitugabira, bityo akabidushyikiriza ntacyo yikanga.

Yezu Kristu rero yatugabiye byose ku buntu, kandi adusesekazaho imbaraga, mu buryo budasanzwe; izuka rye rero ritubera Pasika nshya y'agatangaza mu buzima bwacu, kuko twuzuye ibinezaneza by'ab'Ijuru, kandi



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

tugasabagizwa n'imbaraga ze, zadutandukanyaga n'iby'Isi byose kandi byadutandukanyaga n'ibinyabubasha byo ku Isi.

Ni umunezero utagira uko uvugwa, kandi ni urukundo rutarondoreka, Yezu Kristu yatugaragarije mu izuka rye, kuko twadabagiye kandi tukuzura ibyishimo mu buryo bw'agatangaza, bityo tugahamya Yezu Kristu dushize amanga, kubera ubuntu bugeretse ku bundi, Yezu Kristu yatugaragarije mu gutsinda urupfu, atangaza izuka rye, n'ibyiza bigeretse ku bindi bitagira ubugarukiro, kandi bitagira urugero; mu kubirondora no kubivuga ndetse no kubitangariza Mwene Muntu, atabasha kumva ndetse no kubiha ireme, uko bimeze n'uko bigomba kwakirwa.

Yezu Kristu izuka rye ryatubereye ibyishimo n'umunezero urenze igipimo, urenze imivugire, urenze urugero, kuko twakiriye ihumure mu buryo bw'agatangaza, tugasubirana amahoro n'iruhuko, tukaba nk'abiruhukije batuye imitwaro iremereye.

Mbega igishyika twahoranaga ku mutima, ngo arurutsa ibyari bituremereye nk'imitwaro, maze tukakira imbaraga bundi bushya kandi tukakira inkuru nziza mu buryo bw'agatangaza, bityo tukayimenyesha bose, kandi tukayitangariza bose, ikagera no ku bishi be maze



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ntihagire na kimwe twikanga mu kubamenyesha no kubabwira.

Ntabwo rero ibya Yezu Kristu byari ibyo gucecekwa, kandi nta n'ubwo gutangaza izuka rye byari ibyo kuzinzikwa, kuko umunezero wari wadusaze, tukumva ari ibinezaneza mu buryo bw'agatangaza, tutagomba guceceka kandi tutagomba guhagarara kuvuga, kuko ryari ishema ryacu mu buryo bukomeye.

Yezu Kristu yatubereye byose, aduhanaguraho ibyaha byose, kandi adutwara imitwaro yose yari ituremereye, adusubiza icyizere n'ubuzima bushya muri we, maze atwambika ishema rye, kandi adukomerereza intwambwe yo kugira ngo turushaho kumwubakaho no kumukomeraho, mu kuduha imbaraga, ububasha n'ubushobozi, n'icyizere gikomeye yaremye muri twe, mu kwemera gutangaje, bityo natwe tumukurikira ntacyo twikanga.

Yatubereye byose kandi aradukomeza, bityo ijamba rye ryamamara hose, binyujijwe mu kudutangariza no kutugaragariza ibimenyetso n'ibitangaza twamubonye, kandi mu kutwigaragariza arushaho kudusendereza imbaraga n'ububasha, turushaho kumushikamaho no kumukomeraho, bitubera iruhuko mu buryo bw'agatangaza.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nahore asingizwa kuko yatsinze ari muzima, kandi ari muzima mu buzima bwa buri mukirisitu wese wemera, kandi Yezu Kristu ni muzima mu buzima bw'abamwemera bose.

AMAHORO, AMAHORO! MBIFURIJE IBIHE BYIZA! NDI MUTAGATIFU PETERO INTUMWA. AMAHORO, AMAHORO!



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

### 3. MUTAGATIFU YAKOBO

#### **UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU YAKOBO, *TARIKI 06 MATA 2023.***

Mbega ibinezaneza ngo biransaba, nsabagizwa n'Umukiza wanjye, kandi Umwami n'Umucunguzi wanjye Yezu Kristu, mu kuntangariza inkuru nziza y'izuka rye, kandi inkuru nziza yo gutsinda urupfu rwe mu buryo bw'agatangaza.

Byari bikomeye kubyumva kandi byari biteye ubwoba mu buryo bukomeye twari turimo, mu bwigunge bukomeye, mu gahinda gakomeye, biba nko kutwarura rwose mu mva rwagati, mu kudutangariza iyo nkuru nkuru nziza y'amahoro, umugisha n'ibyishimo.

Byanteye ubwuzu kandi bintera umunezero, umudabagiro, ku buryo nakiranye iyo nkuru nziza urukundo n'igishyika, mu buryo butangaje, nsuhuza umutima kandi nakirana ubwuzu urwo rukundo rutangaje tugaragarijwe, kandi ubwo buntu bugeretse ku bundi Imana yatwakiriye, kandi yatwumvise, maze ikadukura mu kaga no mu gahinda, mu kodusubiza urukundo rwa Yezu Kristu mu buryo bw'agatangaza.





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nuzuye umunezero rero mu buryo bukomeye, kuko nakiranye inkuru nziza ubwuzu n'igishyika, bityo ngaharanira kuzirikana no gukurikiranira hafi iyo nkuru nziza, mu gushakashaka no kumenya inkuru nziza y'izuka rya Yezu Kristu; kugira ngo bindeme agatima kandi ndusheho kwiyubakamo imbaraga zimfasha gukomera no gukomeza urugamba, mu byo Yezu Kristu yaduteguje kandi yaduhamagariye.

Yezu Kristu yangaragarije ubudahemuka ubuzima bwe bwose, mu izuka rye rero angaragariza bikomeye ko ari kumwe nanjye kandi ankomeresheje ububasha bwe n'ibimenyetso. Yankuye mu kaga, mu gahinda gakomeye ntumvaga kansaze, maze ahari umubabaro ahasimbuza ibyishimo biransenderera.

Yezu Kristu yanyambitse imbaraga mu buryo bukomeye, maze ndushaho kwamamaza kandi ndushaho kuzirikana buri jambo ku rindi yatubwiye, bityo nzirikana ku icyo yasezeranye kandi yadusezeranyije gisohoye.

Uruhare rwanjye ndarukomeza kandi nkatariza mu cyiza uko yakimbwiye, kandi yakintoje; namamaza ibyiza bye nshize amanga, nta kinkoma imbere; bityo ndushaho kuba mu ruhande no mu nzira anyifuzamo ubuzima bwanjye bwose.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yezu Kristu mu buzima bwanjye yambereye iruhuko, ikiramiro gikomeye kandi ambera byose kuko ari we mahoro yanjye mu buryo busendereye kandi busesuye.

Mu izuka rye rero nahambariye imbaraga kandi mpambarira ubutwari n'ishyaka, mpomorerwa ibikomere mu buryo bw'agatangaza, kandi mpahererwa ububasha n'ubutwari, kugira ngo mbashe gukomera kandi mbashe kwamamaza ubutumwa yari yanzigamiye, kandi yanteguriye tukiri kumwe.

Yezu Kristu yambereye iruhuko mu buryo bw'izuka rye, kuko mu bwigunge, mu gahinda n'ishavu yahasimbuje ibyishimo; bityo tugasabagizwa nabyo, bityo natwe tukarushaho kumubera abahamya mu bantu, tukavuga ibye dushize amanga, kuko byinshi yari yarabitubwiye, kandi twari tubihagazeho tubi neza.

Nta na kimwe rero twongeye gushidikanyaho mu byo yari yari yavuze, kuko byose twari tubitegereje nk'amasezerano agiye kugenda yiyuzuzza kandi yigaragaza.

Ibyo rero tubikesha imbaraga z'izuka rye, kuko yatuzuye natwe mu bitekerezo byacu, mu migambi yacu, kuko twari dufite aho twageze, kandi twari dufite ibyo dutekereza; bityo akatuvugurura kandi akatwambika imbaraga kuko hari byinshi yahinduye mu buzima bwacu,



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kandi hari byinshi yakoze mu buzima bwacu, maze mu izuka buri wese amuha igeno rye rimukwiriye, rihwanye n'ubutumwa bwe, kugira ngo abashe gukataza mu ntambwe no mu ntera, ashaka ko amugezamo, kandi ashaka kugendamo.

Urupfu rwa Yezu Kristu rwatubereye nka batisimu nshya mu buzima bwacu, kuko niyumvisemo kwivugurura no kwambara imbaraga mu buryo budasanzwe, kandi mpahererwa imbaraga ntashidikanyaho, kandi imbaraga umwanzi cyangwa ababisha banjye badashobora kuvogera uko biboneye.

Byambereye rero itara rikomeye kandi bimbera ikiramiro mu buryo bw'agatangaza, kuko nakiriye ibyiza bye, nkabisingira kandi nkabikomeza, nta kujijinganya, nta na kimwe nteye inyuma, nta na kimwe nteye umugongo, ahubwo byose nkabyakira mu rukundo rwe uko yabigenyeye, kandi yabiteguriye.

Buri kiremwa cyose cyo cyo mu isi uko twari bake mu ntumwa ze, twumvaga dusumbya imbaraga, ububasha n'ubushobozi ababisha bacu cyangwa abanyamaboko bose bo mu Isi, ku bw'ishema n'imbaraga twari twambitswe, twavomye mu rupfu rwa Yezu Kristu, maze mu izuka rye akadusendereza izo mbaraga.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yezu Kristu rero mu izuka rye yaduhaye byose kuko yadupfiriye kandi agapfira bose, ariko cyane cyane twebwe nk'intore, nk'intumwa ze, tukaba dufite byinshi twazigamiwe mu rupfu rwe, twaherewe mu izuka rye, mu buryo bw'agatangaza.

Si twe ubwacu twiyumvaga, kuko twumvaga tubereyeho we, mu kwirekura no kwitanga, muri we ntacyo twikanga, kugira ngo turusheho gusa na we, kandi turusheho kugaragaza ubutwari n'ishyaka dufitiye ingoma ye mu Isi, nta kujijinganya kandi dushize amanga.

Twakomeje rero injyana y'ubutumwa, intera ku ntera kandi intambwe ku yindi, tuzirikana buri gikorwa cyose yatugararije, kandi buri jambo ryose yatubwiye, ko tugomba kugendana na ryo, kandi tugomba kurizirikanaho, kuko ntacyo yadusezeranyije twumvaga kigomba guhera, byose twari twiteguye kubyakira, kandi twiteguye kugendera mu nzira ze uko yabigennye kandi yabiteguye.

Twakiranye rero izuka rya Yezu Kristu igishyika n'ubutwari n'ishyaka, kuko kenshi twahoranaga intege nkeya, ariko icyo gihe duhabwa imbaraga, bityo twamamaza ibyiza bye dushize amanga.

Twakiriye imbaraga mu buryo budasanze, kuko yadusesekajeho imbaraga tutakekaga kandi



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

aradukangura, araduhumura, aratwuhagira kandi aradukarabya, maze duhinduka bashya, tuba abahamya b'ibye dushize amanga.

Yezu Kristu rero izuka rye ryatubereye umukiro uzaniwe Isi yose ndetse natwe ubwacu, ku buryo kugendana na we no kugendera mu nzira ze, ntacyo twikangaga, ahubwo iteka ryose twumvaga guhamana na we no kugenda na we, n'ubwo tutamubonaga imbonankubone nk'uko byari bisanzwe, ariko twahawe imbaraga mu buryo budasanzwe, maze twamamaza izina rye kandi twamamaza izuka rye dushize amanga.

Yezu Kristu rero urupfu rwe rwabaye umusemburo w'icyiza muri twebwe, kuko yatuzaniye imbaraga kandi akadusendereza ibyo twari dukeneye byose, kuko yabaye nk'uhiritse urukuta rwadutandukanyaga n'ibyiza bye, kandi abohora iminyururu yose y'umwanzi, mu buryo bw'agatangaza, ibyatuzigaga mu mayira abikura mu nzira, maze dutambuka twemaraye, dushize amanga twamamaza ibyiza bye.

Hari byinshi yasenyaguye mu rupfu rwe, maze mu gutangaza izuka rye arabitugabira, kandi natwe tubasha kubyakira, kuko Yezu Kristu hari byinshi yabohoye, kandi yatazanuye mu mayira twagombaga gucamo, maze mu izuka rye byose tukabishyirwa mu biganza, tukabihabwa,



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

bityo natwe tuba intwari mu kubikoresha kandi tuba intaganzwa, kuko atari twe twari twibereyeho, twari tubayeho mu mbaraga za Yezu Kristu, mu buryo twakoraga dushize amanga kandi mu kugendana na we ntacyo twikanga, kuko twambitswe imbaraga n'ububasha buhindira kure abanzi bacu; bityo tukarushaho gukatariza mu nzira ya Yezu Kristu, ntacyo twikanga kuko twari twambaye imbaraga n'ishema n'ubutwari, tuzirikana Yezu Kristu watsinze ko ari hejuru ya byose, kandi akadutera imbaraga, kandi akatwongerera ishyamba n'ubutwari, mu kwamamaza ibyiza bye.

Izuka rya Yezu Kristu rero ryatubereye agatangaza, kandi ryatubereye nka kado nziza mu buryo budasanzwe, umuntu atabasha kwiyumvisha.

Yatsinze urupfu mu buzima bwacu, atangaza izuka, maze duhererwa imbaraga n'umukiro usendereye mu buryo budakama kandi budasubira inyuma.

Nahore asingizwa ibihe byose, kuko yatuzaniye agakiza n'umukiro usendereye, Isi yari yaratunyaze kandi itagombaga kuduha, kuko iteka ryose yifuzaga kudukandagira, kandi no kutugenda hejuru, maze Yezu Kristu abohora bese, kandi atangariza bese izuka kugira ngo bigenge mu rukundo, ndetse bigenge nk'abana b'Imana, nta kibakanga kandi nta kibasubiza inyuma;



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

maze natwe kumwamamaza bitubera ishema kandi tubikorana ishyaka n'ubutwari butangaje, tutakuye mu bubabasha bwacu, ahubwo dukesha izuka rya Yezu Kristu.

Yezu Kristu rero yatubereye byose kuko ari we dukesha byose, kandi akaba yaraduhaye byose mu izuka rye, bityo tukuzura umunezero, umudabagiro wo kumuhamya, no kumwamamaza hose, ko ari muzima.

Ibyo bikorwa rero twakoze, twabikoze mu izina rye, kandi tukabikora tubikisheje imbaraga yabibye muri twebwe, kuko yatubereye byose kandi akatubera itara; urumuri rutuyobora, mu buzima bwacu bwose, mu gutamurura umwijima imbere yacu, maze tukagenda mu rumuri rwe, akaba ari narwo dutsindiramo abanzi bacu, akaba ari narwo dukomezamo injyana y'icyifuzo cyose yifuzaga kuri buri wese, kuko nta wifuzaga kugendera mu gushaka kwe, ahubwo buri wese yari ayobowe na we, kandi aho buri wese Yezu Kristu amwifuzaga, amuhamagarira akaba ari ho aca.

Yezu Kristu rero yatubereye inkingi mu izuka rye ikomeye, kuko yatwubatse kandi akaturema bundi bushya, mu kutwambika imbaraga, mu buryo butangaje kandi mu kutwiyereka mu buryo bukomeye, akatwiyereka aduha imbaraga, bitambutse imikoranire ye ya mbere natwe.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yezu Kristu rero akaba yarabaye rwa rubuto rwashyizwe mu gitaka rugahuguta, rukabyara izindi, akaba yaratubyaraye byinshi byiza, byaduteye imbaraga kandi byaduteye ishyaka ryo gukomera no gukomeza gukataza, mu by'ingoma y'Ijuru dushize amanga.

Mu izuka rya Yezu Kristu twambitswe imbaraga mu buryo budasanzwe, kuko ari ho hari igeno ryacu, mu ntangiriro nyir'izina y'ubutumwa mu buryo budasanzwe, akatubohora, kandi akatwambika, akadusendereza, akaduha buri wese icyo agomba, akeneye mu rugendo rw'ubutumwa bwe, kugira ngo kimufashe kandi kimushyigikire, maze natwe tuba intaganzwa ku rugamba, turushaho kumwamamaza dushize amanga kandi tugendeye mu nzira ze z'ugushaka kwe, ubuzima bwacu bwose.

Yaradushyigikiye mu mbaraga ze, aradukomeza turaganza, kandi turushaho gukatariza mu nzira y'ukwemera n'ukwizera n'urukundo, kugira ngo tumubere abahamya b'ukuri, maze ibyiza yatuzaniye kandi yaduhaye, tubibyaze umusaruro kugira ngo ingoma ye yogere hose, mu gutangaza urupfu n'izuka rye, tubyamamaza mu Isi yose ntacyo twikanga, kandi dushize amanga.





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ni igikorwa rero gikomeye Yezu Kristu yagaragaje mu buzima bwacu, cyo kutwambika imbaraga mu buryo bw'agatangaza, kugira ngo ibikorwa bye, ijambo rye ridapfa ubusa, aturemamo imbaraga kandi aduhagurutsamo imbaraga mu buryo butangaje, kugira ngo twamamaze izina rye dushize amanga, maze ahora iteka atwuhira kandi atuvomerera mu buryo butangaje.

Ntacyo rero twamuburanye, kandi ntacyo twigeze dukena turi kumwe, kuko byose yabidufunguriye, kandi natwe tukakira, bityo tugakora umurimo we hakiri kare, kandi tugakora buri wese icyo agomba gukora, muri uko kwakira ibyiza bye yatugeneye, yadutangarije kandi yatugabiye, mu izuka rye ry'agatangaza.

Akaba rero ari we mukiro wacu, kandi ari we mukiro wa buri kiremwa muntu uri ku Isi, ko kumwizera, kumwiringira no kumwubakaho, ari iby'akarusho kandi ari iby'ingenzi, agaciro gakomeye kandi akaba itubereye byose ubuzima bwacu bwose.

Mbifurije gukomeza kugubwa neza muri we, kuganza mu rukundo rwe ubuziraherezo kuko ari we soko idakama y'urukundo, kugira ngo ahore avomerera roho zanyu, abagabire kandi abambike imbaraga, mubashe kurwana urugamba inkundura, kuko ari we Rubasha mu byo Mwene Muntu we atabasha kugeraho no gushobora,



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

akaba abishoboza abe mu gihe gikwiriye kandi kiri ngombwa.

Amahoro, amahoro!

Mbifurije urugendo rwiza kuri buri wese, n'umusabano udasanzwe muri Yezu Kristu kuko ari we soko idudubiza y'impuhwe, kandi isoko idakama y'urukundo, y'ububasha n'ubutwari n'ubushobozi, kugira ngo akomeze kwambika imbaraga abamwizera kandi bamwiringira, kuko batazigera bakorwa n'isoni, abubatse kuri Nyagasani Yezu, Rutare rudasenywa n'imiyaga.

**MBIFURIJE IBIHE BYIZA! NDI MUTAGATIFU YAKOBO.  
AMAHORO, AMAHORO!**



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

4. BIKIRA MARIYA

**UBUTUMWA BWA BIKIRA MARIYA, *TARIKI 06 MATA 2023.***

Uko twakiriye inkuru y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, twaryakiranye ibyishimo kandi turyakirana ubwuzu bukomeye, cyane cyane kuko twari twicaye dutegereje umunsi, kandi dutegereje isaha, ariko kandi tukaba twari dufite ibanga rikomeye, yari yarasize atubwiye.

Niyo mpamvu rero tutigeze duteshuka cyangwa tujye kure ye, y'uruhanga rwe, ndetse n'urukundo yadukunze, twemera kandi tudashidikanya izuka rye ndetse n'ubucunguzi bwe, mu Isi no mu kiremwa muntu, kuko njye nari mfite ibanga rikomeye, kandi nari narahishuriwe na we, nkahishurirwa na Data, kandi nanjye nkaba mfite ibimenyetso ndetse n'ibitangaza, iteka n'iteka yahoraga anyereka, kandi yahoraga angaragariza.

Urupfu rwe rero rwabaye urupfu rukomeye kandi urupfu rw'agatangaza, ariko kandi runtera ubutwari, ndetse no kurushaho gusobanukirwa ubumana bwe, ndetse n'ububasha bwe mu Isi, ndetse no mu kiremwa muntu.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yezu Kristu, Umucunguzi, Umukiza w'ibiremwa byose, uko twari twarabanye, kandi twagendanye mu bikomeye ndetse no mu byoroheje, igihe yakubitwaga, kandi igihe yasuzugurwaga, igihe yikorezwaga umusaraba, bikagera n'aho awubambwaho akawupfiraho, yagaragaje ububasha bwe kandi akagaragaza urukundo rwe rukomeye ; bityo akagaragaza ko agiye guhambura kandi agiye kugaragaza umutsindo we, cyane cyane mu kuzitura abo umwanzi yari yaraboheye ikuzimu.

Niyo mpamvu rero iteka nahoraga mfite icyizere kandi ngahora ntegereje umunsi, kandi ngahora ntegereje izuka rye, kuko nari nzi neza ko urukundo rwe n'impuhwe ze, ndetse n'umutsindo yashakaga kugaragaza, atagombaga guhera ikuzimu nk'abandi bose, ahubwo urupfu rwe rwari rufite icyo rushushanya, mu kiremwa muntu, kandi rukaba rufite n'icyo rushushanya, cyane cyane ku mwanzi wari ukomeje kubohaboha kiremwa muntu, ndetse no kwigabiza Isi muri rusange.

Yezu Kristu rero mu kuzuka kwe, yagaragaje urukundo rwe, kandi agaragaza ububasha bwe, mu kwiyerekana kandi mu kwishushanya n'ikiremwa muntu, cyane cyane atwereka urukundo yadukunze, ko atari adusize, ahubwo yashakaga kutuzura kandi adukura mu rupfu, kugira ngo agaragaze umutsindo we, kandi agaragaze ko ari Umwami w'ibiremwa byose, ibiboneka ndetse n'ibitaboneka.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Byampaye imbaraga zikomeye nk'umubyeyi we, wari umaze kubura umwana, kandi umwana w'ikinege yakundaga, bityo rero izuka rye rintera ubutwari, kandi rimpa gukomera ndetse no guhumurizwa.

Yezu Kristu wemeye kuzuka mu bapfuye, nakomeze azukire mu mitima ya benshi kandi akomeze agaragaze ububasha bwe, mu bamuzi ndetse n'abatamuzi, abatari bamusobanukirwa ndetse n'abatari bamenya ubumana bwe.

Yagaragaje ikuzo rye kandi agaragaza ubumana bwe, agaragaza ko ari umurwanyi ukomeye, kandi umurwanyi wemeye kurwanirira imbaga yose, akemera kuyitangira amena amaraso ye, kandi yemera kugabiza umubiri we abishi, akemera kwitanga ubutibabarira, kugira ngo azukane ndetse ahambure abari bamaze kwigabizwa n'umwanzi.

Izuka rye rero ryatubereye urugero rukomeye, kandi ritubera inyigisho ikomeye, cyane cyane kuri nyewe wagendanye nawe, kandi nkakomezanya nawe, nkareba uburyo yapfuye, kandi nkareba uburyo yitanze ubutibabarira, akemera kuvishwa amaraso, kandi nari nzi neza ko ashoboye byose, ari Umwami wari uzi kandi ufite ububasha bwo kwirwanirira.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ubwo twakiriye rero inkuru ye y'izuka, byabaye agatangaza kandi biba ibirori mu Isi ndetse no mu Ijuru, kuko yahise agaragaza ububasha mu buryo bukomeye, kandi urumuri rwe rugatangaza kuri buri kiremwa cyose mu Isi.

Isi ubwo yari imaze kugarizwa n'umwijima kandi yugarijwe n'icuraburindi, hagaragaye izuba ribengerana, kandi hagaragara umucyo w'agatangaza, bityo rero ntibyatuma tujya kure cyangwa ngo dushidikanye, kuko twari tuzi neza icyo yadusezeranyije kandi icyo yari yaratubwiye.

Nari mbitse amabanga menshi ye, cyane cyane kuko nari mfite ibanga rikomeye ry'urupfu rwe, ndetse n'izuka rye; bityo rero amaze gutanga ntabwo nagiyeye kure intumwa ze ndetse n'abigishwa be, naranzwe no kubabungabunga, ndetse no kubahuriza hamwe, kugira ngo mbakomezemo ukwemera, kandi mbakomezemo icyizere, kuko nari ntegereje kandi nizeye izuka ry'umwana wanjye.

Niyi mpamvu rero izuka rye ryatumye mpabwa icyubahiro, kandi mpabwa agaciro gakomeye mu kiremwa, kuko icyo nari nababwiye kandi nari nicaye nizeye cyabaye icy'agatangaza kandi kigaragarira buri wese.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Izuka rye rero kandi izuka ry'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, ryabohoye imbaga itabarika y'abari ku Isi, abapfuye ndetse n'abazima, bityo rero bituma natwe duhamburwa ku ngoyi y'urupfu, kandi bituma natwe duhamburwa ku ngoyi y'umwanzi.

Urupfu rwe n'izuka rye ryabaye iripfundura amapfundo, cyane cyane abo umwanzi yari akomeje kubohaboha, kandi abo umwanzi yari yarisasiye akiyorosa; bityo rero urupfu arwambura imfunguzo, kandi urupfu arwambura ububasha, cyane cyane kuko yari amaze kurwana urugamba rukomeye na Lusiferi ikuzimu, akayihambirizayo kandi akayambura ububasha yari ifite ku kiremwa muntu.

Mu kumara kwakira rero iyo nkuru nziza, twari tumaze kugezwaho n'umumalayika, kandi n'uwari ushinzwe kurinda iyo mva, byabaye iby'agatangaza kandi bidutera umunezero n'ibyishimo, twiyumvamo imbaraga mu buryo budasanzwe, ndetse n'ububasha mu buryo budasanzwe; bityo intumwa zihaguruka zijya kureba, kandi zihaguruka zisiganwa, cyane cyane mu kogeza iyo nkuru nziza yari imaze kubagezwaho, kandi twari tumaze gushyikirizwa.

Mbega ibyishimo bitavugwa byaturanze kandi byadusaze umutima, mu kumva ndetse no kugezwaho urwo rukundo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ndetse no kugezwaho ubwo bubasha butavugwa, kuko inkuru nziza y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, ryasimbagije imitima yacu kandi risimbagiza imitima ya benshi bari mu Isi, kuko humvikanye umuririmo mu buryo budasanze, mu kiremwa muntu, aho kiva kikagera, kandi humvikana ububasha ndetse n'urumuri rudasanze, rwahise rwigaragariza mu Isi hose.

Habayeho rero gutamururwa, kandi habaho kwigizwayo umwijima wari umaze kubundikira Isi, kandi agahinda n'ishavu byari bimaze kudusaba, ndetse bimaze kuturenga, byahise byirukanwa kandi bihita bigizwayo, bityo ahari agahinda n'intimba n'ishavu, hasimburwa n'ibyishimo bikomeye n'umunezero utavugwa.

Twitereye hejuru, turatarama, turasingiza, turangwa no kurangurura tuvuga Aleluya, kuko uwo twari dutegereje kandi uwo twari twizeye, yari yongeye kutugarukira kandi yongeye kutwiyereka nk'Umwami, nk'Umucunguzi wacu.

Nahabwe ikuzo kandi nahabwe icyubahiro, nakomerwe amashyi kandi yakirwe mu mitima ya bose, kuko akwiriye icyubahiro mu bo yatoye, kandi mu bo yemeye kwitangira, akabamenera amaraso.

Izuka rye rero ryahise ryigaragariza muri kiremwa cyose gituye Isi, kuri buri kinyabuzima cyose kiri mu Isi, kuko





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

atihishiriye, ahubwo yahise yigaragaza hirya no hino, mu biremwa byose, mu bamuzi ndetse n'abatamuzi, bityo abenshi bakurizaho guhinduka, kandi bakurizaho kwemera Imana, kandi no kwemera umwana wayo Yezu Kristu wari umaze kwizura mu bapfuye, kandi amaze kugaragaza ububasha bwe.

Byaduteye rero umunezero kandi bidutera ukwemera, bidutera kurushaho gukataza ndetse no kumukurikira, cyane cyane no kurushaho kunezerwa, kuko nari mfite inyota kandi nari mfite igishyika, cyane cyane icyo nabonaga mu ntumwa, zari zaramukurikiye, kandi zari zaramuyobotse, bityo rero isengesho ryanjye rigahora ribariho, kugira ngo hatabaho abacika intege, cyangwa bakumva ko batari barakurikiye Imana, Umuremyi wa byose.

Ariko kandi kuko nari mfite icyizere gikomeye, ndetse n'isezerano nari naragiranye n'Umucunguzi kandi Umwami wanjye, nahoraga ntegereje kandi nateganyirijwe kwakira ububasha bw'Uhoraho, kandi nateganyirizwa kwakira ububasha bw'Umusumba byose.

Ku bw'iryo sezerano rero niyo mpamvu ntigeze njya kure intumwa cyangwa ngo nzitererane, ahubwo ndangwa no kuzigisha, kuzitoza, no kuguma mu rukundo rw'Imana, no



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

gutegereza bizeye, kandi bazi neza ko uwo bategereje ari Umwami, Umucunguzi w'ubuzima bwabo.

Niyo mpamvu rero nabo bakomeje kwiremamo agatima, kandi bagahora bamwizeye kuko bari baragendanye kandi barasangiye, barabanye yarakoranye imirimo ndetse n'ibitangaza imbere yabo; nabo rero ntabwo baranzwe no gutungurwa cyangwa ngo barangwe no gushidikanya, ahubwo baranzwe no kwishima ndetse no kunezerwa, kuko isezerano bari barabwiwe, kandi umugambi bari baragejeweho, wari wuzuye kandi wari ushyizwe mu bikorwa.

Niyo mpamvu rero izuka kandi inkuru nziza twakiranye izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu ryabaye iryo kurushaho kutwunga hamwe na we kandi riba iryo kurushaho gusabanisha ibiremwa byose mu isi, ndetse no gutanga urumuri hirya no hino mu Isi, ku bari bagikomeje kubundikirwa n'umwanzi, ndetse n'abari bagikomeje kohoka ku kibi, ndetse no kurushaho kwijandika mu cyaha.

Nakomeze rero abe Umwami n'Umucunguzi w'ibiremwa byose, kandi akomeze yubahwe, ahabwe icyubahiro, ndetse ahabwe ibisigo bimurata kandi bimusingiza ibihe byose, kuko ari Umwami w'Ijuru n'Isi, kandi akaba Umwami wizuye mu bapfuye.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Mbifurije umunsi mwiza, kugubwa neza no gutekana, kurushaho kwakira Umucunguzi nk'Umwami, Umugenga w'ubuzima bwa buri wese, ndetse no kurushaho kumutuza mu buzima bwa buri munsi, kugira ngo yisanzurire muri buri kiremwa cyose, kandi akibere Umwami, kandi akiberere Umutegetsi, Umugenga ndetse n'Umwigisha w'ubuzima bwa buri wese.

AMAHORO, AMAHORO! NDABAKUNDA CYANE. NDI MARIYA, NYINA W'IMANA, UMWAMIKAZI W'IJURU N'ISI.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

## 5. MUTAGATIFU YOHANI

### **UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU YOHANI, *TARIKI 06* *MATA 2023.***

Mbega ibyishimyo byansabye mu kwakira inkuru nziza y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu, igihe nari maze kugezwaho ko yizuye mu bapfuye.

Nahagurukanye igishyika, kandi mpagurukana umwete n'imbaraga zidasanzwe, kugira ngo njye kureba kandi nirebere n'amaso yanjye.

Nihuse cyane mfite inyota kandi mfite ibyishimo n'ibinezaneza, bityo koko icyo nari maze kugezwaho, nsanga inkuru ari impamo.

Nabyakiranye ibyishimo kandi mbyakirana urukundo rutagereranywa, Yezu Kristu cyane cyane yari yarangaragarije kandi yari yaransenderejemo.

Yabaye rero intangarugero kandi aba uwitanze, kandi yemera kwitangira buri kiremwa cyose kugira ngo tubashe gutambuka; twakiranye rero ibyishimo bikomeye kandi tumwakirana amashyi n'impundu, mu kumusanganira twishimye, kandi nawe adusanganiza



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ibyishimo bye by'izuka; bityo rero twese duhuza urugwiro kandi duhuza urukundo, duhuza ubusabane kandi duhuza umutima umwe wo gukomeza kuzirikana, ndetse no kwiyumvisha agaciro kiremwa muntu yari afite.

Yezu Kristu wari kurwana urugamba rukomeye, aho yari amaze guhambura ndetse no kwigizayo ibitero by'umwanzi byari bikomeje kwibasira Mwene Muntu, yemeye kutwambika imbaraga kandi yemera kongera kwisanisha natwe; bityo rero urukundo namukundaga kandi urukundo yankundaga, akaba ari na rwo akunda twese ikiremwa muntu cyari gituye Isi, yahise arugaragariza mu kiremwa muntu aho kiva kikagera, mu izuka rye; bityo arushaho kugaragaza urumuri rwe, kandi arushaho kugaragaza ububasha bwe mu buryo budasanzwe.

Byabaye ibirori mu Isi ndetse no mu Ijuru, cyane cyane twebwe twari twicaye dutegereje kandi tuzirikana ko atazapfa buheriheri, kandi atazaheheranwa n'urupfu, bityo rero mu kugezwaho iyo nkuru nziza, no kumara kutwiyereka, byatubereye iby'agaciro gakomeye, kandi bitubera impamvu yo kurushaho kumukurikira, ndetse no kurushaho kumwirundurira wese.

Byanteye imbaraga kandi twese uko twari dukoranye, bidutera igishyika kandi bidutera ubutwari bwo



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kurushaho kwemera kumwitangira ndetse no kumukurikira, yaba mu bikomeye ndetse n'ibyoroheje; bityo tumwirundurira wese, kandi tumuha ubuzima bwacu bwose kurushaho.

Ntabwo kiremwa muntu yakwiyumvisha uko ibyishimo byari byadusabye, ndetse n'umunezero, imbaraga ndetse no kugurutswe hejuru, kuko twahise twambara imbaraga mu buryo budasanzwe; bityo twumva atari twebwe twibereyeho, ahubwo twumva ko ubuzima bwacu ntacyo bukivuze, ndetse n'imibereho yacu ntacyo ikivuze, usibye kumwubaha, kumukunda, ndetse no kumukurikira, tukemera kumwiha wese nta na kimwe tumubangikanyije na we.

Niyo mpamvu rero uko twakiriye inkuru y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, ryakagombye kuba kuri buri kiremwa cyose, bityo na buri wese akabasha kwiyumvisha urukundo yakunzwe, kandi na buri wese akabasha kwakira iyo nkuru nziza; bityo ikarema bundi bushya ubuzima bwa Mwene Muntu.

Natwe rero twahise duhindurwa ukundi, kandi duhindurwa bashya muri we, kuko twakiriye urumuri mu buryo budasanzwe, kandi tukakira ububasha mu buryo budasanzwe; bityo tugahabwa imbaraga zo kumwamamaza, ndetse no kumuvuga ibigwi, ibyo twari



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

tuzi ndetse n'ibyo tutari twakabashije gusobanukirwa; izuka rye rero rigatuma dusobanukirwa buri kimwe cyose, ndetse dusobanukirwa n'ibyo yatubwiraga ntitubashe kubisobanukirwa, akiri mu buzima busanzwe.

Urupfu rwe rero n'izuka rye ryabaye iripfundura amapfundo, kandi ripfundura imiyoboro idasanzwe muri twebwe, kuko ari bwo twahise dupfundurirwa igitabo kandi tugapfundurirwa agaseke kari kagipfundikiye, kuko ibyinshi yakoraga tukiri kumwe na we, hari ibyo tutabashaga gusobanukirwa, ndetse n'ibyo tutabashaga kugeraho, bitewe n'imyumvire yacu, ndetse n'aho twagezaga ibitekerezo byacu.

Izuka rye rero ryabaye iry'agatangaza kandi riduhumura amaso mu buryo bukomeye, riduhumura n'ubwenge ndetse n'ibitekerezo; bityo twemera kurushaho kumurikira, ndetse no kwandika, no kuvuga ibigwi bye, ndetse n'urukundo yakunze Mwene Muntu.

Hari benshi rero mu Isi bagikomeje kumwitiranya, kandi bagikomeje no kumva ko ibyo tuvuga, ndetse n'ibyo tugaragaza ari amagambo cyangwa amarangamutima, ariko kandi akaba atari amarangamutima yacu, ahubwo ari ibyo twiboneye n'amaso yacu, kandi tukabyibonera n'ibitekerezo byacu, n'ubwenge bwacu bwose.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ntabwo rero ari ibyo twabwiwe nta n'ubwo ari ibyo twagejewe, ahubwo ibyo mvuga n'ibyo mbabwira ni ibyambereye imbere, kandi ni ibyambereye iby'agatangaza nk'umuntu, cyane cyane mu kumva ndetse no kugezwaho inkuru nziza y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu.

Yezu Kristu rero yizuye mu bapfuye, azukana ububasha kandi azukana ikuzo, azuka yisesuyeho ubwami bukomeye, bityo agaragaza umutsindo we mu Ijuru ndetse no muni, kandi agaragaza ugutsinda kwe.

Ububasha bwe rero ntabwo yabugararije buri kiremwa kimwe cyangwa uyu n'uyu, ahubwo yabugararije buri kiremwa cyose gituye Isi, kuko nta n'umwe atari yitangiye, kandi nta n'umwe atari yameneye amaraso.

Yezu Kristu rero natubere urugero kandi nabere urugero buri wese, yumve ko yahambuwe ku rupfu kandi yumve ko yemeye kwitangirwa kugira ngo Mwene Muntu abashe kuronka umukiro.

Yezu Kristu rero wemeye gupfa, akazuka mu bapfuye, yatsi urupfu kandi uko yatsinze urupfu niko yarutsindiye buri wese, kandi niko yamugararije urukundo, cyane cyane mu kumuhambura ku ngoyi ya Nyakibi, ndetse no kumuhambura ku ngoyi ya Sekibi, aho Sekibi yari amaze kwikururira Mwene Muntu ndetse no kumubohoha,





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

amaze kumugira igikoresho, kandi amaze kumuzikamisha ikuzimu.

Yezu Kristu rero yizuye mu bapfuye agaragaza ububasha bwe, bityo yambura imfunguzo kandi yambura agaciro, aho umwanzi yari yarakihaye, ndetse n'abo umwanzi yari yarahaye ububasha bwo gukomeza kudurumbanya kiremwa muntu, ndetse no kudurumbanya ibyari biri ku Isi byose.

Uko rero twakiriye inkuru y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, twaryakiranye ibyishimo, umunezero ndetse no kumva dushyigikiwe, kandi no kumva ko twakurikiye ufite ubwami kandi ufite imbaraga ku Ijuru ndetse no ku Isi.

Yahise rero atwambika imbaraga kandi atwambika ububasha bwe, bityo ubumana bwe arabudusiga, kandi ububasha bwe abudusesuraho mu buryo bukomeye, bityo tubasha guhabwa imbaraga, kandi tubasha guhabwa ukutavogerwa n'ibibonetse byose, ndetse cyane cyane abari bakomeje gupfobya, ndetse n'abari bamaze kwiyumvisha ko apfuye buheriheri, kandi atazongera kugaragara, ko umwanzi yatsinze kandi ko kandi Sekibi yatsinze, yahise itamazwa kandi n'abari bayiyobotse, n'abari bayikurikiye nabo baratamazwa,



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kuko ibyo bari bamaze kwiringira ndetse n'ibyo bari bamaze kwizera byari bibabereye imfabusa.

Twahise rero twambara imbaraga kandi duhabwa ijambo mu buryo bw'agatangaza, kuko Yezu Kristu nka Jambo-Rumuri ari we wahise agaba ijambo muri twebwe, kandi ijambo rye aridushyiramo kugira ngo tuvuge kandi dutangaze izuka rye, hirya no hino mu Isi, ndetse no biremwa byose.

Hari benshi rero batabashaga kwiyumvisha iyo nkuru nziza, kandi batabashije kwakira ndetse bishyiremo urwo rukundo bari bamaze kugaragarizwa.

Ni twebwe rero twabaye aba mbere mu kwamamaza iyo nkuru nziza, kandi tuba abahamya bo kubigaragaza, kuko yari amaze kutwiyereka kandi amaze no kutwereka ububasha bwe mu buryo bw'agatangaza, kuko twari twaragendanye kandi twarakoranye byinshi; bityo rero urukundo yatugaragarije rwabaye urw'agatangaza, bityo natwe bidutera umwete, ndetse bidutera igishyika cyo kumurikira ubudasubira inyuma.

Mbega umudabagiro twamukurikiranye ! Mbega umunezero twari dufite muri ako kanya ! Ibirori byabaye byose, bityo benshi batangazwa n'ibibaye, kandi abandi bayoberwa icyari kitubayeho, kuko benshi bari bagitwikiriwe n'umwijima, kandi abandi bagitwikiriwe na



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Sekibi; ariko kandi ibyishimo byacu n'umunezero wacu, ndetse no kurangurura tuvuga duterera hejuru, turirimba Aleluya, byatumye benshi bakanguka, n'abari basinziriye barahumuka, ndetse n'abari bakiri mu mwijima urumuri twari tumaze gusenderezwa, kandi twari tumaze kugezwaho, rubatamaho kandi rubasesuraho umwijima; bityo Isi yose ibasha kwakira urumuri, kandi isi yose ibasha kwakira Yezu Kristu, nka Jambo-Rumuri wari umaze kwigaragaza, kandi kuzukana ishema ndetse n'isheja, mu bamuzi ndetse n'abatari bakamumenye.

Kuri njye rero byabaye umunsi utarigeze wibagirana mu buzima bwanjye, kandi utarigeze usibangana mu mateka, kuko wari umunsi ukomeye, aho nari nabuze inshuti kandi umuvandimwe wanjye, nakundaga kandi nari narihebeye, ariko kandi nkaba nari nongeye gusubwizwamo icyezere, kandi twongeye guhura, amaso ku maso.

Byari ibirori rero bikomeye, kandi byari nk'igishyito gicanye mu mutima wanjye, kuko numvaga umutima wanjye uriguterera mu we, kandi nkumva ibinezaneza birushaho kwiyongera; bityo mu kumureba no kumurangamira, nkumva namumira bunguri, kandi nkumva namurigitiramo wese, bitewe ko numvaga muri njye atakongera kuncika, cyangwa ngo yongere ajye kure yanjye.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ariko kandi kubera urukundo namukundaga, byatumye ndushaho kumuba hafi, kandi no kurushaho kugendana na we; bityo rero mu kugenda kwe ndetse no mu kuzuka kwe byambereye iby'agatangaza, kuko nanjye nari ntegereje kandi nzi neza ko urupfu rutazamuherana, kandi ko yari yarabitubwiye mu marenga, n'ubwo hatabayeho kuzirikana, ngo buri wese abishyire ku mutima, ariko kandi mu izuka rye twahise tubyibuka, kandi duhita tubizirikana, bityo rero ntabwo byigeze bidutera gushidikanya, cyangwa no kubyibazaho byinshi, ahubwo twahise twumva ko isezerano rishyizwe mu bikorwa, kandi ko icyo yasezeranye agisohozwa.

Yezu Kristu Umucunguzi kandi Umwami w'ibiremwa byose, nakomeze yogeze inkuru nziza mu bamwemera, ndetse n'abatamwemera, bityo inkuru ye itame, kandi irusheho guhumurira bose na hose, kuko yizuye mu bapfuye kandi akagaragaza umutsindo we.

Ububasha bwe rero nibukomeze bunyeganyeze ibitero byose by'umwanzi, kandi izuka rye rirusheho gufungura amarembo ya benshi, kandi rirusheho kwigaragariza muri benshi.

Yizuye mu bapfuye rero agaragaza umutsindo we, kandi agaragaza ububasha bwe, bityo mu kwakira iyo nkuru nziza, bidutera kuba abahamya bakomeye kandi bidutera



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kurushaho no kwamamaza ijambo rye hirya no hino, mu barizi ndetse n'abatarizi.

Byaduteye rero ukwemera gushinze imizi, ku buryo ibyashoboraga kuza ibyo ari byo byose, ndetse n'ibyashoboraga guturuka hirya no hino, bitwemeza iki na kiriya, cyangwa bitwemeza ko Yezu atazutse, ntabwo byari gushobora kutunyeganyeza cyangwa ngo bidukure mu byimbo.

Izuka rero rya Yezu ryatubereye iry'agatangaza, kandi ritubera urugero rwo kurushaho kumukurikira, kumwumvira, kumwubaha, ndetse no kumva icyo atubwira buri kimwe cyose, kuko ijambo rye ridahera kandi ijambo rye ryigaragaza, kandi rigashyira mu bikorwa icyo ryavuze.

Niyo mpamvu rero izuka rye kandi n'urukundo rwe rureshya buri wese, kandi rukareshya buri kiremwa cyose.

Niyo mpamvu igihe nk'iki ngiki, uko twakiriye inkuru y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, byatumye duhuza urugwiro kandi bituma turushaho kwiyubaka, ndetse no kuba umwe kurushaho, kuko yarushijeho kubana natwe, kandi arushaho kutwihishurira, ndetse no guhishura byinshi byari bigihishe, ibyo twafataga nk'amarenga kandi ibyo twafataga nk'ibirenze ubwenge bwacu, byahise



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

byishushanya mu bwonko bwacu, kandi bihita byishushanya mu bwenge bwacu, mu buryo budasanzwe kandi mu buryo budasubirwaho.

Nakomeze rero azukire mu mutima wa buri wese, kandi nakomeze ahabwe icyubahiro muri buri kiremwa cyose, kuko akwiriye gusengwa kandi akaba akwiriye ikuzo, akaba akwiriye ishimwe ndetse n'icyubahiro mu bo yatoye, mu bo yahanze, ndetse n'abo yapfiriye bose.

MBIFURIJE AMAHORO Y'IMANA KANDI MBIFURIJE KUGUBWA NEZA. NDI MUTAGATIFU YOHANI INTUMWA. AMAHORO, AMAHORO! NDABAKUNDA CYANE. MBIFURIJE IBIHE BYIZA KANDI MBIFURIJE KUGUBWA NEZA. AMAHORO, AMAHORO!



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

## 6. MUTAGATIFU SALOME

### **UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU SALOME, *TARIKI 06 MATA 2023.***

Uko twakiriye inkuru y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, kuri njye byambereye umunsi ukomeye, kandi umunsi w'amateka, kuko ntabashije guhita numva inkuru nziza nari maze kugezwaho, kandi numva ari ibintu bindenze kandi birenze ubwenge bwanjye.

Byambereye urujijo kandi bimbera igisobanuro gikomeye, cyane cyane ko ntahise niyumvisha izuka rye, ahubwo nabanje gutekereza niba baba batamutwaye, kugira ngo tutabasha kumubona; ariko kandi mu rukundo Imana yadukunze, kandi mu kurushaho kudosobanurira, ndetse no kumanura urumuri rw'imirasire itagereranywa twahise dusenderezwa, niho yahise atwiyereka, kandi atwiyereka mu byishimo bikomeye, ndetse no mu munezero utavugwa.

Twahise turangwa n'ibyishimo kandi turangwa n'umunezero utavugwa, cyane cyane dusimbuka dusabagizwa n'umunezero kandi dusabagizwa n'urukundo yari amaze kutugaragariza.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Twihuse rero cyane cyane mu kubitangaza ndetse no kubigeza ku bandi, bityo rero inkuru ikwira hose, kandi yamamara hirya no hino mu Isi.

Ni igikorwa rero kitari cyoroshye, kandi ni igikorwa kitabashaga kumvishwa na buri wese, cyangwa ngo acyiyumvishe, cyane cyane mu bitekerezo no mu myumvire ya muntu, ahubwo keretse abari babihawe, kandi abari barabihishuriwe.

Twari twuzuye ibinezaneza kandi twuzuye umunezero tutigeze tugira mu buzima bwacu, kuko Yezu Kristu yari yongeye kutwigaragariza kandi yari yongeye kudukagararamo nk'Umwami, Umutegetsu w'Isi n'Ijuru, bityo rero iryo yari yaravuganye natwe, kandi iryo yari yaravuganye n'intumwa, akaba yari arishyize ku magaragaro, kandi yari arishyize mu ngiro.

Yabereye rero urukundo rukomeye benshi, kandi asesekaza urumuri rwe kuri buri kiremwa cyose gituye Isi, kuko imbaraga ze n'imisusire ye yahise abitwuzuzura, bityo twambara isura ye kandi twambara imbaraga ze mu buryo bw'agatangaza.

Nta wabasha rero kubyumva, kandi nta wabasha kubisobanukirwa, atarabibonye cyangwa ngo ahabwe kubimenya, ndetse no kubyumvisha ubwonko, kuko ibyo Uhoraho Imana yadukoreye, kandi ibyo Yezu Kristu





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

yadukoreye, byabaye iby'agatangaza mu maso ya bamwe, cyane cyane mu maso y'abamukerensaga, ndetse no mu maso y'abatari bakabashije kumusobanukirwa.

Twakiriye rero inkuru y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, mu buryo bukomeye kandi mu buryo bwo kurushaho kumwemera, ndetse no kumukunda, kumukurikira ndetse no kwemera kumuhamya muri benshi, mu bamuzi ndetse n'abatamuzi, bityo duhabwa imbaraga zo kurushaho gukwiza urwo rumuri, rwari rumaze kumurikira Isi, kandi rwari rumaze gutangaza hirya no hino ku kiremwa.

Urumuri rwe rero rwahise rwirukana umwijima kandi ab'umwanzi yari amaze kwiboheraho, ndetse n'abo yari amaze kugaragurisha agati; urumuri rwa Kristu Nyagasani wari umaze kwizura, rwahise rubohora abo bose, cyane cyane abari bamaze kuzikwa, kandi abari bamaze kubohwa n'urupfu, bityo ahambura ingoyi z'umwanzi, kandi acagagura iminyururu yari iboshye abana b'Imana.

Kuko rero twari tuzi neza icyo yaramaze mu buzima bwacu, ndetse no mu buzima bwa kiremwa muntu, byatumye turushaho kwisanisha na we, kandi turushaho kumwumva, ndetse no kumwumvira, kugendana na we, ndetse no kumukurikira mu ngendo ze zose, cyane cyane



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kuko ibyo yari yaratubwiye, kandi ibyo yari yaradusezeranyije, ibyo yari yaragagarije imbere y'intumwa ze, ndetse n'imbere y'abigishwa be, yari amaze kubitangaza, kandi yari amaze kubigaragariza ku mugaragaro, yari yarigishije kandi yari yatanze urugero ko azapfa, ariko kandi kandi nyuma y'iminsi itatu akizura; bityo rero kuko yari amaze kwizura, ntabwo habayeho gushidikanya, no kwibaza ngo tujye kure cyangwa tujye inyuma y'umurongo, ahubwo twahise twakira, twakira iyo nkuru nziza mu mutima wacu, turashyingura kandi turabungabunga, kugira ngo iryo jambo ryiza, kandi iryo jambo ry'umukiro ryari rimaze kutubuganizwamo, kugira ngo umwanzi ataritwambura, cyangwa akadutesha ukwemera, ndetse no gushidikanya.

Yezu Kristu yari amaze kutwiyereka, kandi yari amaze kutwereka ububengerane bwe, ntabwo rero twari kurangwa no gushidikanya cyangwa n'ukwemera guke, kandi twari tumaze kumwibonera, ndetse tumaze kubona uruhanga rwe, ndetse n'ububengerane bwe, n'ubwo tutahise tumusobanukirwa, cyangwa tumumenye wese, ariko kandi ibimenyetso ndetse n'ibikorwa bye, byatumye turushaho kumwiyumvamo, ndetse n'isura ye, n'impumuro ye, n'umubavu we watamaga ububengerane, bituma turushaho gusobanukirwa n'urukundo rwe, ndetse n'icyo yari yaravuganye n'intumwa ze.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ariko kandi kubera ko cyari igikorwa kitoroshye, kandi cyari igikorwa kitari gupfa kwiyumvishwa na buri wese, byabaye ibikomeye, kandi biba ibyo kutagirwaho impaka, ariko kandi ntibyabuze y'uko natwe twari tumaze kubishyikirizwa, kandi twari tumaze kubibwirwa, twahinze umushyitsi, kandi tugira ubwoba bukomeye, cyane cyane mu kwibaza uko byagenze, n'uko yizuye mu bapfuye, akiganzura urupfu.

Twahise tugira amatsiko yo kumubona, ariko kandi nawe atwumva bwangu mu kutwiyereka, bityo rero bituma isura ye n'urukundo rwe birushaho kwishushanya natwe, kandi mu kunezerwa, n'ibinezaneza n'igishyika, ndetse n'ikinyotera, n'igicaniro cy'umuriro wakomeje kugurumana mu mutima wacu, kirushaho kwiyongera kandi kirushaho gususurutsa benshi, cyane cyane abari batuye ku Isi, kuko urukundo rwacu ndetse n'ukwemera kwacu kwatumye benshi mu isi, barushaho nabo kwemera kandi barushaho gusobanukirwa n'izuka ndetse n'inkuru nziza y'Umwami n'Umucunguzi wacu.

Twahise rero twumva tutabyiharerana, ari nako twahise tubigeza ku zindi ntumwa, bityo rero nabo babyakirana ubwuzu, kandi babyakirana igishyika, babyakirana urukundo rukomeye, ariko kandi havamo bamwe bihuta, kugira ngo barebe koko niba ari impamo.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nabo rero mu kwihuta basanze icyo tubabwira ari impamo, kandi icyo tubagezaho ari ukuri kuzima, bityo bibakurizamo gusingiza ndetse no kurata, gukuza ndetse no guhora barangurura mu kanwa kabo, bavuga ibigwi ndetse n'urukundo Imana yakunze ikiremwa muntu.

Aho twari turi rero twari twuzuye agahinda, kandi twuzuye ishavu, ibyo byose byahise bisimburwa n'ibyishimo, bityo bisimburwa n'ibirori, kandi bisimburwa n'umunezero tutazigera duteshukaho, kandi tutazigera twibagirwa, kuko ari bwo yahise atubuganizamo amahoro ye, kandi akatubuganizamo urukundo rwe mu buryo bw'agatangaza, bityo rero adusesuraho ikuzo rye kandi adusesuraho umunezero we.

Izuka rye rero n'uko twakiriye ikuzo rye, ryabaye nk'umurabyo kandi biba nk'amarenga, ariko kandi bigaragarira kiremwa muntu gituye Isi, ariko kandi biba na none incamarenga y'uko natwe tutagomba guheranwa n'urupfu, ahubwo tugomba kuzukana na we, kandi tukazuka mu rukundo rwe, ndetse no mu budahemuka bwe.

Uko twakiriye rero inkuru nziza y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, byatubereye impamba ikomeye, kandi idusindagiza mu rugendo rwacu ku Isi, bityo bitubera n'icyambu kitwambutsa, kandi



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kidukomeza mu kwemera no kurushaho kumurikira, no kumwiyumvisha, ndetse no kumutuza mu buzima bwacu bwa buri muni.

Yezu Kristu, Umukiza, Umucunguzi kandi Umuremyi w'ibiboneka n'ibitaboneka, nakomeze atubere urugero rwiza, kandi nakomeze abere buri kiremwa cyose gituye Isi, kumurangurukira ndetse no kumukengurukira, cyane cyane habaho kuzirikana urupfu rwe ndetse n'izuka rye, bityo koko izuka rye rirusheho kwishushanya na benshi, kandi izuka rye rirusheho kubera urugero benshi bazikamiye mu kibi, ndetse n'abakomeje kuzikamira mu cyaha.

Yezu Kristu yizuye mu bapfuye kugira ngo ahambure ingoyi z'abari baziritse, kandi abohore iminyururu y'abo umwanzi yari akomeje kubohaboha.

Nahabwe rero ikuzo, kandi nahabwe icyubahiro mu mitima y'ibiremwa byose biri ku Isi, bityo iteka n'iteka ahore abisingirizwa kandi ahore abishererwa ikuzo ndetse n'ububasha.

**MBIFURIJE UMUNSI MWIZA, KANDI MBIFURIJE  
KUGUBWA NEZA. NDI MUTAGATIFU SALOME.  
AMAHORO, AMAHORO!**



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

## 7. MUTAGATIFU TOMASI

### **UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU TOMASI, *TARIKI 06 MATA 2023.***

Mu kwakira inkuru y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, byambereye ibikomeye kandi bimbera iby'inshoberamahanga, cyane cyane mu kwibaza aho Yezu Kristu, uko bari bamugenje, ndetse n'ibyo bari bamukoreye byose, uko bari bamutamirije ikamba ry'amahwa, bakamukubita kandi bakamuvumagiza, bakamushinga imigera, kandi bakamubamba ku musaraba, agapfira ku musaraba tukamushyingurana urukundo rwinshi, byanteye ishavu n'agahinda kandi bintera intimba ikomeye; bityo rero mu kwakira izuka rye, byabaye kuri njyewe cyane cyane nibaza kandi nshyingura ku mutima, cyane cyane nzirikana iyo nzira yose yari yacyiyemo, ariko kandi bikantera igishyika, ndetse no kumva nifuzza kumubona n'amaso yanjye.

Ntabwo rero byatinze, nta n'ubwo byabaye ibikereza ubuzima bwanjye, cyangwa ngo bitinde mu bitekerezo byanjye, nahise ngaragarizwa ubwitange kandi ngaragarizwa urukundo, mu kurushaho mu kunyiyereka, ndetse no kunyereka ibikomere bye.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nahise musingirana urukundo rwinshi kandi musingirana igishyika, cyane cyane ko namukundaga, kandi nari mufitiye inyota, nari naramukurikiye, kandi nari mfite umugambi ukomeye wo kumwihambiraho ndetse no kugendana na we, mu byoroshye ndetse no mu bikomeye.

Twakiriye rero iyo nkuru nziza, bityo idutera kunezerwa, kandi idutera kurushaho kumukunda no kurushaho kumurikira, mu byoroshye ndetse no mu bikomeye; twemera kumwihebera wese tumuhereza ubuzima bwacu, kandi tumuhereza imibereho yacu yo mu Isi, ndetse n'ubuzima bwacu, kugira ngo abukoreshe icyo ashaka, kandi abwigarurire uko ashaka.

Mu kwakira rero iyo nkuru nziza, Yezu Kristu yahise ahindura ubuzima bwacu bundi bushya, kandi ahindura ubuzima bwacu mo imbaraga ze, kuko yahise atwishushanya na we, kandi ahita atwambika isura ye, kugira ngo tumuhanye mu bikomeye kandi tumwamamaze mu bikomeye, ndetse n'ibyoroheje.

Yatwambitse imbaraga ze mu buryo bw'agatangaza, cyane cyane izo yari yagaragarije ku musaraba, kandi izo yari yagaragaje imbere y'abishi be, bityo natwe ahita azitwambika, kandi ahita azidusesura, kuko yari azi neza inzira tugiye gucamo, kandi yari azi neza inzira



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

azatunyuzamo, kugira ngo tubashe kugendana nawe, kandi tubashe kugaragaza ikuzo rye mu bamwemera, ndetse n'abatamwemera.

Yakoze rero byinshi muri twe kuri uwo muni, kandi akora byinshi, imirimo ndetse n'ibitangaza, cyane cyane agaragaza ubumana bwe, kandi agaragaza isura ye, mu kwemera kutwambika imbaraga, ndete no kuduha intwari ze, kugira ngo tujye ku rugamba, kuko mu kumara kutugaragariza ububengerane bwe, ndetse n'isura ye mu maso yacu, yahise yishushanya natwe, kandi ahita ashira amagambo ye mu kanwa kacu; bityo natwe duhaguruka tujya kumwamamaza kandi tujya kumuvuga, tujya kwamamaza hirya no hino mu Isi, ko yazutse kandi yizuye mu bapfuye.

Abenshi rero ntibabashaga kubyumva, kandi abenshi ntibabashaga kubyakira, kuko babifataga nk'ibisazi, bakadufata nk'abataye umutwe, ariko kandi kuko twebwe twari tuzi icyo tuvuga, kandi twari tuzi icyo duhamya ko tugihagazeho, ntabwo byatumye duceceka, nta n'ubwo byatumye tubyihishira, ahubwo uko bagendaga batuvumagiza, kandi uko bagenda batwita abayobe, ndetse n'abatazi ibyo bavuga, ahubwo nibwo imbaraga zarushagaho kwiyongera, kandi zarushagaho gukwira hirya no hino; bityo amajwi yacu akarushaho kurangurura, kandi akarushaho kwatura mu buryo





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

bukomeye, kandi mu buryo natwe ubwacu tutabasha gukontolora.

Yezu Kristu rero muri ako kanya yahise atwamururaho umwijima wari udutwikiriye, ndetse n'igihu cyari kidutwikiriye, bityo urumuri rwe ruradusendera, kandi imbaraga ze ziratwiyuzuzura; bityo tubasha kumuhamba dushize amanga kandi tubasha kumuvugira hirya no hino, tubasha kuvuga ibigwi bye ndetse n'urukundo rwe, kuko muri ako kanya yahise yiyunga natwe, kandi agendana natwe mu buryo bukomeye, ndetse arushaho kugaragaza imirimo ye ndetse n'ibitangaza, kuko n'ibyo atari yarakoze mbere akiri mu buzima busanzwe, akimara kuzuka yahise atwuzuzura imbaraga ze, kandi arushaho kudusobanurira byinshi, tutabashaga gusobanukirwa, kandi arushaho no kudufungura amaso yacu, ndetse ahumura amaso yacu n'amatwi yacu, kugira turusheho kumva ibyo abandi batumva, kandi turusheho no gusobanukirwa ibyo abandi batabashaga gusobanukirwa.

Mbega umunsi wari wuzuye ibyishimo, kandi wari wuzuye ibinezaneza, kuko wabonaga byaturenze, kandi natwe ubwacu tutabasha kubivugisha iminwa yacu cyangwa ngo tubisobanure uko tubibona n'uko tubyumva, ahubwo ukabona turi kurebana gusa; bityo ibinezaneza n'ibyishimo bikaturenga, natwe ubwacu, tukabura icyo



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

twavuga kandi tukabura n'icyo twatangaza, cyane cyane tumaze kugezwaho iyo nkuru nziza.

Byabaye nk'ibiturenga, kandi biba nk'iborenga ubwenge bwacu, ariko kandi kuko Yezu Kristu yari azi uko tumeze, kandi azi n'icyo yatubibyemo, yahise yeyururaho ibyari bidupfutse byose, kandi ahita yerururaho igihu cyari kidutwikiriye, bityo atwuzuzura imbaraga ze, kandi aduha ububasha bwe, tusimbukira hejuru turirimba Aleluya, kandi tumukuzura, tumusingiza, ariko kandi ntiyishimira ko tumugumana, ahubwo ahita atugezaho inkuru idasanzwe, cyane cyane y'uko tugomba gukwira hirya no hino mu Isi, kandi tukamamaza urupfu ndetse n'izuka rye, kandi ijambo rye arushaho kuritumanuriramo, kandi arushaho kuritwandikamo nk'igitabo kinini, kandi igitabo cy'amateka, gisobanura ibye, kandi kigaragaza ububasha bwe, kigaragaza urupfu rwe ndetse n'izuka rye.

Mu kwakira rero inkuru y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, byabaye nk'urufunguzo rufungura amarembo, kandi rufungura iby'ijuru byose byari bihishwe, bityo imiyoboro yari ifunze, ndetse n'ibyari bikomeje kwitwihisha, birushaho kutwisobanurira, kandi birushaho kutwigaragariza mu buryo bw'agatangaza, kuko Yezu Kristu yahise afungura imiyoboro muri twebwe, kandi afungura amarembo menshi yari akomeje guhishwa, kandi yari akomeje gukingwa; bityo rero



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ibyinshi tutari twagasobanukiwe, kandi ibyinshi tutari twakamenye, byahise bijya agahagaragara; bityo natwe tuba abahamya bo kubyamamaza, kandi tuba abahamya bo kubivuga, ndetse no kurushaho kubitangariza abenshi batari babyemeye, ndetse n'abandi bakiri mu gushidikanya.

Na n'ubu rero hariho benshi bashidikanya, kandi hariho benshi bemera ari uko babonye, ariko kandi icyo mvuga ni icyo mpagazeho, kandi niboneye n'amaso yanjye; bityo rero nkaba mbwira buri wese, kugira ngo yakire, kandi yiyumvishemo urukundo rw'Imana, kandi yiyumvishemo izuka ry'Umucunguzi, Umwami kandi Umugenga w'ibihe byose, kuko Yezu Kristu yizuye mu bapfuye, kandi akagaragaza ububasha bwe, bityo rero akazukira kudukiza.

Niyo mpamvu rero nshishikariza buri wese, kwakira inkuru nziza y'izuka ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yezu Kristu, atabanje kwibonera, ahubwo iteka n'iteka, akumva kandi akakira icyo agejeweho, kuko icyo mugezwaho ari ikinyakuri, kandi icyo mubwirwa ari icyavugiwe mu kanwa k'Uhoraho, kandi ari icyasohokanye ububasha, ndetse n'ubugenga bw'Umwami wacu Yezu Kristu.

Mbifurije umunsi mwiza, kandi mbifurije kugubwa neza.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Ndi Mutagatifu Tomasi, kandi uri kumwe na buri kiremwa cyose gituye Isi, cyane cyane mu barangwa no gushidikanya, ndetse n'abarangwa no kutakira icyo bagezwaho, kugira ngo mbabere urugero, kandi mbabere icyigisho gikomeye, kuko nanjye koko nemeye ari uko mbonye, atari uko nashidikanyaga ku byo nabwirwaga, ahubwo nabonaga byari birenze ubwenge bwanjye, kandi birenze ibitekerezo byanjye, nkumva rero kumubona ndetse no kumubonesha amaso yanjye, ari byo biratuma binyemeza, kandi ari byo biratuma bimpa ukwemera gukomeye.

Niyo mpamvu rero mwebwe mutasaba y'uko mwakwemera mubonye, ahubwo mugomba kwemera ibyo mwagejejweho, kandi ibyo mwabwiwe, kuko ari ibinyakuri kandi biturutse mu kanwa k'Uhoraho.

Mbifurije kugubwa neza, kandi mbifurije gutekana, kuguma mu bikari by'Uhoraho, ndetse no kuguma mu mutima mutagatifu wa Yezu Kristu, witangiye buri wese kandi akazukira buri wese, akazukira gukiza buri kiremwa cyose.

Nimubeho rero muri we, kandi musesekazweho n'imbaraga ze, kuko abakunda, kandi iteka n'iteka, akabaha urukundo rwe, kugira ngo rubakure mu rupfu, ahubwo rubashyire mu bugingo bw'iteka.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

AMAHORO, AMAHORO ! NDABAKUNDA CYANE ! NDI  
MUTAGATIFU TOMASI. AMAHORO, AMAHORO !



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

8. MUTAGATIFU VERONIKA

**UBUTUMWA BWA MUTAGATIFU VERONIKA, *TARIKI 06*  
*MATA 2023.***

Mbega ibyishimo b'Umwami wacu Yezu Kristu, mu kutumenyesha ndetse kudutangariza urukundo rwe mu buryo bw'agatangaza, atugaragariza intsinzi ku mugaragaro, kandi atugaragariza izuka rye, mu buryo bw'agatangaza, adukura mu bwigunge n'ubwihebe, kuko twari dufite igishyika ku mutima, cy'urupfu rwe, kandi tumufitiye urukundo mu buryo butagira urugero.

Mu kudutangariza rero inkuru nziza y'izuka rya Nyagasani Yezu Kristu, byatubereye icyomoro gikomeye cy'imitima yacu, kuko twari dusubiranye uwo twakundaga, twari twabuze ; bityo bidutera inyota n'ikinyotera cyinshi ku mutima, bisabagizwa n'urukundo, kandi ubwuzu buradusenderera mu mitima yacu.

Maze urumuri rw'Uhoraho ruturasiraho, ububasha bwe buradasabanisha na we, maze dufungurirwa ibyiza twari twaragenewe kuva kera na kare, kuko twatangarijwe kandi tugashyirirwa ku mugaragaro, ibyiza bya Nyagasani Yezu Kristu, yadupfunyikiye kandi impamba ishyyitse y'ibyiza yagiye kuturonkera, mu kwishyira mu rupfu, maze gutangaza izuka, akatugabira kandi akatugaragiza



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

byose yaruhiye ku buntu, nta kiguzi tumuhaye, akabidusendereza.

Nabishimirwe ibihe byose, kandi ahore asingirizwa mu be, iminsi yose y'ubuzima bwa buri kiremwa muntu uri ku Isi, kuko yacungujwe amaraso y'agaciro gakomeye, kandi agahabwa ijambo, imbere y'Uhoraho Imana, kuko Yezu Kristu, yatanze ubwigenge kandi agatanga imbaraga, ku bemera kuyoboka Ijuru, kandi akabafungurira umuryango, mu buryo bwagutse kugira ngo buri wese yigerereye, kandi yishyire yizane imbere y'Uhoraho Imana.

Mu kudutangariza rero izuka ry'Umukiza, twaronse umukiro usendereye, umudabagiro n'ibyishimo bigeretse ku bindi, bityo turishyira turizana mu rukundo rwa Nyagasani; dusabagizwa n'umunezero mu buryo bw'agatangaza, kuko yadukinguriye imiryango y'ibyiza by'ingoma y'Ijuru, maze ibyiza by'ingoma y'Ijuru byose bikadusenderera; duhabwa imbaraga mu buryo bw'agatangaza, tuba abahamya b'izuka n'urupfu rwa Yezu Kristu, kugira ngo twamamaze ibyiza yaturonkeye mu bubabare, maze agangaza izuka mu kudusendereza imbaraga, mu buryo bw'agatangaza.

Yezu Kristu ni muzima mu buzima bwa buri muntu uri ku Isi wese, kuko yaturonkeye umukiro tudateze



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

kwamburwa n'ubonetse wese, kandi akaba yaradukinguriye umuryango, Mwene Muntu yari yivukije imbere y'Uhoraho, maze ku bw'urupfu rwa Yezu Kristu akatubohora ku ngoyi y'umwanzi.

Yezu Kristu mu izuka rye yatugabiye imbaraga ze kandi aduha ubutwari, kugira ngo dutwaranire ingoma ye kandi tubashe kuba ibyegera bye mu buryo bw'agatangaza.

Mu rukundo rwanjye namukundaga, nasabagijwe n'ibyishimo, bityo umutima wanjye wiyunga mu we, maze nuzura ibinezaneza, kuko yakonojemo ububabare nari mfite, kandi ankonzamo icyizere gikeya nari mfite, anyambika imbaraga, maze angira umuhamywa w'ibye mu buryo bwuzuye, nsenderezwa imbaraga, ukwemera n'ukwizera n'urukundo, nirekurira muri Yezu Kristu ntacyo nikanga, kandi ntacyo nishisha; ambara iruhuko ubuzima bwanjye bwose, kandi anyomora ibikomere byose byari byanshegeshe umutima wanjye, maze ngira ubusabane budasanzwe, mu gufungurirwa ibyiza by'ingoma y'Ijuru.

Mbega umunezero udashira, mbega ibyishimo bigeretse ku bindi, kuko yatubereye koko urufunguzo rw'ibyiza by'ingoma y'Ijuru; bityo akatwunga na Se, kandi akadufungurira umuryango ugana kwa Se, kugira ngo





## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

natwe twigenge kandi tubarirwe mu bana b'Imana by'ukuri.

Yezu Kristu izuka rye ryabaye agatangaza, bityo tuzirikana tudashidikanya umukiro wacu, kandi n'umukiro wa buri kiremwa kiri ku Isi cyose, cyane ikiremwa muntu, kugira ngo yiyumvishe urukundo rw'Imana, kandi asabagizwe n'ibyiza, Ijuru ryose ryagabiye Mwene Muntu.

Ni iki twanganya n'urukundo rwa Yezu Kristu rwitanze, ni iki twamugereranya na we, ko akenutse kuri byose, kandi akaba afite ubukungu bwose, cyane cyane akaba adukenura aho tutabasha kwigerera, aduhaza ibyiza n'ingororano y'ibyiza byo mu Ijuru, ko yayidusesekajeho bityo akatumurikira, akatwumvisha uburyohe bwo gutunga umurage mwiza wo mu Ijuru.

Yadutandukanyije n'ibyaduhendaga ubwenge, byadukuraga umutima ku Isi, ibyo twumvaga ari ibihangange, ari ibinyabubasha, tubirambika hasi, dukurikira Yezu Kristu dushize amanga, kuko icyo gihe ntacyo namunganyaga nacyo, ndetse nta n'icyo namugereranya nacyo ku Isi; kuko kwirekurira mu rukundo rwe no gutwarwa na we nabirutishije ibyampaga agaciro mu Isi, andutira byose kandi musumbisha byose mu biri ku Isi, maze numva gutura mu rukundo rwe ari yo mahoro asendereye, kandi ari byo byishimo bidakama.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Yezu Kristu yambereye byose, Yezu Kristu yandamiye mu gihe gikwiye kandi gikomeye ; ku bw'ububasha bwe bwamuteye kudusanga, kandi bukamuha kwizura mu bapfuye, yabusakaje ku bamukunda, kandi buri wese arabibona arabyiyumvamo, ku bw'isezerano twari dufite, kandi kubwo kurindirana icyizere, kandi mu kurindirana ukwemera, kuko twari twizeye ko Yezu Kristu azazuka mu bapfuye, ariko nyine tukagira igishyika, kandi n'intege nkeya ; izuka rye rero ritubera ikiramiro, kandi ritubera nk'umuti nyawo yatugeneye, kandi yaruhiye kugira ngo tugire ubuzima, kandi tugire ibyishimo n'ibyiringiro muri we.

Ntiyigeze adutenguha cyangwa ngo adutererane, twanejejwe n'uko atwuzurije amasezerano kandi tunezewa n'uko turi mu birindiro bye, kandi dukomejwe nawe, turinzwe na we mu buryo bw'agatangaza.

Yaduhaye rero imbaraga, kandi aratugabira, ingabire y'ukwemera n'ukwizera n'urukundo, kugira ngo turusheho kumwemera kandi turusheho kumukunda no kumuyoboka, tumusumbishe byose.

Ntacyo rero twumvaga ku Isi gifite agaciro gusumbya ububasha bwe, gusumbya imbaraga ze, gusumbya uwo ari we kuko yari yatwaye wese, kandi akatwirehereza wese, muri cya gitinyiro cye cy'izuka, kuko



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

yadusakazagaho urumuri rwe ; aho twabaga turi hose, twiyumvaga turi kumwe na we, ari kugenda ahindura byinshi mu buzima bwacu.

Yezu Kristu rero yakoze byinshi mu gice cy'izuka rye, kandi ahindura byinshi mu buzima bwacu, kugira ngo turusheho kumuyoboka kandi kumwubakaho ; bityo tugira umusingi ukomeye w'intumwa, kugira ngo tubashe kwamamaza ubutumwa bwe ku Isi hose.

Habayeho rero gukomeza intumwa mu buryo bw'agatangaza, mu kudusesekazaho imbaraga no kutwambika igitinyiro cye, bityo tugatambukana ishema n'isheja muri we, twamamaza ibigwi bye kandi twamamaza ibikorwa bye muri rubanda nyamwinshi, ntacyo twikanga kandi ntacyo twishisha.

Kuvuga izina rya Yezu Kristu byari ishema, ntibyaduteraga impungenge cyangwa ubwoba, kabone n'aho twacecekeshwaga, ntabwo amajwi yacu yemeraga guceceka, kandi imitima yacu ntitwemeraga gutuza, ahubwo twarushagaho ; bityo tukamamaza dushize amanga ibyiza, ibitangaza bya Nyagasani Yezu Kristu, wizuye mu bapfuye.

Yezu Kristu yaradukomeje kandi aturemamo imbaraga nshya, mu buryo bw'agatangaza, ku buryo natwe ubwacu tutabyikegaho, kandi tutabyumvaga.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Izuka rye rero rikaba ryarahinduye byinshi mu buzima bwacu, mu kutwambika imbaraga, kandi mu kudukomereza intambwe, mu buryo bukomeye kandi budatezuka, kuko yatubereye byose, kandi adukomezamo ububasha n'ubudahangarwa bwe, kugira ngo ijambo rye aho turibibye, kandi abo turigejejeho, ribe nka ya mbuto nziza ibibwe mu gitaka cyiza.

Maze rirumbuka imbuto nyinshi, natwe ubwacu turushaho gutera imbere mu rukundo rwe, kuko yatubereye nk'umuti udukiza, kandi atubera umugenga, umuyobozi w'ubuzima bwacu, iminsi yose y'ubuzima bwacu, duhora twituriye muri we, kandi kuguma mu rukundo rwe, tubisumbisha ibindi byose.

Izuka rya Yezu Kristu ryatubereye nk'abari mu nzuzi, kuko twabaye nk'abantu borosowe barotaga, bityo bitwuzuzwa ibinezaneza, tubadukana ishema n'isheja, twamamaza ibigwi bye, dusingiza kandi dukuzwa Imana, Umuremyi wa byose, Yo Rubasha kandi We Muhanga usumba abahanga bose b'isi ; We warindagije ubwenge bw'abanyabwenge, bakibwiraga ko ibyo bakoraga ku mubiri wa Yezu Kristu bihagije ; bityo mu nsinzi yo gutangaza izuka rya Yezu Kristu, biba koko umusemburo ukomeye w'icyiza kidasanzwe, bitandukanya imikorere y'abantu n'Imana, kuko ububasha bw'Imana butavogerwa, kandi bigaragaza mu buzima bwacu, ko Imana idapfa, kandi ibikorwa



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

by'Imana, nta wushobora kubivogera, ahubwo biduha ukwemera n'ukwizera ko wari umugambi wagombaga kuzuzwa, maze bikagaragaza ububasha budahangarwa bwa Yezu Kristu.

Yezu Kristu rero yizuye mu bapfuye kugira ngo agabire umukiro, ubuzima Mwene Muntu, binyujijwe mu nzira ikomeye kandi ikakaye ndende, bitubera ishusho rizima ryo gukunda no kwitangira Imana, ndetse no kubaho mu rukundo rw'Imana, ko inzira y'Imana kandi kugendana n'Imana, bisaba kwiyibagirwa no kwihara ; bityo natwe tugira ikinyotera cyo kwirekurira mu Mana ; ko ntacyo dushobora kuba, ko tudashobora gupfa turi kumwe nayo, kabone n'aho imibiri yababara cyangwa tugatotezwa tukageragezwa, twumvishe ububasha buhanitse bw'Imana isumba byose, ko iri hejuru y'ibinyabubasha byose byo ku Isi ; bityo turonka imbaraga n'umukiro ukomoka kuri Yezu Kristu, mu ishusho rizima ryo kwemera kwinjira mu rupfu, kandi agatangaza izuka.

Muri we rero aba ari ho twishushanya, maze twemera guca mu nzira ye igoye, kandi inzira y'ibibazo n'ibigeragezo, aho kugira ngo twihakane izina rya Yezu ; aho kugira duce ukubiri n'icyo Yezu ashaka, kuko yari kutugaragariza ko bese abasumbya imbaraga, ububasha n'ubushobozi.



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Byatubereye rero nk'ifumbire ifumbira roho zacu, kandi ifumbira imbaraga zacu, kugira ngo tubashe kwirekurira rwose mu rukundo rwa Yezu Kristu, twitange kandi twemere kwibabaza kubera ingoma ya Yezu Kristu.

Yatugaragarije ubutwari bwe, kandi atugaragariza imbaraga ze zitavogerwa, bidutera kubaduka kandi bidutera kwiyumvisha neza, ububasha budahangarwa bw'Imana, kandi imbaraga z'Imana, ko ntacyo zidakora, kandi ntacyo zidashobora guhindura mu buzima bw'umuntu.

Inyigisho ya Yezu Kristu, ibikorwa bya Yezu Kristu, byaduhamyemo kandi birushaho kugara, kandi birushaho kwiyongera mu buzima bwacu, kubibyaza inyungu n'umusaruro, tuzirikana ijamba ku rindi yavuganye natwe kandi yatubwiye, kandi ububare bwe tububwaza ishusho rizima, ry'urukundo rutavogerwa, kandi urukukundo rudacogora mu bikomeye.

Yezu Kristu yambereye icyitegererezo cyo gukunda Imana, cyo gukorera Imana, mu buryo bukomeye n'uburyo bworoheje.

Ntacyo rero tutavomye muri we, kandi nta n'icyo atavomereye, kugira ngo turusheho kuba mu rukundo rw'Imana ibihe byose, kandi turusheho kumva no gutega amatwi ijwi ry'Imana riduhamagara, aho ritwerekeza,



## INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

ndetse n'aho Ijuru rishaka kutwerekeza, kujyayo ntacyo twikanga, kandi nacyo twishisha, tukirundurira mu maboko y'Uhoraho Imana, We nyir'ibiremwa, kandi ufite imbaraga n'ububasha ku biremwa byose.

Yagaragaje umutsindo we, ku mwana we Yezu Kristu, na we twemera ko azagaragaza ububasha bwe, yakoresheje mu kwizura, aturwanaho kandi adufasha kwamamaza ibikorwa bye, ku bw'ubutumwa budasanzwe, intumwa zari zifite, kandi buri wese wamumenye, kandi wamusobanukiwe, umwemera kandi umukunda, kuko twari dufite icyizere gikomeye ko aduhagazeho, kandi turi kumwe, nta gishobora kutuvogera; ndetse nta n'igishobora kutwambura ubuzima bwa roho, kuko muri Yezu Kristu natwe twari twamaze gutsinda.

Yatubereye rero intsinzi mu buryo bw'agatangaza, kandi araturamira, ibyo bituremamo imbaraga bituma twirekura, ntacyo twikanga mu Isi, ndetse nta n'ikidutera kwishisha mu Isi; bityo twirekurira mu rukundo rwe ubuziraherezo, maze twemera kwakira icyiza atugenera, ndetse n'aho adushaka, maze ibinezaneza biradusaba, imitima yuzura ibyishimo, iminwa yacu yuzura ibitwenge, twishimira muri Nyagasani Yezu Kristu.



INZIRA Y'UMUSARABA N'IZUKA RY'UMWAMI  
N'UMUCUNGUZI WACU YEZU KRISTU

Nahore rero aganje mu biremwa byose, kuko ari nyir'ingoma zose z'Isi, kandi akaba akindikije ububasha bwose, ari nyir'ikuzo, ari nyir'ingoma, ibihe n'ibihe.

Nahore asingirizwa mu buzima bw'ikiremhamuntu ibihe byose, kuko abikwiriye kandi akaba akwiriye icyubahiro, mu be, mu bo yacunguye, kandi mu bo yameneye amaraso, bityo akabatangariza umukiro n'izuka mu buryo bw'agatangaza.

NIMUGIRE AMAHORO, MBIFURIJE IBIHE BYIZA. NDI  
MUTAGATIFU VERONIKA. AMAHORO, AMAHORO !